# Ikinyarwanda – Amashuri abanza

## Umwaka wa gatanu 5

Twumve, tuvuge,
dusome, twandike,
duhange mu Kinyarwanda

Igitabo cy'umunyeshuri

© 2022 Urwego rw'Igihugu rushinzwe uburezi bw'ibanze (REB)

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'ibanze(REB).

# IJAMBO RY'IBANZE

Munyeshuri,

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze runejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda umwaka wa gatanu w'amashuri abanza. Iki gitabo kizabafasha mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi mu kunoza imyigire y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo mugera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro murimo. Ibyo bigamije kubategurira gukomeza kwiga amashuri yanyu kugira ngo mwunguke ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukesha bizabafasha kuvamo Abanyarwanda beza.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bibafashe mu myigire yanyu. Hari impamvu nyinshi zituma mwiga, ibyo mwize bikababaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ibafasha mu myigire yanyu. Iyo myitozo muyubakiraho mutanga ibitekerezo ndetse munivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri mwebwe ubwanyu ndetse no ku Gihugu muri rusange. Mufashijwe n'abarimu bafite inshingano zo kubayobora, turizera ko muzunguka ubushobozi bushya muzifashisha mu buzima bwanyu buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose bityo agahabwa uruhare runini mu myigishirize. Ikindi kandi, ubu buryo buzabafasha mu gukora ibikorwa bitandukanye, mutekereza ku byo mukora kandi munakoresha ubumenyi musanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Kuzamura ubumenyi n'ubushobozi mukora imyitozo yateganyijwe kuri buri kigwa;
- Gukorana na bagenzi banyu mukorera mu matsinda, mujya impaka ku nsanganyamatsiko runaka, muganira hagati yanyu, mumurika ibyo mwakoze mu matsinda ndetse mukora ubushakashatsi mwifashishije amasomero, murandasi cyangwa ubundi buryo;
- Kugira uruhare mu myigire yanyu;
- Gukora umwanzuro unoze ujyanye n'ibyavuye mu bushakashatsi.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo, by'umwihariko abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) bagize uruhare rukomeye muri iki gikorwa kuva gitangiye kugeza kirangiye.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza bagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo.

Ndashimira by'umwihariko Kaminuza y`u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho, yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo no kugenzura ko amashusho yakoreshejwemo ari umwimerere.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ryacyo.


**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**

**Umuyobozi Mukuru wa REB**

# GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa gatanu w'amashuri abanza. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.
Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa. Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.
By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.
Ndangije nshimira abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.
Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ry'ubutaha.

**MURUNGI Joan**



**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB**

# Ishakiro


Iriburiro ........ ix

Ibimenyetso byifashishijwe ........ xi

**Umutwe wa mbere: Kwimakaza indangagaciro nyarwanda ........ 1**

1.1. Dukunda igihugu cyacu ........ 1

1.2. Ndabaga umukobwa w'intwari ........ 5

1.3. Kurwanya ruswa ........ 10

1.4. Gukorera mu mucyo ........ 14

1.5. Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ........ 17

1.6. Inshamake y'umwandiko ........ 18

1.7. Igitekerezo cya Nyamutegerakazaza ........ 21

1.8. Ikeshamvugo ku nka, amata n'igisabo ........ 30

Isuzuma risoza umutwe wa mbere ........ 34

**Umutwe wa kabiri: Kwimakaza uburenganzira bwa muntu ........ 37**

2.1. Uburenganzira bw'umwana ........ 37

2.2. Uburenganzira ku mutungo ........ 41

2.3. Uburenganzira bw'abanyantege nke ........ 44

2.4. Uburenganzira bw'abafite ubumuga ........ 47

2.5. Indango z'inshinga ........ 51

2.6. Amagambo akatwa ........ 53

2.7. Amarangamutima ........ 54

2.8. Inyigana ........ 55

2.9. Inkuru ishushanyije: Dukine kuko ari byiza, ariko ntibitwibagize inshingano zacu .................................... 57
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri ................................................ 65

**Umutwe wa gatatu: Gufata neza ibidukikije ................. 69**
3.1. Ibidukikije ni iki? ................................................................ 69
3.2. Ingiro nkora n'ingiro ntega ................................................ 73
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu ................................................ 74

**Umutwe wa kane: Ubuzima bw'imyororokere.............. 78**
4.1. Tuboneze ubuzima bw'imyororokere.................................. 78
4.2. Uturemajambo tw'amazina rusange mbonera arimo amategeko y'igenamajwi ajyanye n'ingombajwi................ 82
4.3. Twirinde abadushora mu mibonano mpuzabitsina........... 85
4.4. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ni iki? ................................................................ 89
4.5. Ubugimbi n'ubwangavu........................................................ 93
4.6. Isuku y'imyanya ndangagitsina ........................................... 99
4.7. Ntera.................................................................................. 102
4.8. Izina ntera......................................................................... 107
4.9. Igisantera .......................................................................... 109
4.10. Imyandikire y'amagambo aranga ahantu.......................... 111
Isuzuma risoza umutwe wa kane................................................ 112

**Umutwe wa gatanu: Kwimakaza imiyoborere myiza..................................................... 117**
5.1. Gufatira ibyemezo hamwe.................................................. 117
5.2. Gukorera mu mucyo .......................................................... 121
5.3. Uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi .................................................................. 125

5.4. Ikinyazina nyereka .......... 129
5.5. Amasaha ya Kinyarwanda. .......... 133
5.6. Amezi ya kinyarwanda. .......... 137
5.7. Ibihe bya kinyarwanda .......... 138
5.8. Ubutumwa bugufi .......... 142
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu .......... 144

**Umutwe wa gatandatu: Umuco w'amahoro .......... 148**
6.1. Umwana n'ingona .......... 148
6.2. Ikinyazina ngenga .......... 154
6.3. Porisi y'u Rwanda irakangurira abaturarwanda kwirinda inkongi z'umuriro .......... 158
6.4. Malala Yusafuzayi n'imyigire y'abakobwa muri Pakisitani .......... 161
6.5. Ukuri kwa Minani .......... 166
6.6. Ikinyazina ndafutura .......... 170
6.7. Ubutabera: Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni .......... 172
6.8. Ikinyazina ngenera .......... 175
6.9. Mahoro Keziya yandikiye Rukundo .......... 178
6.10. Amagambo aranga igihe .......... 184
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu .......... 185

**Imyandiko y'inyongera .......... 190**
**Inyamaswa zigabana umuhigo .......... 192**
**Amagambo mashya yakoreshejwe muri iki gitabo .......... 194**
**Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe .......... 204**

# Iriburiro

Munyeshuri,

Iki gitabo kigenewe umwaka wa gatanu w'amashuri abanza, cyateguwe hashingiwe ku nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi.

Kigabanyijemo imitwe itandatu kandi buri mutwe ukubiyemo imyandiko ishingiye ku nsanganyamatsiko zitandukanye, zijyanye na gahunda y'uburezi Igihugu kimirije imbere.

Insanganyamatsiko zashingiweho imyandiko muri uyu mwaka wa gatanu ni izi zikurikira: kwimakaza indangagaciro nyarwanda, kwimakaza uburenganzira bwa muntu, gufata neza ibidukikije, kuboneza ubuzima bw'imyororokere, kwimakaza imiyoborere myiza n'umuco w'amahoro.

Nyuma y'izo nsanganyamatsiko, hari ubushobozi bwa rusange ugomba kugeraho, kugira ngo ushobore kuzuza inshingano zawe hano ku isi nk'umuntu ujijutse, kandi ukorana n'abandi agamije kwiteza imbere no guteza imbere igihugu ke.

Ubwo bushobozi ugomba kugenda wiyubakamo ni ubu bukurikira: gushobora kwiyigisha wowe ubwawe usoma ibintu bitandukanye kandi ugakomeza kwihugura n'igihe utari ku ishuri cyangwa nyuma yo kurangiza amashuri, gutekereza byimbitse ugashobora kujora ibitekerezo n'ibikorwa bitandukanye ntube nemeye iryo cyangwa nyamujya iyo bijya, guhanga udushya no kunoza imikorere, gukora ubushakashatsi nawe ukaba wagira uruhare mu gukemura ibibazo uhura na byo n'ibyugarije isi muri rusange, kugira ubuhanga mu kuganira no gukoresha ururimi no kumenya gufatanya n'abandi ugakorana na bo mugamije kugera ku ntego nziza.

Ubifashijwemo n'umwarimu wawe ndetse n'abo mubana, ugomba gusoma iki gitabo kenshi, ukakitorezaho gusoma, ukumva ibitekerezo n'inyigisho bigikubiyemo, ugakora imyitozo yo kwiyungura amagambo no kuyakoresha mu nteruro, ukumva inyigisho ikubiye muri buri mwandiko, kandi ibyo wize ukabishyira mu bikorwa ku buryo bikuranga mu myitwarire yawe. Turizera ko kuri buri mwandiko uzahigira

ubumenyi, ukabushyira mu bikorwa kandi ugahindura imyitwarire ukurikije ibyiza washimye n'ibibi wanenze.

Kugira ngo ucengere ururimi rw'Ikinyarwanda n'umuco rubumbatiye, imyandiko ishingiye ku nsanganyamatsiko igenda yunganirwa n'imyandiko y'ubuvanganzo. Muri uyu mwaka rero uzasesengura ibitekerezo bya rubanda, ibiganiro n'inkuru ishushanyije.

Iyo myandiko y'ubuvanganzo ni ivomo ry'umuco nyarwanda n'amagambo gakondo y'ururimi rw'Ikinyarwanda kandi ni ishingiro ryo kwitoza kuvuga Ikinyarwanda cy'umwimerere, no kuvugana isheja ukina wigana abanyarubuga batandukanye. Muri iyi myandiko harimo iyo uzakenera gufata mu mutwe kugira ngo uyitorezeho kuvuga. Iyo myandiko ni ibiganiro n'inkuru ishushanyije.

Muri buri mutwe harimo kandi ubumenyi bw'ururimi ukeneye uko ugenda utera imbere mu gukoresha ururimi wubaka interuro ziboneye, uvuga cyangwa wandika. Ubwo bumenyi bw'ururimi, bugizwe n'ikibonezamvugo n'imyandikire iboneye y'Ikinyarwanda ndetse n'ikeshamvugo.

Ibi rero ni byo iki gitabo gishingiye ku nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi kigamije kukugezaho wowe munyeshuri: Ikinyarwanda ucyumve mu buryo bwimbitse, ukivuge mu buryo bunoze, ugisome uko bikwiye, ucyandike mu buryo buboneye, ugihangemo ibihangano by'ubugeni, ariko ku buryo bw'umwihariko ugikoreshe utanga ibitekerezo bifite ireme ku buryo byagirira akamaro Abanyarwanda n'abatuye isi muri rusange.

Ibyo ni byo tukwifuriza, kandi nukorana umwete, uzabigeraho nta kabuza.

Abanditsi.

# Ibimenyetso byifashishijwe

 : Umwitozo wo kwandika.

 : Buri wese akora wenyine.

 : Gukorera mu matsinda ya babiri.

 : Gukorera mu matsinda y’abantu barenze babiri.

 : Gutanga ibitekerezo cyangwa kujya impaka.


 : Umwitozo wo gutekereza no gushakisha igisubizo.

 : Gukina bigana.

 : Gukora ubushakashatsi.

# 1 Kwimakaza indangagaciro nyarwanda

## 1.1. Dukunda Igihugu cyacu



Buri gitondo mbere y'uko twinjira mu ishuri, duteranira imbere y'ibendera ry'Igihugu, tukaririmba indirimbo yubahiriza Igihugu cyacu. Ubwo turata ibyiza bitatse u Rwanda, tukishimira ko turubanyemo neza, tukaniyemeza kurukorera kugira ngo ingufu zacu ziruteze imbere. Dushimira abakurambere b'intwari bahanze u Rwanda, bakarwagura ndetse bagahashya ubukoroni na mpatsibihugu. Mu ndirimbo yubahiriza Igihugu, twiyemeza kwitangira amahoro no kurinda ibyiza tumaze kugeraho tubikesha ubufatanye bwacu.

Iyo turirimba iyi ndirimbo numva nishimye, nkishimira ko igihugu cyacu ari kiza kandi gifite amahoro. Mu miryango iwacu turatekanye, mu nzira aho tugenda ntawuduhutaza, ku ishuri twigana tutishishanya. Turiga tugatsinda tubifashijwemo n'abarimu bacu. Sogokuru akunda kumbwira ko Abanyarwanda ari bene mugabo umwe. Ambwira ko tugomba kubana kivandimwe, tugakundana, tugafashanya kandi tugakomera kuri ubwo bumwe bwacu kuko ari ubukungu butagereranywa. Anyumvisha ko tugomba gushyira imbere ko twese turi abana b'u Rwanda, bityo tukarangwa no guhora dutahiriza umugozi umwe. Impanuro ze zandemyemo umutima wo gukunda u Rwanda. Numva ntifuza ko hagira uruvuga nabi cyangwa ngo arubuze amahoro.

Sogokuru yanyumvishije ko uwo ukunda umuvuga umutaka, ukamuratira abatamuzi. Kubera izo mpamvu, ndarata u Rwanda kuko ari rwiza rukaba rutwizihiye. Abarutuye turangwa n'urugwiro, abadusanze ntibinuba. Ntibarambirwa kuko tubatambagiza urw'imisozi igihumbi bakanyurwa n'ibihe byiza bidashyuha kandi ntibinakonje.  Amashyamba, imisozi n'ibiyaga bituma duhumeka umwuka mwiza uyunguruye. Amashyamba ya kimeza n'ayatewe n'abarutuye ni intaho y'inyoni nyinshi n'inyamaswa z'amoko anyuranye. Nawe se, ngizo ingagi zisigaye hake ku isi, intare rutontoma umwami w'ishyamba, inzovu, twiga, impara n'imparage, impyisi n'ingwe, inguge z'amoko yose, kagoma, ibikona, inkongoro, sakabaka, inyange n'inyombya, isandi, imisure n'izindi.

Sogokuru yampishuriye kandi ko ukunda igihugu ke agikorera, agafatanya n'abandi kugiteza imbere mu kigero arimo. Igihugu cyacu ni kiza kuko gifite amahoro, bituma buri wese akora atekanye. Kugikunda ni ukukifuriza amahoro arambye, abagituye twese tukaba tugomba kuyaharanira. Twe abanyeshuri, tugomba kubana neza na bagenzi bacu, tukiga kuko ari cyo ababyeyi badusaba kandi ari na cyo Igihugu kidutezeho, ndetse tugaharanira gutsinda. Sogokuru yarambwiye ati: "Mwebwe muri abajyambere, mukomeze muvome ubwenge, maze iki gihugu cyababyaye muzagiteze imbere, mugikungahaze, bityo ibyo muririmba mubishyire mu bikorwa."
Sogokuru yankanguriye kwirinda amanjwe, nkitabira gukora icyo nshinzwe, nkirinda icyatuma abantu bashyamirana, bacikamo ibice.

Sogokuru yansobanuriye ko gukunda igihugu bidasaba kuba uri umuntu mukuru, ahubwo bisaba kwita ku cyo ushinzwe no kutabangamira inyungu rusange. Yanambwiye kandi ko ubufatanye ari intwaro yafashije abakurambere kugera ku byiza turirimba buri gitondo. Ati: "Namwe mukwiye kurangwa no gufashanya, abumva amasomo vuba kurusha abandi bagasobanurira abatayumva, abafite intege bagasindagiza abatazifite, abazima bakita ku barwaye, abanyangufu bakirinda guhutaza abatazifite." Abasangiye igihugu barangwa n'umutima wo gusangira ibyiza bafite, byaba bike, byaba byinshi, kandi bakabifata neza kugira ngo bidasenyuka. Gukunda igihugu si ukwita ku bariho ubu, ahubwo ni ukureba n'abazaza mu gihe kiri mbere. Gukunda igihugu si ukwiyitaho gusa wowe ubwawe ahubwo ni ukwita no ku bandi kuko iyo ugirira abandi ineza, nawe uba uyigirira.

Ugira ineza ukayisanga imbere. Agaciro si imyaka ufite, ahubwo ni ibyo ushobora kwigezaho no kugeza ku bandi.

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

1. Abakurambere
2. Turatekanye
3. Ntawuduhutaza
4. Tutishishanya
5 Gutahiriza umugozi umwe
6. Intaho
7. Mugikungahaze
8. Amanjwe
9. Abanyarwanda ni bene mugabo umwe

## Umwitozo w'inyunguramagambo

**Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.**

| | |
|---|---|
| 1) Gushyira mu bikorwa | a) Kugirana amakimbirane |
| 3) Atekanye | b) Ubwuzu umuntu agaragariza uje amugana. |
| 4) Urugwiro | c) Gushyira mu ngiro ibyavuzwe |
| 2) Gushyamirana | d) Ari mu mahoro |

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni iki abanyeshuri bavugwa mu mwandiko bakora buri gitondo?
3. Mu mwandiko batubwira ko uyu mwana uvugwamo iyo baririmba iyi ndirimo yumva ameze ate?
4. Mu mwandiko batubwira ko sekuru w'uyu mwana ari izihe nama yamugiriye?
5. Ni ibiki biranga abatuye u Rwanda bivugwa muri uyu mwandiko?
6. Ni ibiki umuntu ukunda igihugu yakora?
7. Nk'umunyeshuri ukunda Igihugu cyawe ni iki usabwa gukora?


## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko umaze gusoma.
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko.
3. Ni izihe ngero z'indangagaciro zigaragara mu mwandiko?

## D. Ihangamwandiko

Himba umwandiko utarengeje amapaji abiri, uvuga ku bikorwa biranga umuntu ukunda igihugu ke.

# 1.2. Ndabaga umukobwa w'intwari



Ndabaga yavutse ari ikinege. Akiri uruhinja, se yagiye ku rugerero, asigarana na nyina, akura atazi se. Akajya abaza nyina aho se yagiye, na we akamusubiza ko yagiye ku rugerero akagumayo, bitewe n'uko nta muhungu yabyaye wo kumukura, akaba ari nta n'umuvandimwe agira wamusimbura.

Ndabaga atangira kwiga imirimo ya gihungu buhorobuhoro, nko kurasa, gusimbuka, gutera icumu, gufora umuheto, kwiruka, mbese imirimo ya gihungu yose arayitoza ayimarayo. Nuko Ndabaga ajya no mu bacuzi kwisatuza amabere, barangije barayashiririza ngo adapfundura. Nyina amubajije icyo abigirira, amusubiza ko agomba kwiga imirimo y'abahungu kugira ngo azarengere se. Aho amariye kuva mu bwangavu abwira nyina ko ashaka kujya kuramutsa se, akamubona na we akamumenya, ariko

cyanecyane akamukura ku rugerero. Nyina arabyemera amushakira impamba, amuha Abanyabwishaza bagemuriye ababo ku rugerero barajyana.



Ageze mu rugerero asaba abahungu b'ikigero ke kumwereka umuntu witwa Nyamutezi. Abo abajijie baramumwereka. Bararamukanya baranezerwa. Bukeye Ndabaga abaza se icyatumye adataha, undi amusubiza ko yabuze umusimbura kandi ko amaze kunanirwa kubera ubusaza. Ndabaga amubwira ko icyamuzanye ari ukumukura maze agataha akajya kuruhuka. Umusaza yatekereza ko Ndabaga ari umukobwa akumva ko bitashoboka. Mu kumumara impungenge, Ndabaga amubuza kuvuga ko ari umukobwa kuko yari yizeye ko imirimo ya gihungu yose ayishoboye, kuko yayitoje bihagije. Ubwo yavugaga nko kurasa, gutera icumu, kwiruka, gusimbuka...Anamwizeza ko iyo atashoboye kumenyera iwabo kuko atari afite abayimwigisha, azayigira ku rugerero. Mu kumuhinyuza, Nyamutezi amuha umuheto ngo arebe

ko yamasha, amushingira intego, Ndabaga arayihamya. Amuha icumu amwereka aho aritera. Aho yamweretse araharenza. Amushakira abahungu bangana ngo basiganwe, arabanikira. Se abibonye arabishima, yemera kumwerekana, nk'umukura we, umugenga w'urugerero aramwemerera arataha.

Ubwo Ndabaga asigara ku rugerero, yiga kwiyereka imyiyereko yariho icyo gihe, yose arayimenya. Aba intore nziza arashimwa arakundwa cyane! Kubera ko yayoborwaga mu byo akora byose akumvira akitonda cyane, bahoraga bamutangaho urugero, bituma atanga abandi kugabana inka nyinshi. Abandi babibonye bamugirira ishyari, kuko abarushije kugabana inka nyinshi kandi aje vuba. Ubwo harimo n'ab'iwabo bamuzi, bakajya bajujura ko Ndabaga abarushije kugabana kandi ari umukobwa!

Ababyumvise babibwira umwami. Bukeye umwami aramuhamagara, amujyana ahiherereye, amubaza niba ari umuhungu, cyangwa se umukobwa. Ndabaga ikibazo kiramukomerera pe! Akumva namubwira ko ari umuhungu, akamurahiza akarahira, akamubwira kumwambarira ubusa agasanga ari umukobwa, biri bumubere icyaha gikomeye ! Yakubita agatima kuri se wavuze ko ari umuhungu, na bwo akumva nabihakana biri bumubere na we icyaha kuko yabeshye ibwami ! Ndabaga biramuyobera arashoberwa. Umwami akomeza kumubaza, undi agira ubwoba, ariko bigeze aho ahitamo kumubwiza ukuri ko ari umukobwa kuko ari nta kundi yashoboraga kubigenza. Umwami amubwira uburyo ibye byari byaramuyobeye kuko yamurebaga agasanga afite ingingo za gikobwa, kandi yaba arasa, atera icumu, yiruka, yiyereka, byose akabikorana ubwitonzi nta matwara ya gihungu amurangwaho.

Amubaza icyatumye yiga imirimo y'abahungu, undi amutekerereza uburyo se yagiye ku rugerero ari agahinja, akarinda amenya ubwenge ataramubona. Mu kubaza nyina igituma atabona se, akamubwira ko yagiye ku rugerero, kandi ko adashobora gutaha adafite umukura kuko atabyaye umuhungu. Ibi akaba ari byo byatumye yitoza imirimo igenewe abahungu kugira ngo azamucungure.

Umwami amaze kumva amagambo ya Ndabaga, atumiza Nyamutezi, amubaza niba umwana we ari umukobwa cyangwa niba ari umuhungu. Nyamutezi na we abanza kujijinganya nk'umukobwa we, ariko kuko byari ngombwa kuvugisha ukuri, abwira umwami ko ari umukobwa. Abajijwe icyatumye ashyira umukobwa mu itorero ry'abahungu, asubiza ko ari uko yari amaze kunanirwa kubera ubusaza kandi agasanga umwana we yari ashoboye imirimo ya gihungu. Umwami yaramuhumurije, yiyemeza kumusezerera agataha, amuha inka nyinshi ariko asigarana umukobwa yari yaramuhaye. Nyuma aza kuba umugore w'umwami w'inkundwakaza. Kuva icyo gihe, umwami aca iteka ko ibinege bitagira gikura bizajya bisezererwa bigataha nta yandi mananiza.

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

1. Ikinege
2. Urugerero
3. Kumukura
4. Azarengere
5. Umugenga
6. Kugabana inka
7. Yaramuhumurije
8. Guca iteka

## Umwitozo w'inyunguramagambo

Tanga interuro ebyirebyiri kuri buri jambo muri aya akurikira:

1. Ikinege
2. Kumara impungenge
3. Umugenga
4. Umukura we
5. Itorero

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Vuga amazina abiri y'abantu bavugwa mu mwandiko.
2. Ni iyihe mirimo yari igenewe abahungu muri icyo gihe Ndabaga yize gukora?
3. Ndabaga yabitewe n'iki kwiga imirimo ya gihungu?
4. Ndabaga abonanye na se yamugejejeho ikihe gitekerezo? Umubyeyi we yabyakiriye ate?
5. Ndabaga ageze ku rugerero yitwaye ate?
6. Ni iki kigaragaza ko bagenzi be batishimiye iterambere Ndabaga yagezeho? Babyitwayemo bate?
7. Mu kiganiro Ndabaga yagiranye n'umwami ni uwuhe muco mwiza mukuyemo?
8. Ni iki cyatumye umwami aca iteka risonera abavutse ari ibinege kujya ku rugerero?
9. Ni iki wakwigira kuri Ndabaga uhereye ku buryo yashoboye imirimo yitwaga iya gihungu ubihuje n'ihame ry'uburinganire bw'abahungu n'abakobwa muri iki gihe tugezemo?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko umaze gusoma.
2. Tahura ingingo zigaragaza ubutwari ziri muri uyu mwandiko.

## D. Umwitozo w'ubumenyingiro: kujya impaka no kungurana ibitekerezo

Uhereye ku byiciro by'intwari mu Rwanda, uyu mukobwa wamushyira mu kihe kiciro? Kubera iki?

## E. Umukoro: gutanga ibitekerezo mu nyandiko

Andika umwandiko utarengeje amapaji abiri, uvuga ukuntu wumva uzaba intwari ishimwa n'ababyeyi, abarezi ndetse n'Igihugu.

## 1.3. Kurwanya ruswa



Itariki ya 9 Ukuboza buri mwaka, yahariwe kurwanya ruswa ku isi hose. Ruswa ni uburyo cyangwa igikorwa cyose cyo gukoresha nabi ububasha wahawe ku nyungu zawe bwite cyangwa ku z'agatsiko runaka. Ruswa igaragara ku buryo bwinshi. Hari uwakira amaturo cyangwa impano binyuranye kugira ngo ukunde ukore icyo wagombaga gukora nta kiguzi. Ni ukwanga kandi kugira icyo ukora kugira ngo utiteranya. Ni ukudakorera igihe ibyo ugomba gukora kugira ngo ukugana namara gusiragira kenshi, yibwirize agire icyo akurebera n'ibindi.

Impamvu ari ngombwa kurwanya ruswa, ni uko ibyo igihugu cyagakoresheje mu nyungu rusange byikubirwa na bamwe, bigatuma iterambere ridindira. Urugamba rwo kuyitsinda ntirwakoroha buri wese atarugizemo uruhare. Kuki se umuntu yatanga ruswa kugira ngo ahabwe cyangwa akorerwe icyo yemererwa n'amategeko nta kiguzi, kandi abo ayiha baba bahembwa amafaranga ava mu misoro y'abaturage? Ntibikwiye kandi ko umuntu yahabwa ibyo atagenewe, byari bigenewe

abandi babifitiye uburenganzira kubera ko yatanze inyoroshyo cyangwa bitugukwaha.

Ni yo mpamvu mu rwego rwo kurengera inyungu z'abaturage, Leta yashyizeho ingamba zitandukanye zo kurwanya ruswa. Muri izo ngamba harimo ikoranabuhanga mu gutanga serivisi zinyuranye ku baturage. Mu nkiko, hashyizweho uburyo bwo kugenzura uko serivisi zitangwa n'ibyemezo bivugwamo akarengane. Hari kandi no kugaragaza uburenganzira bw'umuburanyi, n'uwo yiyambaza mu gihe ubwo burenganzira abwambuwe. Leta kandi ikangurira abagana inkiko n'abakozi bazo kwamagana ruswa no gutangaza umuntu wese waka cyangwa agatanga ruswa. Isaba inkiko guca imanza za ruswa mu gihe kitarambiranye, no gushyikiriza Urwego rw'Umuvunyi abahamwe n'icyaha cya ruswa, kugira ngo amazina yabo atangazwe, bityo bakumirwe mu mirimo ya Leta. Hashyizweho gahunda ngarukamwaka y'icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa. Hashyizweho kandi udusanduku tw'ibitekerezo, kugira ngo buri wese atange amakuru yatuma imikorere y'inkiko ijya mbere.

Hashyizweho itegeko rigamije gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Ni yo mpamvu ibigo bitanga serivisi bisabwa kugira inyandiko igaragaza uburyo ibyemezo bifatwa, kugaragaza igihe ntarengwa mu gufata ibyemezo n'amategeko akurikizwa no kubahiriza amabwiriza agenga ipiganwa mu gutanga amasoko n'akazi. Ibigo bisabwa kandi kugira ubugenzuzi bw'imikorere n'ubw'imicungire y'umutungo, kugaragariza raporo abo igenewe, kugira amabwiriza agenga abayobozi n'abakozi, kudasumbanya, kudatinza no kutaburagiza ababagana bakeneye gukorerwa imirimo runaka.

Uwo ari we wese wakiriye cyangwa watse ruswa ku buryo ubwo ari bwo bwose, cyangwa yirengagije ibyo amategeko amusaba gutunganya, kubera ruswa yakiriye uko yaba iteye kose, agenerwa ibihano birimo gufungwa no gucibwa ihazabu.

Nubwo ingamba zo kurwanya ruswa zigenda ziyongera, abayaka na bo bagenda bahindura uburyo bwo kuyaka. Buri muturarwanda akaba asabwa kwirinda gutanga no kwakira ruswa mu buryo bwose, agatanga amakuru y'uwaka ruswa n'uyitanga. Muri uru rugamba, urubyiruko

nk'imbaraga z'u Rwanda rw'ejo hazaza rugomba kugira uruhare runini mu gukumira ruswa kugira ngo idakomeza kudindiza iterambere ry'igihugu.

Mu bagomba gutungirwa agatoki ahavugwa ruswa, harimo by'umwihariko Urwego rw'Umuvunyi kuko rufite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane, kugeza bicitse burundu mu Rwanda. Udashobora kugera ku Muvunyi, na we ntaterera iyo ngo abaryi ba ruswa bakomeze bidagadure. Hari udusanduku dukunze kuboneka ahantu hatandukanye inzego z'ubutegetsi zikorera kugira ngo byorohereze abantu gutanga amakuru kuri ruswa mu ibanga. Ruswa ni mbi imunga ubukungu bw'igihugu, igatuma serivisi zitangwa nabi, iterambere duharanira ntirigerweho.

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Kudindira
2. Inyoroshyo
3 Ingamba
4. Ipiganwa
5. Kuburagiza
6. Ihazabu

## Umwitozo w'inyunguramagambo

**Tanga andi magambo asobanura kimwe n'amagambo akurikira:**

1. Ruswa
2. Kurwanya
3. Ingamba
4. Kudatinza

5. Gutungirwa agatoki
6. Guterera iyo
7. Kwidagadura
8. Kumunga

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ruswa ni iki?
2. Ni ubuhe buryo butandukanye bukoreshwa mu gutanga ruswa?
3. Sobanura uburyo gutanga no kwakira ruswa bishobora kudindiza iterambere ry'igihugu?
4. Ni kuki tugomba kurwanya ruswa?
5. Ni ibihe bihano bihabwa uwakiriye cyangwa uwatanze ruswa?
6. Ni izihe ngamba zafashwe mu rwego rwo kurwanya ruswa?
7. Ni ibiki buri muturage yakora mu rwego rwo kurwanya ruswa?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko umaze gusoma.
2. Kora inshamake y'uyu mwandiko.


## D. Umwitozo w'ubumenyingiro: Kungurana ibitekerezo

Uri umunyeshuri wiga mu mwaka ka gatanu w'amashuri abanza. Ni uruhe ruhare wumva wagira mu rwego rwo gukumira ruswa no kuyirwanya?

## E. Umukoro: Gutanga ibitekerezo mu nyandiko

Hanga umuvugo uvuga ibibi bya ruswa ku buryo wawujyana mu marushanwa yo ku munsi wahariwe kurwanya ruswa mu Rwanda.

## 1.4. Gukorera mu mucyo



Burya kuganira n'abantu bakuru ni byiza cyane. Sinari nzi icyo gukorera mu mucyo ari cyo, nabibwiwe na sogokuru.

Umunsi umwe, naganiriye na sogokuru maze ampa impanuro agira ati: "Mwana wange, nongeye kubigusaba nkomeje, uzabe umugabo maze wange umugayo. Uzirinde kurimanganya. Uzirinde gukoresha amarangamutima, urangwe no gushishoza, ukuri n'ubutabera. Muri make, uzaharanire kuba inyangamugayo kandi ukorere mu mucyo". Kubera ko ntari nasobanukiwe neza n'ibyo ambwira, ndamubaza nti: "Gukorera mu mucyo ni iki? Bisabwa ba nde? Bikorwa gute?"

Sogokuru arambwira ati: "Gukorera mu mucyo ni ukuvugisha ukuri no kudahishahisha ibyo ukora. Ntibaca umugani se ngo 'uwububa abonwa n'uhagaze.' Burya ibyo ukorera mu bwihisho biba ari bibi kandi biratinda bikagaragara." Gukorera mu mucyo rero ni uguhishurira abandi ibyo ukora no kwemera ko bakugenzura ku buryo bashobora gutahura no kugaragaza amakosa wakoze. Waba kandi warakoze neza na byo

bikamenyekana, ku buryo bibera abandi urugero kandi ukanabishimirwa. Ikigamijwe mbere na mbere ni ugutuma abandi bakugirira ikizere.

Gukorera mu mucyo rero ni ukwirinda kubogama cyangwa kurenganya. Abanyarwanda baca umugani ngo 'Uwanga amazimwe abandwa habona" kandi ngo "Ukuri guca mu ziko ntigushye." Gukorera mu mucyo ni ukwanga amazimwe no kugaragaza ko ukoresha ukuri.

Abantu ba mbere basabwa gukorera mu mucyo ni abayobozi. Ubuyobozi bukorera mu mucyo bushyira ahagaragara ibyo bukora n'impamvu bikorwa; bugaragaza ugomba kubikora, n'icyo bigamije. Niba umuyobozi afashe ibyemezo, agomba kugaragaza impamvu yatumye abifata. Niba hari imishinga iriho yagenewe amafaranga nayigaragaze, agaragaze amafaranga nyayo ayiteganyirijwe. Niba yarashyizwe mu bikorwa agaragaze ayayitanzweho, mbese anatume amakuru yose abyerekeye ashobora kumenyekana.

Mu butabera ho birasanzwe ko urubanza rugombwa gucirwa mu ruhame. Igihe hari abantu bagize icyo bapfa bakaregana mu bunzi cyangwa mu rukiko, urubanza rugomba guciririrwa mu ruhame, kugira ngo abantu bose babone ko uwarenganywaga yarenganuwe.

Burya gukorera mu mucyo bigomba no kubaho mu ishuri . Abanyeshuri bakunze kutemera amanota babonye cyanecyane iyo batsinzwe.  Kugira ngo ibyo bitabaho, umwarimu aba akwiye gufatanya n'abanyeshuri gusubiza ibibazo biba byatanzwe, abanyeshuri bakabona uko byakosowe maze bagasobanukirwa kurushaho. Abanyeshuri bagomba kandi kugira uruhare mu micungire y'ikigo, bakamenya umutungo wacyo n'uko ukoreshwa.

Buri muntu ku giti ke, agomba gukorera mu mucyo kuko kuvugisha ukuri bireba buri wese. Umuntu ukorera mu mucyo ni we witwa inyangamugayo kuko atishisha gushyira ahagaragara ibikorwa bye byiza. Umucuruzi ukorera mu mucyo atanga imisoro uko bikwiye, ntiyishore mu bucuruzi bwa magendu.

Gukorera mu mucyo ntibisaba ibintu bikomeye. Ku bayobozi, gukorera mu mucyo ni ugushyira ahagaragara ibikorwa bakorera abaturage, ndetse bakanabibatangariza batagombye kubisabwa. Bagomba rero gutanga amakuru ku byo bakora kuko baba babikorera abaturage. Iyo

babihisha, ni uko biba birimo ruswa, ikimenyane cyangwa kunyereza umutungo w'Igihugu.

Banyeshuri rero, nimukunde gukorera mu mucyo kandi mubiharanire. Muzage mutangaza ibyo mubona bitagenda neza kugira ngo muzabe mushyigikiye ko ukuri kujya ahagaragara.

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Impanuro
2. Kurimanganya
3. Inyangamugayo
4. Gutahura
5. Ubucuruzi bwa magendu
6. Sobanura iyi migani yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) Uwanga amazimwe abandwa habona
   b) Ukuri guca mu ziko ntigushye
   c) Uwububa abonwa n'uhagaze.

## Umwitozo w'inyunguramagambo

**Tanga andi magambo asobanura kimwe n'amagambo akurikira:**

1. Kubera
2. Kurenganya

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni iyihe nsangamatsiko iri kuvugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni izihe nama umwana yagiriwe na sekuru?
3. Ni ibihe bibazo uyu mwana yabajije sekuru?
4. Ubona sekuru yaramushubije ku bibazo byose yabajije?
5. Gukorera mu mucyo ni iki?
6. Kuki tugomba gukorera mu mucyo?
7. Ni gute mu ishuri dushobora gukorera mu mucyo?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko umaze gusoma.
2. Kora inshamake y'uyu mwandiko.

## D. Kungurana ibitekerezo

1. Usibye ibikorwa bivugwa mu mwandiko wasomye nta bindi bigaragaza uko abantu bakorera mu mucyo watanga?
2. Usibye akamaro ko gukorera mu mucyo kavugwa mu mwandiko wasomwe nta kandi kamaro ko gukorera mu mucyo wavuga?

# 1.5. Uburyo bwo gutahura ingingo z'ingenzi mu mwandiko

Buri mwandiko uba ufite insanganyamatsiko wubakiyeho kandi ukaba ufite ibitekerezo ushaka kugeza ku bawusoma. Kugira ngo umwandiko ushobore kumvikana neza, ibyo bitekerrezo biba bikurikirana kandi byuzuzanya kuva ku ntangiriro y'umwandiko kugeza ku mpera yawo. Izo ngingo z'ingenzi akenshi ni zo ziba zigize ibika bigize umwandiko, ariko hari igihe ingingo imwe iba ndende ikaba yashyirwa mu bika bibiri cyangwa birenga.

Iyo wasomye neza umwandiko ukawumva, izo ngingo z'ingenzi ni zo usigarana mu mutwe.

Kuzitahura biroroshye kuko ziba zihuye n'ibitekerezo byatanzwe n'umwanditsi. Mu kwandika ingingo z'ingenzi zigize umwandiko, bazigaragarisha utunyerezo cyangwa nomero.

## 1.6. Ihinamwandiko

### 1. Inshoza y'inshamake y'umwandiko

Inshamake y'umwandiko ni umwandiko mugufi wumvikana neza ubumbye ingingo z'ingenzi z'umwandiko wari muremure. Iyo wandika inshamake ugenda ushyira ibyungo, ibika n'andi magambo akenewe mu ngingo z'ingenzi wabonye kugira ngo ube umwandiko w'imbumbe, atari interuro imwe iri ukwayo indi ukwayo. Uwo mwitozo ni wo witwa **"ihinamwandiko."**

### 2. Inshoza y'ihinamwandiko

Ihinamwandiko ni ijambo ribumbye amagambo abiri: ihina riva ku nshinga "guhina" isobanura "kugira ikintu kigufi cyangwa kuvuga ibyabaye muri make"; hari kandi n'ijambo

"umwandiko" risobanura inkuru yanditse.

Ihinamwandiko ni ukuvuga cyangwa kwandika muri make ibyavuzwe mu mwandiko udahinduye ibitekerezo byawutanzwemo.

Ukora ihinamwandiko ahera ku bibazo umuntu yagenda yibaza biganisha ku bisubizo birimo ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Iyo uhina umwandiko cyangwa uvuga ibyavuzwemo mu nshamake, ni ingingo z'ingenzi uvuga.

## 3. Amabwiriza y'ihinamwandiko

1. Gusoma witonze, inshuro ebyiri cyangwa eshatu umwandiko ugomba guhina.
2. Gusoma igika ku kindi, ugaragaza ingingo z'ingenzi zigize buri gika;
3. Kwita ku gihe umwandiko wahimbiwemo (impitagihe, inzagihe, indagihe).
4. Uhina akoresha amagambo n'imvugo bye, ariko ntagomba guhindura ibitekerezo biri mu mwandiko ahina ngo yivugire ibye.
5. Iyo nta burebure bwagenwe, inshamake igomba kungana na kimwe cya kane cy'uburebure bw'umwandiko.

**Iyo ari ngombwa gukora inshamake yanditse:**

- Nta magambo ahinnye, nka cg, amaf.,... bigomba gushyirwa mu nshamake kugira ngo ubone uko wandika ibintu byinshi.
- Nta kwandika mu mibare.
- Irinde gushyira nomero cyangwa utunyerezo ku bika bigize inshamake kuko icyo gihe zaba ari ingingo z'ingenzi uri kurondora.

### Umwitozo:

Hina umwandiko **"Dukunda Igihugu cyacu"** mu mirongo itarenze icumi.

### Umukoro

Himba inkuru ivuga ku bikorwa biranga gukorera mu mucyo ndetse n'akamaro ko gukorera mu mucyo.

## 1.7. Igitekerezo cya Nyamutegerakazaza



Umugabo Nyamutegerakazaza wari utuye i Gihinga na Gihindamuyaga yashatse umugore, ariko mu gihe yari atwite ari hafi kubyara, umugabo ararwara, indwara imugezayo. Ageze aho ajya kuraguza, bamubwira ko umugore we atwite inda y'umuhungu, ariko ko atazamubona, kuko azavuka yarapfuye.

Nyamutegerakazaza yumvise ko agiye gupfa ntiyacika intege, ahubwo atangira gutekereza icyo yakora kugira ngo ateganyirize umwana we. Nuko yigira inama yo gusiga amusabiye umukobwa, akanamukwerera, kugira ngo namara gukura atazabura umugore cyangwa akabura umusabira.

Bukeye, Nyamutegerakazaza areba inka z'imbyeyi n'ibimasa, areba, intama, areba ihene, amasaka, impu n' impuzu nyinshi, ashaka abagaragu bo kubimutwaza. Nuko ashyira nzira, ajya gushaka aho yasabira umwana wari ukiri mu nda.

Ngo bagere imbere, abona ifuku yafashwe n'umutego. Arayitegura, arangije ayiha amasaka irahembuka. Igiye kugenda iramubaza, iti:

"Witwa nde ko ungiriye neza?" Arayibwira. Na yo iramubwira iti: "Genda igihe nikigera nzitura iyi neza ungiriye."

Barakomeza, bageze imbere bahura n'imbeba zishonje ziri kuguguna ibyatsi. Zibonye amasaka ziramusaba ziti: "Dufungurire!" Aziha amasaka n' impu n'impuzu. Agiye kugenda ziramubaza ziti: "Wa mugabo we witwa nde ko utugiriye neza?" Arazibwira. Ziti: "Genda umugeni uzamubona kandi igihe nikigera tuzitura umwana wawe iyi neza utugiriye."

Nyamutegerakazaza arakomeza aragenda. Ageze mu ishyamba, ahura n'intare ishaje, itagishoboye guhiga. Intare iramubwira iti: "Wamfunguriye." Nyamutegerakazaza ayiha akamasa. Mbere y'uko igafata, iramubaza iti: "None ko ungiriye neza witwa nde?" Nyamutegerakazaza arayibwira, ati:"Ndi Nyamutegerakazaza nturutse i Gihinga na Gihindamuyaga, ngiye gukwerera umwana ukiri mu nda." Intare iramubwira iti: "Genda umugeni uramubona."

Yigiye imbere ahura n’isazi n’ishwima. Isazi zimusaba kuziha impu zikanyunyuzamo ibizitunga, naho ishwima zimusaba gushitura ibirondwe ku nka yari ashoreye. Nyamutegerakazaza asaba abari bamutwaje guhagarara. Ahambura impu aziha isazi zitururaho, na ho ishwima zishitura ibirondwe ku nka zirahaga.  Birangije, biti: "Noneho twibwire, tuzakwiture iyi neza utugiriye. Nyamutegerakazaza abibwira izina rye. Biti: "Genda rero umugeni uramubona."

Nyamutegerakazaza, n'abikorezi be bakomeza urugendo. Aza guhura n' umugabo uvuye mu rugo rwe, na we yari afite umugore utwite inda y’ uburiza. Nyamutegerakazaza aramusuhuza, arangije aramwibwira amubwira n' ikimugenza. Umugabo ati:"Nta mukobwa mfite, icyakora umugore wange aratwite."Undi ati: "Yewe! Iyo nda ni yo nshaka, kuko n' uwo nsabira ntaravuka. Ndagukwera, maze nubyara umukobwa uzamushyingire umwana wange." Umugabo ati: "Ibyo na byo! Nyihera inka, umugeni ndamukwemereye. Yaba uzavuka mu nda umugore wange atwite cyangwa uzakurikiraho."Nuko amutura amayoga, baranywa, arangije amuha inka yo kumukwera, barikubura barataha.

Nyamutegerakazaza ageze mu rugo ahamagara umugore we, aramubwira, ati: "Dore nagiye ngirira neza abantu bose, n'ibintu byose. Izina ryange rizwi neza hose. None uzabyara umwana

w'umuhungu narapfuye, ntuzagire izina umwita, bazage bamwita mwene Nyamutegerakazaza." Umugore arikiriza. Nyamutegerakazaza amara iminsi mike arapfa.

Bitinze umugore we abyara umwana w'umuhungu ntiyamwita izina koko. Umwana arakura, agera ubwo aba umusore, bakajya bamwita."mwene Nyamutegerakazaza". Amaze kuba umusore aza kubaza nyina ati: "Data aba hehe?" Nyina aramusubiza ati: "So yarapfuye." Umwana yongera kumubaza ati: "Ese yitwaga nde? " Nyina ati: "Yitwaga Nyamutegerakazaza. Yari yaragiye inyuma y'ishyamba, asiga agushakiye umugeni, avuyeyo aherako arapfa." Umwana ati: "Nzajya kureba aho hantu data yajyanye inka zo kunkwerera."

Bukeye umwana afata impamba, arahaguruka ajya kureba aho se yasize amusabiye umugeni. Aragenda, agiye kugera ku ishyamba ahura n'ifuku. Ziramubaza ziti: "Witwa nde wa musore we ko tubona ujya gusa na wa mugabo watugiriye neza?" Arazibwira ati: "Ndi mwene Nyamutegerakazaza." Ifuku ziti: "Genda ariko umenye ko aho ugiye bazakurushya, uzemere uruhe. Nibakohereza guhinga, uzageyo uzahadusanga." Arazishimira, arangije akomeza inzira y'ishyamba, ifuku na zo zinyura mu myobo, ziramukurikira.

Yigiye imbere ahura n' imbeba ziti: "Uri nde?" Arazibwira. Imbeba zitema ishyamba arahita. Zirangije ziramuherekeza, zimwereka urugo se yamusabiyemo umugeni. Nuko ahageze baramuzimanira, barangije baramubaza bati: "Uri nde ko tutakumenye?" Arabasubiza, ati: "Ndi mwene Nyamutegerakazaza waje gukwa inda." Babyumvise barumirwa, kuko umugeni we bari baramushyingiye ahandi. Ni ko kwigira inama yo kumurushya kugira ngo bamunanize, atahe atamubonye.

Nuko basaba abashumba kugishisha inka zose, kugira ngo bamubwire ko inka se yabakwereye yari irwaye igahita ipfa, ko nta nka n'imwe ibarizwa muri urwo rugo. Abashumba bakigeza inka mu ishyamba, imvura irashoka. Intare yari yabimenye iratontoma, itera abashumba ubwoba, barazishorera bazisubiza mu rugo. Mu gihe bari batangiye kubimubwira babona inka zose zirahasesekaye.

Babonye ibyo bidakunze, bamuha ikigeragezo, bati: "Noneho muri iri shyo ry'inka, genda utwereke izikomoka ku yo so yakoye." Mwene Nyamutegerakazaza abyumvise arumirwa, kuko atari azizi. Muri ako

kanya, ishwima imunyura hejuru iguruka, iramwongorera, iti:" Inka tugiye kugwaho uvuge ko ari zo zikomoka ku yo so yakoye." Umusore ajya mu ishyo, inka ishwima iguyeho akayikoraho, arinda azihetura atibagiwemo n'imwe.

Bamuha ikindi kigeragezo bati: "Maze rero ntitwashyingira umukobwa wacu umugabo uzamwicisha inzara. Dore isuka, ugende uhinge uriya mushike, nukunanira, witahire." Umusore isuka arayifata. Bamweretse umushike arumirwa, kuko uburyo hari hanini, ntiyari gushobora kuharangiza mbere y'uko agera mu gihe cy'ubukambwe. Nyamara apfa kujyamo aratangira ararima. Muri ako kanya, za fuku zanyuze iy'ikuzimu ziba zirahasesekaye, ziramufasha, mu kanya wa mushike wose uba uhindutse intabire.

Babibonye batumaho umugore we iyo bari baramushyingiye, azana n'abana yari amaze kuhabyarira. Bazana abagore benshi, barimo uwo se yamukwereye babakoranyiriza hamwe. Baramubwira bati: "Dore aba bagore barimo uwo so yagukwereye, numumenya ukamufata akaboko, turamuguha umujyane. Isazi imujya mu gutwi iti: "Uwo ngwa ku jisho akikoma ku gahanga, abe ari we ufata akaboko." Nuko wa musore arabegera, agenda asa n'ushishoza nk'ubazi neza, agiye kubona abona uwo isazi iguye ku jisho, yikomye ku gahanga amufata akaboko aseka, ati: "Uyu ni we wange." Umugore na we aramuhobera, basabwa n'ibyishimo, abari aho bose babaha amashyi n'impundu.

Nuko bengesha amayoga, babanza gusubiza uwari umutunze ibyo yari yarakoye, barangije baramushyingira. Bamuha inka, bamuha imyaka, bamuha abikorezi baramuherekeza atwara umugore we n'abana be yari amaze kubyara, aratunga aratunaginirwa.

*Ineza iratinda ntihera.*
*Gira so yiturwa indi.*
*Akebo kajya iwa Mugarura.*

## A. Inyunguramagambo

**Nimushake ibisobanuro by'aya magambo mukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

1. Kuraguza,
2. Ashyira nzira
3. Kwitura ineza
4. Ishwima
5. Gushitura ibirondwe
6. Inda y'uburiza
7. Izina ryange rizwi neza hose
8. Impamba
9. Ifuku
10 Impu
11. Impuzu
12. Ibirondwe
13. Barikubura baratahа
14. Kugishisha
15. Ishyo
16. Ubukambwe
17. Kwikoma isazi
18. Gusabwa n'ibyishimo
19. Impundu
20. Gutunga ugatunganirwa.

## Umwitozo w'inyunguramagambo

**1. Koresha aya magambo mu nteruro ziboneye.**

a) Kwitura ineza
b) Ishyo
c) Gusabwa n'ibyishimo
d) Gutunga ugatunganirwa.

**2. Nimusobanure iyi migani muvuge n'igihe yakoreshwa:**

a) Ineza iratinda ntihera.

b) Gira so yiturwa indi.
c) Akebo kajya iwa Mugarura.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Nimusubize ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Kuki Nyamutegerakazaza yanze kwita umwana we izina agashaka ko bazajya bamwita "mwene Nyamutegerakazaza?"

2. Iyo Nyamutegerakazaza aba yaragiye agira nabi yari kwifuza ko umwana we yitwa kuriya?
3. Uretse gusiga amukwerereye ubona ikintu kiza kiruta ibindi Nyamutegerakazaza yasigiye umwana we ari iki?
4. Wowe umenye ko uzapfa vuba aha wakora iki?
5. Ese ko n'ubundi buri muntu aba agomba kuzapfa umunsi umwe, ubona abantu babaho nk'aho bazapfa ngo bateganyirize abana babo?
6. Iki gitekerezo kiratwigisha irihe somo ry'ingenzi?
7. Mu mwandiko baravugamo ko Nyamutegerakazaza yagiye gukwera umwana utaravuka kandi agakwa inda itaravuka. Kuri ubu ubona bishoboka?
8. Muri iki gihe ni ibihe bikorwa abantu bakora iyo bashatse kuzigamira umwana ukiri muto cyangwa utaravuka?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ukeka ko uyu Nyamutegerakazaza yabayeho? Ni iki gisa n'ikigaragaza ko yabayeho?
2. Bavuga ko yari atuye he?
3. Hari igihe bavuga yabereyeho?
4. Uhereye kuri ibi uyu mwandiko wawita iki?
5. Igitekerezo cyo muri rubanda rero kirangwa n'iki?

## D. Gutekereza ku buryo bwimbitse no gutanga ibitekerezo ku bivugwa mu mwandiko.

**Insanganyamatsiko yo kujyaho impaka:**

Mwene Nyamutegerakazaza amaze gutsinda ibigeragezo byose bamushyizeho, bamuhaye umugore we ndetse n'abana yari yarabyaye mu rugo yari yarashatsemo arabegukana. Ubona byari bikwiye ko ajyana umugore n'abana atabyaye?

## E. Ihangamwandiko

Wumva ikintu kiza umubyeyi wawe yagukorera none kugira ngo aguteganyirize neza ari ikihe? Yaguteganyiriza uburyo uzashaka?

Yakurihira amashuri? Yakubikira amafaranga menshi muri banki? Sobanura impamvu wumva icyo uhisemo ari cyo kiza kuruta ibindi

## Inshoza n'uturango by'igitekerezo cyo muri rubanda

### Inshoza

Igitekerezo cyo muri rubanda ni igihangano cy'ubuvanganzo kijya gusa n'umugani, bigatandukanywa n'uko cyo kidatangizwa na kera habayeho ngo kirangizwe na si nge wahera.

### Uturango

Mu gitekerezo cya rubanda havugwamo:

Umuntu utari umwami ariko witwara nk'igihangange rubanda batwerera ibikorwa bigaragara nk'ibyabayeho ariko bivanzemo n'ibigaragara nk'ibitangaza.

Muri make ibiranga igitekerezo cyo muri rubanda ni ibi bikurikira:

**1. Uburyo bwo kubara inkuru mu bitekerezo**

Ntibitangizwa na kera habayeho ngo birangizwe na si nge wahera, kuko iyo bigenze gutyo kiba gihindutse umugani.

Bishingira ku mazina y'abantu babayeho, cyangwa bagaragara nk'ababayeho mu mateka kuko usanga ari abantu bagenda bavugwaho ku buryo butandukanye.

Bigaragaramo amakabyankuru n'ibitangaza.

**2. Igihe n'ahantu:**

a) **Igihe:** Ibitekerezo bya rubanda ntibitanga amacishirizo agaragaza neza igihe ibintu byabereye.

b) **Ahantu:** Mu bitekerezo bya rubanda dusangamo kenshi ahantu hazwi ibivugwa byabereye, aho igihangange kivugwa cyari gituye, imisozi izwi iriho na n'ubu, ndetse n'ibintu bifatika

bigaragara nk'ibimenyetso byasizwe n'igihangange kivugwa mu gitekerezo cya rubanda. Aha twatanga nk'ingero zikurikira:

**Muri iki gitekerezo cya Nyamutegerakazaza: Havugwamo aho yari atuye:** I Gihinga na Gihindamuyaga ni imisozi izwi iri mu Ntara y'Amajyepfo.

**Mu gitekerezo cya Ngunda havugwamo** ko imsozi yose y'u Rwanda ari amabimba Ngunda yahingaga. Ni we wayihanze. Mu Rwanda hari aho usanga udusozi twegeranye bakatwita amabimba ya Ngunda.

**Mu gitekerezo cya Cacana havugwamo:**

Imisozi yose Cacana yaciyeho ahunga urupfu kuva mu magepfo kugera mu majyaruguru. Ni imisozi iriho inazwi na n'ubu. Aho Cacana yarwaniye n'urupfu ku gasozi ka Zoko. Ubu ni mu Murenge wa Mutete, Akarere ka Gicumbi, Intara y'Amajyaruguru.

Izi ngero z'ahantu hazwi hariho na n'ubu ni zo usanga zishinga itandukaniro rigaragara hagati y'igitekerezo n'umugani muremure, kuko wo utagira utu turango two kuvuga ahantu hazwi ibintu byabereye ku buryo byatera gutekereza ko ibivugwa byabayeho. Nyamara igitekerezo cya rubanda cyo kizanamo utwo turango kugira ngo ubyumva arusheho gusa n'uwemera ibivugwa nk'aho ari ukuri.

**3. Amakabyankuru n'ibitangaza:**

Muri iki gitekerezo cya Nyamutegerakazaza inyamaswa ziravuga, zizi ubwenge, zifasha abantu ku buryo butangaje, zizi ibizabaho mu gihe kiri imbere.

Ibi rero biri mu turango dutuma igitekerezo cya rubanda kegerana cyane n'umugani muremure mu bibiranga.

**4. Isomo mu buzima:**

Buri gitekerezo kiba gifite isomo kifuza kutwigisha. Muri iki gitekerezo cya Nyamutegerakazaza baratwigisha guteganyiriza ejo hazaza no kugerageza gusiga izina ryiza tugira neza aho tunyuze hose, kugira ngo tutagenda twitwa ba ruvumwa. Ineza tugize tuyiturwa

ku buryo butandukanye kandi abo dusize bakabyungukiramo. Buri muntu yari akwiye kwitwara nka Nyamutegerakazaza kuko buri wese azi ko umunsi umwe azapfa, nyamara izina ryiza ryo ntiripfa.

**Umukoro.**

Hari ibindi bitekerezo bya rubanda byiza byo gusoma: Icya Ngunda, ibya Semuhanuka, Igitekerezo cya Cacana n'ibindi. Shakisha ibitabo birimo maze ubisome kugira ngo urusheho kwagura ubumenyi no kumva amasomo bitwigisha.

## 1.8. Ikeshamvugo ku nka, amata n'igisabo

**1. Nimusome aka kandiko maze mugende musimbuza amagambo aciyeho akarongo andi akoreshwa mu mvugo iboneye mu Kinyarwanda.**

Mu muco nyarwanda inka, amata n'igisabo ni ibintu byubahirizwa cyane mu Rwanda. Inka ifatwa nk'ikimenyetso cy'ubukungu ku buryo buri wese yumva yayitunga ngo imuhe amata. Hambere, amata iyo yabaga yakamwe bayasukaga mu gisabo yamara gufata, bakayazunguzamo akavamo amavuta yatekwaga mu biryo ari byo bitaga ibirunge cyangwa akisigwa bakayita ikimuri.

Inka zanyweraga mu cyobo badahiyemo amazi, zamara kunywa amazi, zikaryama.

Kugira inka cyari ikimenyetso cy'ubukungu ku buryo abantu bashimishwaga no gutunga inka nyinshi zigabanyije mu matsinda, yabaga ari hirya no hino mu gihugu.

**2. Nimugaragaze buri jambo n'iryarisimbuye mu mbonerahamwe iteye itya:**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| | |
| | |
| | |
| | |
| | |
| | |
| | |

Dore izindi mvugo ziboneye zikoreshwa ku nka n'ibiyikomokaho, ndetse n'ibikoresho byajyanaga na byo.

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kuvuga kw'inka | Kwabira, kuvumera |
| Kurekura inyana ngo yonke | Kwinikiza |
| Gukamisha amaboko yombi | Kuvuruganya |

| | |
|---|---|
| Kurorera gukamwa | Guteka |
| Kurangiza gukama | Guhumuza |
| Uragira inka | Umushumba |
| Kwiruka zisiga umushumba | Gutana |
| Umwana w'inka | Inyana |
| Kurara ukubiri n'inyana yayo | Kurara iragwe |
| Gucika nijoro isanga inyana yayo | Guhomora |
| Aho zinywera zafukuriwe | Ikibumbiro |
| Guhanagura inka | Kuzihonora |

## Ku birebana n'inka

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Kuzirukanaho isazi n'amashami y'ibiti | Kuzizinza |
| Kuzivomera | Kuzidahira |
| Utubere tudakamwa | Indorerezi |
| Aho umuriro wazo uri | Igicaniro |
| Kuzishyira imfizi | Kuzibangurira |
| Kubura amazi yo kunywa | Kurumanga |
| Uzitegeka | Umutahira |
| Amabyi yazo | Amase |
| Kuvanaho amase | Gukuka |
| Kuzima kw'igicaniro | Gusinzira |
| Ibizihanagura | Inkuyo |
| Inka ipfushije iyayo | Isuri |
| Gupfa kw'imfizi | Gutaha |
| Inyana yatinze kwima | Urubereri |
| Gusubira ku gasozi kw'inyana | Gusubira iswa |
| Isaso y'inka | Icyarire |
| Kwimuka zijya gushaka ubwatsi | Kugisha |

| | |
|---|---|
| Inka umubyeyi asigarana amaze kuraga abana be | Ingarigari |
| Inka ihabwa ababyeyi b'umukobwa iyo asabwa | Inkwano |
| Inka igarukira uwayikoye ikomotse ku nkwano | Indongoranyo |

## Ku birebana n'amata

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Gusuka amata mu gisabo | Kuyabuganiza |
| Kuyavanamo amavuta | Kwavura, gusobanura |
| Kumena amata ubishaka | Kuyabikira, kuyabyarira |
| Kuyamena utabishaka | Kuyabogora |
| Amata y'inka ikibyara | Umuhondo |
| Amata y'inka yenda guteka | Amagomera, amanga, amasuga |
| Amata y'inyana yanze konka | Amakaba |
| Amata y'inka yimye | Amasitu |
| Gufatana kw'amata | Kuvura |
| Amata yaraye ataravura<br>Amata yiriwe ataravura | Umubanji<br>Amirire |
| Amata amaze kuvura | Ikivuguto |
| Amazi y'ikivuguto kitavuruze | Amenda |
| Agati bavurugisha amata | Umutozo |
| Umuheha banywesha amata | Umuceri |

## Ku birebana n'igisabo

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Kumanika igisabo | Kukijisha |
| Gutura igisabo | Kucyururutsa |
| Gusaza kw'igisabo | Gukura |
| Kukikorera | Kukiremera |
| Kukigura | Kugikosha |
| Kumeneka | Kuribora |

## Imyitozo

**1. Simbuza amagambo adakwiye gukoreshwa andi yabugenewe, maze usanishe uko bikwiye interuro, kugira ngo zibe ziboneye.**

Bwira ba bakozi baragira inka uti: "Nimubyuke dore bwakeye mutangire gukama kandi mukame n'ingonga, hanyuma amata muyasuke mu bisabo maze mujyane inka mu rwuri. Igihe cyo kunywa amazi nikigera, muzijyane kuri cya kinogo twazisukiyemo amazi ejo.

Abana bazo mubashyire mu nzu yabo, umwe muri mwe aze kubahirira ubwatsi. Ubwo araza no koza ibyansi, abyanike ku gatanda, kandi ibisabo bitarimo amata, abimanike hariya ku rutara.

Amata mukimara gukama muge mufataho ayo mugurisha andi muyahe abana bayanywe ariko mwabanje kuyateka. Muge kandi mwirinda kuyamena mu gihe muri kuyasuka mu bisabo. Hanyuma ariya mabyi yazo muze kuyayora, kandi muzishakire indi saso."

**2. Huza imvugo iboneye yo mu ruhushya A n'igisobanuro cyayo mu ruhushya B**

| A | B |
|---|---|
| Kuribora | Umuheha banywesha amata |
| Indorerezi | Agati bavurugisha amata |
| Inkuyo | Aho hafukuye inka zinywera |
| Umuceri | Utubere tw'inka tudakamwa |
| Icyarire | Ibyatsi bahanaguza inka |
| Ikibumbiro | Isaso y'inka |
| Umutozo | Kumeneka kw'igisabo |

## Isuzuma risoza umutwe wa mbere

**Umwandiko: Indangagaciro z'Umunyarwanda**

Indangagaciro ziranga umuco nyarwanda ni nk'amahame Abanyarwarwanda bagenderaho amwe ababuza gukora ikibi n'andi abategeka gukora ikiza.

Indangagaciro zikwiye kuranga umuntu kuva akiri muto twavugamo izi zikurukira: guharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, kwakira neza abatugana, kwita ku batishoboye, kudahemuka no gukorana umwete.

Nyamara si zo ndangagaciro zonyinye ziranga Abanyarwanda. Mu migenzereze yabo, Abanyarwanda hafi ya bose bubaha Imana bikagaragaza ukwicisha bugufi. Ibyo bigaragarira mu mazina bita abana babo no mu mvugo bakoresha umunsi ku munsi, zirimo imigani y'imigenurano, indamukanyo n'intashyo zabo. Iyo basuhuzanya bagira bati: "Mwaramukanye Imana?" Basezeranaho Bati: "Mubane n'Imana, cyangwa bati: "Imana ibarinde."

Indangagaciro ziranga umuntu we ubwe ziza ku rwego rwa kabiri, zikaba ari indangagaciro zituma yihesha ishema mu bandi. Muri zo twavuga nko kwiyubaha ukirinda kwiyandarika, gukora ukirinda kuba inyanda kuko agaciro kawe gashingiye ku byo wagezeho wowe ubwawe, utibye, utandavuye cyangwa ngo uhemuke.

Hakurikiraho indangagaciro zihuza abantu bo mu muryango umwe, zishingira cyane ku bumwe bw'abagize umuryango, gufashanya no gutabarana. Izo rero ni indangagaciro ziranga umuryango ari wo shingiro ry'imibanire y'abantu. Abanyarwanda bemera ko habaho "ndinda" ebyiri. Umwana ukiri muto aravuga ati:"Ndinda dawe." Umubyeyi na we yamara gusaza akitabaza umwana we agira ati: "Ndinda mwana wange."

Ababyeyi rero uko batwitayeho tukiri abana bato, ni ko natwe tugomba kubitaho bamaze gusaza tukabasazisha neza. Umubyeyi utita ku bana be bakandagara, aba yihemukira we bwe. Nyamara n'abana bibagirwa ababyeyi babo ntibabiteho igihe bageze mu za bukuru, baba babaye ibigwari, bakabita "ibirumbo."

Hari kandi indangagaciro zidusabanya n'abandi bantu zikadutegeka gusakaza umubano mwiza mu bantu no kuwusigasira. Umunyarwanda uhuye n'undi muntu n'iyo baba bataziranye aramusuhuza, batandukana akamusezeraho.

Muri izo ndagagaciro harimo izitubuza guhemuka, kubeshya no kubeshyera abandi, gukwiza amacakubiri n'inzangano mu bantu. Harimo kandi izidutegeka gutabara abari mu kaga, kubaha abandi, kwakirana urugwiro abantu bose nta vangura, gushima uwakoze neza ukagaya uwahemutse, no kwirinda ishyari.

Uretse izo ndangagaciro zikwiye kuranga umunyarwanda ku giti ke cyangwa mu mibanire ye n'abandi, hari kandi indangagaciro zimuranga nk' umwenegihugu. Umunyarwanda aharanira kurinda ubusugire bw'Igihugu ke, kukirwanira ishyaka, akirinda kugitera cyangwa kugisahura.

Izi ndangagaciro n'izindi tutarondoye, ni ryo shema ry' Abanyarwanda, ni zo pfundo ry'umuco udutandukanya n'abatari Abanyarwanda.

**I. Inyunguramagambo**

**1. Uhereye ku buryo yakoreshejwe mu mwandiko, gerageza gusobanura aya magambo maze ukoreshe buri ryose mu nteruro iboneye**

a. Amahame.
b. Kwandavura.
c. Ibirumbo.
d. Gusakaza ikintu.

**2. Indangagaciro akenshi usanga zifite imbusane zazo, ni ukuvuga ko iyo hatari ikiza haba hari ikibi. Tanga imbusane z'izi ndangagaciro:**

a. Ubumwe ≠
b. Urugwiro ≠
c. Kubaha ≠
d. Gutabararana ≠
e. Kuvugisha ukuri ≠
f. Gushima ≠

**II. Ibibazo byo kumva umwandiko:**

1. Agaciro k'umuntu gashingira ku ki?

2. Ukurikije uko ryakoreshejwe mu mwandiko, ijambo "ndinda" risobanura iki?
3. Ni izihe ndangagaciro zikwiye kuranga umuntu we ubwe?
4. Ni izihe ndangagaciro ziranga abantu bahuriye mu muryango umwe ?
5. Umubano mwiza mu bantu usakara ute?

## III. Imikoreshereze y'utwatuzo

**Shyira utwatuzo dukwiye ahari akanyerezo mu nteruro zigize aka gace k'umwundiko:**

Ese uwavuga ibyo_ umuco nyarwanda yahera he_Yewe, ibyiza by'umuco nyarwanda ntawabirondora ngo abirangize_Abanyarwanda bafite umuco bihariye ubatandukanya n'abanyamahanga_None wowe ntumaze kumenya imyinshi mu migenzo myiza y'umuco wacu_Ngaho nawe gira icyo uvuga da_

## IV. Ikeshamvugo

**Uzurisha amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo ahari utudomo, aciyeho akarongo na yo uyasimbuze imvugo iboneye.**

Kera Abanyarwanda baragiraga ku gasozi, bakagira inka nyinshi zigabanyije mu **<u>matsinda</u>.** Iyo inka zabaga zitashye ............ bagakama. Hari abantu babaga bazi **<u>gukama ningoga</u>**, bagakama inka nyinshi mu mwanya muto. Amata bayakamiraga mu ............ bakayabuganiza mu ............

Babaga bafite kandi ibisabo byinshi bimwe **<u>bimanitse</u>**, ibindi biteretsemo amata. Ku munsi wo gucunda, amata **<u>bayasukaga</u>** mu bisabo bakayacunda, hanyuma **<u>bagakuramo</u>** amavuta.

## V. Guhina umwandiko:


Andika interuro imwe ikubiyemo iby'ingenzi bivugwa muri uyu mwandiko.

## VI. Ihangamwandiko

**Andika umwandiko utarengeje ipaji imwe uvuga uburyo ukunda igihugu cyawe cy'u Rwanda n'icyo ugikundira.**

# 2 Kwimakaza uburenganzira bwa muntu

## 2.1. Uburenganzira bw'umwana



Duturanye n'umugabo Muyoboke uburanira abandi mu nkiko. Abantu bavuga ko yize akaminuza mu by'amategeko. Ku ishuri, umwarimu yaduhaye umukoro wo gushaka ingero n'ibisobanuro by'uburenganzira bw'umwana. Nkigera mu rugo, nahise njya gusobanuza Muyoboke ibijyanye n'uburenganzira bw'umwana kuko ari wo mukoro umwarimu yaduhaye.

Muyoboke yampaye igihe ke rwose maze ambwira uburenganzira abana dufite kandi tugomba guharanira. Yabanje kumbaza ati: "Iyo bavuze umwana wumva bashatse kuvuga iki?" Ndamusubiza nti: "Kuri

nge, umwana ni umuntu ukiri muto utaragera igihe cyo gushaka." Nuko aransubiza ati: "Rwose igisubizo cyawe ni cyo kirumvikana. Ariko kubera ko turi mu burenganzira, kandi uburenganzira bukaba butangwa n'itegeko, ni byiza kuyashingiraho kugira ngo tumenye neza uwo twita umwana uwo ari we. Amategeko avuga ko umwana ari umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani y'amavuko.

Umwana afite uburenganzira bwo kubaho kuva agisamwa. Ni yo mpamvu nta mubyeyi wemerewe gukuramo inda uko ashaka. Dore ubu ukimara kuvuka wahawe izina, wandikishwa mu bitabo by'irangamimerere nk'uko amategeko abiteganya. Uri Umunyarwanda kuko ubwenegihugu bwawe ari ubunyarwanda hakurikijwe itegeko ribigenga. N'iyo ujya kuba warabyawe n'umunyarwandakazi, so ari umunyamahanga, wari guhita ubona ubwenegihugu nyarwanda nta kindi usabwe. Nkubajije ababyeyi bawe wababwira kuko ubazi kandi ni bo bakurera nta wundi basiganya. Iyo bitajya gushoboka ko ubana n'ababyeyi bawe kandi ubafite, bagombaga kuguha ibikurera kandi ukajya ubasura igihe ushakiye, mu gihe bitabangamiye umutekano wawe n'uw'Igihugu. Uzi ko burya umwana utaragira imyaka itandatu y'amavuko agomba kubana na nyina mu gihe bitabangamiye inyungu ze n'ubwo ababyeyi baba baratandukanye? Udafite ababyeyi, ni ngombwa kugira umwishingizi, cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye, cyangwa se ikigo cyabigenewe kikamwitaho, bitaba ibyo akishingirwa na Leta.

Kwiga bituma ujijuka kandi bikagutegurira kuzabaho neza mu gihe kizaza. Kwiga rero na byo ni uburenganzira bw'umwana. Kubera iyo mpamvu buri mwana w'Umunyarwanda afite uburenganzira bwo kwiga. Ababyeyi n'abandi barera abana batari ababo bafite inshingano yo kubohereza mu ishuri. Leta y'u Rwanda kandi isobanura neza mu mabwiriza yayo, ko nta kigo cy'amashuri abanza ya Leta kemerewe gusaba amafaranga y'ishuri. Kubera iyo mpamvu nta mwana ugomba kwirukanwa mu mashuri kubera ikibazo cy'amafaranga, ivangura rishingiye ku gitsina cyangwa ku kuba abana n'ubumuga n'ibindi. Abarezi birukana abanyeshuri bashobora kubihanirwa kubera ko baba babangamiye uburenganzira bwabo.
Uko byagenda kose rero ufite uburenganzira bwo kubaho ku buryo ntawemerewe kugukubita, kukuvutsa ubuzima, kuguhohotera cyangwa kugufata nk'umucakara. Ufite uburenganzira bwo gutungwa n'ababyeyi

bawe hanyuma baba batakiriho ugasigarana umutungo wabo ari byo bita kuzungura, kabone n'ubwo baba barashakanye bitemewe n'amategeko cyangwa baratandukanye. Abavandimwe bawe ntibemerewe kukwambura ubwo burenganzira kabone n'iyo waba uri umukobwa ufite uburenganzira bwo kuzungura ababyeyi bawe. Ufite uburenganzira bwo gukorera mu mudendezo, gusengera mu idini ushaka, emwe no gushinga urugo n'uwo wifuza kurushingana na we mu gihe ugeze igihe cyo gushinga urugo. Ntawufite uburenganzira bwo kuguhatira gushaka ukiri umwana.

Abana kandi bagomba kurindwa imirimo ivunanye. Bafite gusa inshingano zo gufasha ababyeyi mu mirimo yo mu rugo, ariko nta muntu wemerewe kubakoresha mu kazi ako ari ko kose n'ubwo yaba abahemba umushahara kuko byabangamira iterambere ryabo kandi bikabicira ubuzima.

Abana bafite kandi uburenganzira bwo gukina kugira ngo umubiri wabo ugire ubuzima bwiza. Ababyeyi ndetse n'abarezi bagomba kubarinda ibyatuma ubuzima bwabo buhungabana. Muri ibyo harimo kubarinda icyabateza impanuka yatuma bakomereka cyangwa bakandura indwara. Ni yo mpamvu bagomba kugirirwa isuku kandi bakayitozwa, bakambikwa imyenda ibafasha guhangana n'ibihe binyuranye, bakavuzwa igihe barwaye ndetse bagahabwa n'inkingo zose kugira ngo bagire ubuzima buzire umuze".

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Ubwenegihugu
2. Kukuvutsa ubuzima
3. Guhohotera
4. Umucakara
5. Kuzungura
6. Umudendezo

## Umwitozo w'inyunguramagambo

**Tanga interuro zirimo aya magambo:**

1. Guhohotera
2. Umucakara
3. Kuzungura
4. Umudendezo

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko**

1. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko, uburenganzira ni iki?
2. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko, umwana ni muntu ki?
3. Tanga urugero rwa bumwe mu burenganzira bw'umwana buvugwa mu mwandiko?
4. Ni akahe kamaro ko kwiga?
5. Ni izihe nshingano z'ababyeyi zivugwa muri uyu mwandiko?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko umaze gusoma.
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

3. Tanga ingero z'aho ubona uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa n'aho ubona bubangamirwa.


## D. Kungurana ibitekerezo

1. Usibye uburenganzira bw'umwana buvugwa mu mwandiko wasomye nta bundi burenganzira bw'umwana watanga?
2. Ganira na mugenzi wawe mwicaranye ku burenganzira bw'umwana umubwire uko ubyumva.

**Umukoro**

Niba hari ahantu wumva uburenganzira bwawe bwarigeze guhungabanywa (aho wigeze gukubitwa urenganywa, aho waba warimwe ibiryo ukaburara, ...) cyangwa warabibonye ku wundi, andika inkuru uvuga uko byagenze utarengeje paji ebyiri.

## 2.2. Uburenganzira ku mutungo



Hari uburyo bwinshi umuntu ashobora kubonamo umutungo. Umutungo ushobora guturuka ku izungura, ku masezerano y'ubuguzi, ku bihembo biturutse ku kazi ukora, ku mpano, ku nguzanyo, ku nyungu zikomoka ku bucuruzi, ku igurishwa ry'umusaruro ukomoka ku buhinzi, ubworozi cyangwa ibihangano by'ubugeni n'ubukorikori. Hari kandi umutungo ushobora kugeraho ukoresheje ubumenyi n'ubushobozi wungukiye mu ishuri nko kwandika ibitabo, guhanga ibintu by'ikoranabuhanga n'ibindi.

Izungura ni uguhabwa uburenganzira n'inshingano ku mutungo n'imyenda bya nyakwigendera. Iyo umuntu amaze gupfa, inzira ikurikizwa mu kwegurira umutungo asize abamukomokaho cyangwa abandi bantu ni yo yitwa izungura cyangwa umurage. Amategeko agena abazungura umutungo wa nyakwigendera, uko bawushyikirizwa, uko wegeranywa

bakawugabana. Izungura rishobora gukorwa nta rage cyangwa rigakorwa hakurikijwe irage. Irage ni ibyo nyiri umutungo yageneye buri mwana cyangwa n'undi asigira umutungo we amaze gupfa. Ubwo rero umutungo w'umwana w'imfubyi cyangwa igice cyawo, ushobora kuba ugizwe n'umurage w'ababyeyi be.

Muri rusange rero abana b'abahungu hamwe n'abana b'abakobwa bafite uburenganzira bungana bwo kuzungura umutungo w'ababyeyi babo bapfuye. Nubwo ababyeyi baba barapfuye batabonye uko baraga abana babo umutungo wabo, umutungo basize uba ari uw'abana basize. Uwo mutungo ushobora kuba ugizwe n'amazu, amasambu, amafaranga n'ibindi byasizwe n'ababyeyi nubwo baba batarashakanye byemewe n'amategeko cyangwa barerwa n'umwishingizi.

Umwishingizi yita ku mutungo w'abana arera mu buryo butababangamiye. Umwishingizi yita ku mutungo w'abana kugeza igihe bahawe ubukure n'amategeko cyangwa kugeza igihe bagize imyaka makumyabiri n'umwe.

Umwishingizi nta burenganzira afite bwo gukoresha uko ashatse umutungo w'uwo yishingiye mu zindi nyungu ze zihariye. Ibi byamukururira ibihano birimo gutanga ihazabu cyangwa gufungwa. Ntiwazungura umutungo w'umwishingizi wawe keretse iyo yakuraze byemewe n'amategeko. Iyo hari abavandimwe be ni bo bonyine bafite uburenganzira bwo kumuzungura.

Iyo umuntu atwaye inzu cyangwa undi mutungo bitari ibye aba yibye. Mu Rwanda abaturanyi cyangwa abavandimwe bajya bigarurira umutungo w'abana bibana. Igihe hatari urengera abana abavandimwe cyangwa abaturanyi bigarurira umutungo wabo. Ibindi bihe usanga umuvandimwe cyangwa umwishingizi yigaruriye umutungo noneho agasigara afashe ba bana ba nyirumutungo nabi. Ibyo Leta ntibishyigikira ari na yo mpamvu bihanwa n'amategeko.

Nyamara umutungo w'umuntu akenshi awukomora ku gukora. Buri muntu iyo yiyemeje gukorana umwete n'umurava yiteza imbere kandi agateza imbere igihugu ke. Umwana wifuza kubigeraho agomba gutangira hakiri kare.

Bana rero mutangire mwige mushyizeho umwete kuko umutungo

wa mbere muri iki gihe tugezemo ari ukwiga. Ariko mushobora no korora amatungo magufi, mugahinga ibiti byera imbuto, mugatangira kwizigamira hakiri kare.

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Izungura
2. Ibihangano
3. Ubugeni
4. Ubukorikori
5. Umwishingizi
6. Kuraga

## Umwitozo ku nyunguramagambo

**Tanga interuro zawe bwite zirimo aya magambo:**

1. Umutungo
2. Umwishingizi
3. Uburenganzira
4. Umurage

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibibazo bikurikira byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite**

1. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko, umutungo uturuka hehe?
2. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko, kuzungura ni iki?
3. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko, indishyi z'akababaro ni iki?
4. Ni izihe nshingano z'umwishingizi?


## C. Gusesengura umwandiko

Erekana ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.

## D. Ihangamwandiko

Himba umwandiko uvuga ibintu uteganya gukora kugira ngo nawe utangire kubona umutungo hakiri kare.

## 2.3. Uburenganzira bw'abanyantege nke




Muhirwa yari afite umugore witwa Mukandori n'abana batanu ndetse agomba no kwita kuri nyina wari mu za bukuru. Umuryango wa Muhirwa wari ukennye, ku buryo abana be batashoboraga kwiga ngo barangize amashuri. Mu rugo bari batunzwe no guca inshuro kugira ngo babone ikibatunga. Babagaho mu buzima bugoranye. Muhirwa yari umugabo w'ibigango, ushoboye gukora ariko kubera umuryango munini yari afite, kandi nta sambu cyangwa amatungo yari afite, utwo akoreye twose tugasa nk'igitonyanga mu nyanja.

Umunsi umwe haza gutera intambara. Iyo ntambara yasanze umugore we atwite kandi afite n'abana babiri bakiri inshuke mu gihe Muhirwa atari imuhira kuko yari yaragiye gupagasa ngo abone icyatunga umuryango we.
Intambara yatumye umuryango wa Muhirwa uhunga nta bikoresho by'ibanze ujyanye. Dore nawe, umugore we Mukandori yari afite inda y'imvutsi, afite inshuke ebyiri ndetse agomba no gusindagiza nyirabukwe. Mukandori yeguye utwenda, afata udushyimbo n'utundi twaka bari basigaranye akorera abana be bakuru maze na we arabashorera

baragenda. Yagombaga kugendera magufi nyirabukwe nubwo na we atari yorohewe. Kubera ikivunge k'impunzi, Mukandori yaje kuburana n'abana be babiri bakuru. Bari nko mu kigero k'imyaka cumi n'itanu na cumi n'itatu. Aba bana ni bo bari bashoboye kugira ibyo bikorera byo kurya. Iyi mibereho yo guhangayika n'intege nke z'urugendo byatumye Mukandori akuramo inda. Ubwo nyirabukwe na we utari ufite uko yimereye ni we wasigaye ahubwo agomba kwita ku mukazana we dore ko nta kanunu k'abuzukuku bari baburanye bari bafite. Iyo ataza kugira abaturanyi ngo bamujyane ku ivuriro ryari hafi y'aho bari bahungiye na we ntiyari kubaho.

Ku ivuriro bitaye kuri Mukandori baramuvura arakira ndetse kubera ko hari n'ikigo nderabuzima, ba bana b'inshuke na nyirakuru wabo babitaho kugira ngo bashobore kurokora ubuzima bwabo. Umugore wa Muhirwa, Mukandori yamaze ukwezi kose mu bitaro kuko yari yarazahaye mbere yo koroherwa agasanga abandi aho bari barahungiye. Impunzi zari zarashyizwe mu nkambi zitandukanye, maze imiryango y'abagiraneza itangira kwita no guhuza imiryango yatatanye.

Inkuru y'uko Mukandori yari ari mu bitaro ntabwo Muhirwa yayimenye. Ahubwo yakomeje kurorongotana ashakisha hirya no hino aho umugore we yahungiye. Nuko ku bw'amahirwe aza guhura n'abana be bakuru bari baraburanye na nyina. Muhirwa yaribwiraga ati: "Ubu umugore wange ibye byararangiye. Abana bange bato na mama na bo ibyabo byararangiye." Muhirwa yumvaga yishinja kuba atarakoze ibyo yagombaga gukora. Nuko akibwira ati: "Ubundi iyo ntaza gusiga umugore wange wari hafi kubyara, ubu nta cyo aba yarabaye." Kubera ibibazo yibazaga, Muhirwa yari amaze gutakaza ibiro byinshi. Yirirwaga abaririza niba ntawuzi uko byagendekeye umugore we, abana be ndetse na nyina, akabura uwamuha amakuru y'imvaho.
Nyuma y'amezi abiri Muhirwa ashakisha hirya no hino yaje kugera ku kigo nderabuzima cyari mu nkambi yitaruye iyo yabagamo, ashakisha abana be bato. Nuko aza kumva umwana amuhamagara ngo: "Papa!" Yumva arikanze, arakebaguza agira ngo hari undi uwo mwana ahamagara. Arebye hafi ye abura umuntu. Ni bwo yabonye akana ke k'agakobwa kiruka kamusanga. Nuko n'ubwuzu bwinshi aragaterura. Arakabaza ati:" Hano wahageze ute? Abandi se bari he"? Umwana ataramusubiza aba abonye Mukandori ari kumwe na nyina basohoka mu kigo nderabuzima

bafite ibikapu byarimo ibiribwa bari bavuye gufata ku kigo nderabuzima. Nuko barahoberana, barishima. Muhirwa ashimishwa no kongera kubona umuryango we, bajya kumwereka icumbi barimo. Muhirwa ntabwo yicaye ahubwo yaravuze ati: "Ubu ngiye kuzana abana bakuru twabanaga tuze twegere iki kigo nderabuzima gifasha abanyantege nke."

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

1. Ibigango
2. Igitonyanga mu nyanja
3. Inshuke
4. Ikivunge
5. Kurorongotana

## Umwitozo ku nyunguramagambo

**Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.**

| | |
|---|---|
| 1. Gupagasa | a. Kugenda gahoro kuko uri kumwe n'umuntu udafite intege zo kwihuta. |
| 2. Inshuke | b. Agakuru k'umuntu mwaburanye |
| 3. Kugendera magufi | c. Kujya gukorera amafaranga ahandi hantu. |
| 4. Akanunu | d. Umwana ukiva ku ibere, ukiri muto. |

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?
2. Kuki uyu mugabo uvugwa muri uyu mwandiko intambara yateye ataba mu rugo rwe?
3. Uyu muryango ugeze mu nzira byawugendekeye gute?
4. Uyu mugore uvugwa muri uyu mwandiko yafashijwe na ba nde mu bibazo yahuye na byo?

## C. Gusesengura umwandiko

1. Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko umaze gusoma.
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

### Umukoro

Andika inkuru ivuga ku burenganzira bw'abanyantege nke uvuge n'ukuntu ubona bwubahirizwa mu gace utuyemo.

## 2.4. Uburenganzira bw'abafite ubumuga



Mu minsi ishize naganiriye na Muyoboke umugabo uhugukiwe n'ibijyanye n'amategeko n'uburengazira bwa muntu. Nifuzaga kumenya ibijyanye n'uburenganzira bw'abafite ubumuga kuko umwarimu wacu yari yabiduhayemo umukoro. Yatangiye ansobanurira ubumuga icyo ari cyo, umuntu ufite ubumuga uwo ari we n'uburenganzira afite. Yabinsobanuriye atya:"Ufite ubumuga ni umuntu wese wavutse adafite ubushobozi nk'ubw'abandi mu byerekeranye n'ubuzima cyangwa wabutakaje biturutse ku ndwara, impanuka, intambara cyangwa izindi mpamvu zishobora gutera ubumuga. Ubumuga rero butuma umuntu atakaza bumwe mu bushobozi bw'ubuzima bwe bityo akaba adafite amahirwe

angana n'ay'abandi. Hari abafite ubumuga buhoraho nka bariya ubona bagendera ku igare ry'abafite ubumuga, abamugaye ingingo, abatumva neza, abafite ubumuga bwo kutabona n'ubwo mu mutwe. Hari kandi n'abo umuntu yavuga ko bafite ubumuga bw'igihe gito nk'abafite ibikomere cyangwa imvune."

Ku byerekeranye n'uburenganzira, yarambwiye ati: "Ufite ubumuga wese afite uburenganzira bungana n'ubw'abandi imbere y'amategeko. Umwana ufite ubumuga ntahezwa mu ishuri yigana n'abatabufite. Agomba kubahwa no guhabwa agaciro bikwiye ikiremwa muntu. Ba nyiri ibigo cyangwa amashyirahamwe byita ku bafite ubumuga bagomba gukora ibishoboka byose kugira ngo buzuze ibyangombwa bituma abafite ubumuga bagira umutekano n'ubuzima bwiza. Bagomba kugira ibikoresho bihagije bituma abamugaye bagira ubuzima bukwiye kandi bakagira n'uruhare mu iterambere ry'igihugu hakurikijwe ubushobozi bwabo. Ufite ubumuga afite uburenganzira bwo kuba mu muryango mu buryo bumwe n'ubw'abandi, mu gihe adafite ababyeyi kandi adashoboye kwitunga, agira umwishingizi cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye cyangwa se ikigo cyangwa ishyirahamwe bimwitaho. Afite uburenganzira bwo gutanga igitekerezo mu bwisanzure ku bibazo rusange by'igihugu no ku kibazo cyose kimureba by'umwihariko. Iyo bishoboka, bagishwa inama kandi bagatanga ibitekerezo ku bikorwa na serivisi bibagenerwa. Ni muri urwo rwego, bahagararirwa mu nzego zifatirwamo ibyemezo no mu Nteko Ishinga Amategeko.

Ufite ubumuga afite uburenganzira bwo kunganirwa nk'undi wese mu nkiko, akitabwaho, agatabarwa by'umwihariko mu gihe k'intambara, ibiza, impanuka n'ibindi byago. Afite uburenganzira ku burezi buboneye hakurikijwe imiterere y'ubumuga bwe. Iyo afite ubumuga butamwemerera gukora ibizamini nk'iby'abandi cyangwa mu buryo bumwe n'abandi, afite uburenganzira bwo gukoreshwa ibizamini ku buryo bwihariye. Yoroherezwa na Leta uburyo bwo kwivuza, yaba atishoboye, ikamuvuza kandi ikamushakira insimburangingo n'inyunganirangingo, iyo azikeneye. Buri kigo cyangwa ishyirahamwe byita ku bafite ubumuga bigomba kugira serivisi ishinzwe gusuzuma ihungabana. Bigomba kandi kugira ubujyanama

mu by'ubuzima bwo mu mutwe.

Mu bijyanye n'umurimo, ntitugakorere ivangura iryo ari ryo ryose abafite ubumuga ahubwo tubahe amahirwe yo kubona umurimo kuruta utabufite niba banganya ubushobozi mu kazi cyangwa banganyije amanota mu ipiganwa. Umuntu wese ukoreye ufite ubumuga icyaha k'ivangura cyangwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose, ahanishwa igihano gisumba ibindi mu biteganywa n'amategeko ku birebana n'icyo cyaha.

Erega abafite ubumuga na bo ni abantu nka twe twese, bafite uburenganzira bwo kugera no gukoresha ahantu rusange bitabavunnye. Ni yo mpamvu, mu nyubako zitanga serivisi zigenewe rubanda hagomba guteganywa inzira zorohereza abamugaye ingingo kugera aho bashaka serivisi hose, ubwiherero ndetse n'urukarabiro byihariye. Na bo bakeneye kubaho bigenga cyanecyane ahantu rusange bitabaye ngombwa ko bahora baherekejwe iteka n'ababitaho.Twibatererana na bo ni abakiriya bacu, abafatanyabikorwa bacu, rimwe na rimwe usanga bari ku rwego rumwe natwe, ari inshuti zacu, abavandimwe bacu, bashiki bacu, abo dufitanye isano n'abandi.

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Ubumuga
b) Guhezwa
c) Insimburangingo
d) Inyunganirangingo

## Umwitozo w'inyunguramagambo

**1. Tanga interuro yawe bwite imwimwe irimo aya magambo akurikira bigaragaza ko wumvishije icyo asobanura:**

a) Ipiganwa

b) Ibiza

c) Kunganirwa

**2. Mu rwego rwo guca imvugo zisesereza abafite ubumuga amagambo amwe yakoreshwaga kera yavuyeho asimbuzwa imvugo zitarimo gusesereza no gutera ipfunwe. Mu matsinda nimwuzuze iyi mbonerahamwe y'imvugo zajyaga zikoreshwa n'izigomba gukoreshwa ubu:**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Ikiragi | |
| igipfamatwi | |
| impumyi | |
| igicumba | |
| kanyonjo | |
| kaboko | |
| kajisho | |
| igikuri | |

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Nimusubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko ubumuga ni iki?
2. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko ubumuga buturuka hehe?

3. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko uburenganzira bw'abafite ubumuga ni ubuhe?
4. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko ni ibiki bibujijwe gukorerwa abantu bafite ubumuga?
5. Ni ibiki Leta ikorera abantu bafite ubumuga?

### C. Gusesengura umwandiko

1. Vuga ingingo z'uburenganzira bw'abafite ubumuga zivugwa mu mwandiko umaze gusoma.
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

### D. Kungurana ibitekerezo

Usibye uburenganzira bw'abafite ubumuga buvugwa mu mwandiko wasomwe nta bundi burenganzira abafite ubumuga ubona bakwiye guhabwa uhereye ku bo uzi mu gace utuyemo cyangwa abo mwigana?

### Umukoro

Andika inkuru ivuga ku burenganzira bw'abafite ubumuga uvuge n' ukuntu ubona bwubahirizwa mu gace mutuyemo.

## 2.5. Indango z'inshinga

**Soma interuro zikurikira maze uvuge icyo inshinga ziciyeho akarongo zivuga mu butumwa zitanga.**

1. Ndagenda uyu munsi.
2. Singenda none.
3. Uraza cyangwa ntabwo uza?
4. Mwitonde mutagwa!
5. Mwirinde gukora ibyaha mutazahanwa.
6. Udakora ntakarye!
7. Ntimukangize ibidukikije!

### Muri izi nshinga, ni izihe zihakana n'izemeza?

**Inshinga zemeza:** ndagenda, uraza, mwitonde, mwirinde, gukora.
**Inshinga zihakana:** singenda, ntabwo uza, mutagwa, mutazahanwa, udakora ntakarye, ntimukangize.

Kuva mu ndango yemeza tujya mu ndango ihakana, hari amagambo twifashisha.

Amagambo cyangwa uturemajambo twagiye dufasha mu guhakana ari two, **si-**, **ntabwo**, **ta-**, **nta-**, na **nti-**

**si-** : gakora muri ngenga ya mbere ubumwe honyine, mu ndango ihakana

**ta-** : gakoreshwa muri ngenga zose, ariko muri ngenga ya mbere gakoreshwa gahinduka "nta" iyo gakoreshejwe mu buryo bumwe na bumwe bw'itondaguranshinga. **Urugero: Nintatsinda** nzababara.
**nti-** : Iyo gahuye na ngenga irangwa n'inyajwi "**i**" iburizwamo kagafata iyo nyajwi. Ni yo mpamvu gahinduka ntu- muri ngenga ya kabiri ubumwe cyangwa nta- muri ngenga ya gatatu ubumwe.

### Gakoreshwa :

a) Muri ngenga ya kabiri y'ubumwe: ntugende, ntuzagende.
b) Muri ngenga ya gatatu y'ubumwe: ntazagende, ntagende.
c) Muri ngega ya mbere y'ubwinshi: ntitugende, ntituzagende.
d) Muri ngenga ya kabiri y'ubwinshi: ntimuzagende, ntimugende.
e) Muri ngenga ya gatatu y'ubwinshi: ntibagende, ntibazagende.

### Umwitozo:

**Tondagura inshinga ziri mu dukubo mu ndago ihakana no mu gihe cyasabwe aho biri:**

a) Umuco wo kuzigama (**wakwiriye**: shyira mu ndagihe, mu ndango ihakana) mu Banyarwanda.
b) Hari ibiti biterwa mu myaka (**konona**; indagihe y'ubusanzwe; indango ihakana).
c) Jenoside (**kongera kubaho ukundi:** Inzagihe, mu ndango ihakana).
d) (**Kwironda:** Inzagihe mu ntegeko, ngenga ya kabiri y'ubwinshi, indango ihakana), mukurikije ikintu icyo ari cyo cyose, ahubwo muzage mugirana ubumwe n'ubufatanye na buri wese.
e) (**Kongera:** Inzagihe, ngenga ya mbere ubumwe, indango ihakana) kunywa itabi.

## 2.6. Amagambo akatwa

### Ikata ry'inyajwi zisoza

**Soma izi interuro maze utahure amagambo afite inyajwi zakaswe kubera ko ayo magambo yahuriye n'andi mu nteruro.**

1. Amashyamba n'amazi biri mu bidukikije bifite akamaro kanini ku buzima bwacu?
2. Abantu bose bafite icyo bakora nk'abahinzi, aborozi, abanyamyuga ndetse n'abakorera umushahara, bagomba kwitabira kuzigama.
3. Amaso ye ni nk'ayawe mureba kimwe.

**Ibinyazina ngenera n'byungo "na" na "nka"** Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "**na**" na "**nka**" zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi.

### Inyajwi zisoza zidakatwa

**Soma izi interuro maze utahure amagambo afite inyajwi zitakaswe kandi ayo magambo yahuriye n'andi mu nteruro.**

1. Mu ishyamba rya Nyungwe habamo ibintu byinshi bishimisha ababisura.
2. Ibiremwa biri ku isi byose biruzuzanya.
3. Uzage uzigama amafaranga kurusha uko uyasohora bizagufasha.
4. Kwiga ni uguhora wihugura, si uguhabwa impamyabushobozi ngo urekere aho.
5. Turwanye ingengabitekerezo ya jenoside aho turi hose.
6. Iyo duharaniye ubwuzuzanye n'uburinganire tuba twubahiriza ihame ko abantu bose bavukana uburenganzira bungana.

**Mfashe ko:**

1. Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.
2. Urugero: Jya uhora uharanira kujijuka! Inyajwi "**i**" isoza akabimbura "**nyiri**", n'inshinga mburabuzi "**ni**" na "**si**" ntizikatwa. Naho "**nyira**" ivuga "**nyina wa**" ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije.

**Ingero:**

- Nyiri aya makaye ari he ko yayanyagije?
- Nyirabukwe yamutuye.
- Gusoma neza si ugusoma wiruka mu nyuguti, gusoma neza ni ukwitonda ukavuga amagambo uko yanditse.

1. Inyajwi zisoza indangahantu "**ku**" na "**mu**" ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n'ijambo rikurikira.

**Urugero:** Duharanire gukwiza amahoro mu isi yose duhereye ku ishuri twigaho.

**Umwitozo: Kosora amakosa y'imyandikire ari muri izi nteruro.**

1. Nuva kw'ishuri uge kuhira za ngemwe zibiti twateye ejo bundi.
2. Gukund'umurimo bizatuma duter'imbere, tuve mu ubukene bwa karande.
3. Gusoma ibitabo byinshi bifasha kwiyungura ubumenyi nubwenge nubushobozi mu byo dukora.

## 2.7. Amarangamutima

**Soma amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro maze utekereze ku miterere n'umumaro wayo, utahure uko yakwitwa.**

1. <u>Yooo!</u> Mbese burya ni uko bagenze!
2. <u>Ye baba wee!</u> Ubwo ko bajya kumwiba ayo mafaranga yoseyose kuki atari yarayazigwamye muri banki?
3. <u>Ahaaa!</u> Aho wenda waba watemye ibiti bya Leta!
4. <u>Ayayaya!</u> Mbega ibintu byiza! Aya manota yose ni ayawe!

Amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro agaragaza ibiri ku mutima w'uvuga. Aha mbere biragaragara ko ababajwe n'ibyabaye. Mu nteruro ya kabiri uvuga aratangara ariko agaragaza kwifatanya n'uwagize ibyago byo kwibwa. Mu nteruro ya gatatu, uvuga arihanangiriza uwo bavugana, amwumvisha ko atangajwe n'ibyo yumvise.

Aya magambo kimwe n'andi ateye nk'aya aranga ibiri ku mutima w'uvuga. Ni ukuvuga ibyiyumvo afite. Mu byiyumvo habamo: akababaro, gutangara, kwifatanya n'uwagize ibyago, ibyishimo, ...

**Inshoza y'amarangamutima:**

Amarangamutima ni amagambo adahinduka, agaragaza ibyiyumvo by'uvuga.

## 2.8. Inyigana

**Soma witonze aka gace k'umwandiko maze utekereze ku miterere n'umumaro by'amagambo aciyeho akarongo:**

<u>Huun.</u> ! <u>Huun!</u> Ihene itangira kubyogabyoga. Dore ishyano! Ibya hano biguruka nta mababa! Itangira gutekereza impyisi. <u>Huun!</u> <u>Huun!</u> Iyo <u>ni</u> gica cy'urukinga n'urutamu ku mugongo! Mutamu ireba hirya no hino, ibura uburyama n'ubuhagarara, ubwoba burayisaga isigara ihinda umushyitsi. <u>Huun!</u> Iratitirije amaso atera ibishashi, iteye iyo shashi y'inshirasoni. Nyirashyano itekereza ibyo guhunga isanga bitagishobotse iti: "Ahasigaye ni ukurwana." Ngo "<u>tiku</u>! <u>Tiku!</u>" Rwasakiranye: ngiryo ihembe ngiryo iryinyo birakururana rubura gica. Isake irinda iyibikiraho, umuseke ureya. Mu rukerera, Mutamu iti: "Nuko nabeshyaga n'ubundi nta hene irwanya impyisi, iki cyago cyanyishe."

<u>Huun. !</u> <u>Huun!</u>: Aya magambo arigana impyisi ihuma.

<u>Tiku! Tiku! </u>: Aya magambo arigana urusaku ruturuka ku bintu bisekuranye. Atwumvisha uburyo Mutamu yabanje kwirwanaho igatikura impyisi ikoresheje umutwe n'amahembe.

**Inshoza y'inyigana**

Inyigana ni amagambo yigana urusaku rw'ibintu, urw'inyoni cyangwa inyamaswa.

**Umwitozo: Tahura amarangamutima cyangwa inyigana ziri muri izi nteruro.**

Mee! Mee! Uwo ni nyiribyago Sehene wize guhebeba ngo none yamwumva igataha.

Mu kanya gato, Mutamu itangira gutaka iti:"Ayii we! Ahuu! Cya cyago kiranyishe!"

Ihene iti:"Meee!" Inka iti: "Maaaa!" Intama iti:"Baaa!" Nti:"Byira mbyiruke mwana w' i Rwanda!"

Mu gitondo inyoni zose ziba ziririmba. Inuma igira iti:"Gugu, Gugugu, Gugu!" Inyombya iti:"swiririri". Akayaga kaba gahuhera ngo "shiiii!" Niwumva rero inyoni ziririmba, ntugatangire kwiganyiriza ngo'orororo!" Ahubwo jya uhita wiyorosora ibiringiti vuba ngo"shiku! "

## 2.9. Inkuru ishushanyije: Dukine kuko ari byiza, ariko ntibitwibagize inshingano zacu





Ahaa ! Uramubona musize aho haruguru mu mupira.
Bafite uburenganzira bwo gukina no kwidagadura. Ntiwabibabuza. Ariko bafite n'inshingano zo gufasha ababyeyi mu turimo bashoboye.
Sekidende aratekereza
Ndagufata sinafashe bike! Sinzi gutsindwa icyo ari cyo. Izamu naryigiye munsi y'amazi!
Sekide, sekidende! Ngwino tujyane imuhira ufate umufuka uge kuzana biriya bijumba tubone icyo turarira!
Umukino urenda kurangira ndaje nge kubizana!


Ntutinde bize kugira igihe cyo gushya dore ko biriya bijumba ari amatare!
Sekidende yivugisha aho ari mu izamu
Ariko tuzajya duhorera ibijumbaaa sinzavanamo bwaki ra?
Uyu mwana yasize adakinze, cyangwa batwibye?


Nsanze nta kibazo da! Ariko abana b'ubu mwokabyara mwe!
Sekide, Sekidende!
Karame nyogoku!
Biriya bijumba birarara mu murima?
Ndaje umupira urarangiye.


Reka niruke mu kanya ndaba mbizanye.
*Ageze mu nzira arahagarara, aratekereza*
Umupira wananije ariko! Sinzi niba mva epfo iriya!
Ibi bijumba birakwirwa muri uyu mufuka ra? Ndabigezayo binyumvishije! Ariko kuki Imana yaremye inda?
Nimuntabare, nimuntabareeee!
Ni ibiki, ni ibiki sha ?!


*(Baterurane wa mufuka, sekidende abakurikire aninagira.)*
Wiriwe nyogoku! Tuzanye Sekidende urwara rw'ino rinini arusize mu nzira
Yooo! Urababaye nyabu! Reka ndebe utwatsi two kukomora.
Bomoza ibyatsi se? Ngwino tukujyane kwa muganga. Biriya byatsi byakwanduza tetanosi.
*Mukecuru agarutse asanga abana bagiye*
Ba bana bagiye he ra!

## A. Inyunguramagambo

**1. Shaka ibisobanuro by'aya magambo:**

1. Akabande
2. Guhangaza izuba
3. Nyabu
4. Sinafashe bike
5. Izamu naryigiye munsi y'amazi
6. Ibijumba by'amatare
7. Bwaki
8. Mwokabyara mwe
9. Byo kanyagwa
10. Komora
11. Kuvuguta ibyatsi
12. Tetanosi.

### Umwitozo w'inyunguramagambo.

**2. Tanga interuro imwimwe irimo aya magambo akurikira bigaragaza ko wumvise ibisobanuro byayo.**

**a) Yatutubikanye:**
**b) Kuvuguta:**
**c) Amwomore:**

## B. Ibibazo byo kumva inkuru ishushanyije

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku nkuru mu magambo yanyu bwite.**

1. Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru ishushanyije?
2. Umwana uvugwa muri iyi nkuru ishushanyije umukecuru yamubuze yagiye hehe?
3. Ukurikije ibivugwa muri iyi nkuru ishushanyije abana bafite ubuhe burenganzira?
4. Ukurikije ibivugwa muri iyi nkuru ishushanyije abana bafite izihe nshingano?
5. Ko umukecuru yagiye gushaka ibyatsi byo komora Sekidende, abandi bana bakamunyarukana bakamujyana kwa muganga, ubona barakoze ibiri byo? Sobanura.

## C. Gusesengura inkuru ishushanyije no gutahura ibiyiranga

a) Mu matsinda nimwekane ingingo z'ingenzi zigize iyi nkuru.

b) Mu matsinda nimugerageze gutahura ibiranga inkuru ishushanyije muhereye ku buryo yanditse musubiza ibibazo bikurikira:

   i) Mukireba kuri iyi nkuru mutaranayisoma mubona igizwe n'iki?

   ii) Amagambo y'abakinnyi yanditse he? Agaragazwa n'iki ko ari ay'umukinnyi runaka?

   iii) Ibice bigize inkuru bikurikirana gute? Iyo uyisoma uhera he uga na he?

   iv) Muhereye ku bisubizo mwabonye mwavuga ko inkuru ishushanyije irangwa n'iki?

### Ibiranga inkuru ishushanyije

Inkuru ishushanyije igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi: ibishushanyo n'amagambo.Yandikwa mu tuzu tugize imbonerahamwe akenshi iba ifite inkingi ebyiri cyangwa zirenga. Amagambo avugwa mu nkuru aba ari mu tuziga cyangwa utuzu dufite akambi bita "ingobe" kaganisha ku uvuga, cyangwa utubumbe tugaragaza ko umuntu arimo gutekereza. Hari n'amagambo asobanura uko abantu bitwaye mu nkuru. Ayo magambo ashyirwa mu kanya gasigara hejuru y'akazu gashushanyijemo nta kambi cyangwa utubumbe tuganisha ku uvuga kayajyaho.  Inkuru ishushanyije isomwa uva ibumoso ugana iburyo no kuva hejuru ugana hasi nk'uko wasoma inkuru yanditse bisanzwe.

## D. Gukina bigana



**Mukine inkuru ishushanyije mwigana abakinnyi uko bayikinnye, buhorobuhoro muyifate mu mutwe ku buryo muyikina mudasoma.**

## E. Guhanga inkuru ishushanyije.

Nimutekereze ibyakorwa mu guhanga inkuru ishushanyije maze mubitondeke muhereye ku cyo mwaheraho kugeza ku cyo mwarangirizaho musubiza ikibazo gikurikira: "Ugiye guhanga inkuru ishushanyije wakora iki?"

**Mfashe ko:**

Inkuru ishushanyije ari inkuru igizwe n'ibishushanyo ndetse n'amagambo yanditse mu tuzu.

**Nshoboye:**

- Gusoma no gusesengura inkuru ishushanyije.
- Gukoresha amagambo mashya nandika inkuru.

## Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

**Igisobanuro cy'uburenganzira bwa muntu**

Umwarimu yaduhaye umukoro wo kuzagaruka ku ishuri dushobora gutanga ibisobanuro ku bijyanye n'uburenganzira bwa muntu, cyanecyane ubw'abana, ubw'abanyantege nke ndetse n'uburenganzira ku mutungo.

Natekereje ku ijambo " uburenganzira " numva ntarisobanukiwe neza kuko bwari na bwo bwa mbere ndyumva. Si nge warose ngera mu rugo. Nuko nsaba ababyeyi bange uruhushya rwo kujya kwa Muyoboke, umunyamategeko duturanye ngo amfashe gusobanukirwa n'umukoro umwarimu yaduhaye.

Nuko ngeze kwa Muyoboke arambaza ati:"Kanyamatsiko se kandi nakumarira iki ?" Ako ni akazina yampimbye kuko nkunze kumubaza utuntu twinshi. Ni ko kumubwira nti:"Nagira ngo munsobanurire ibijyanye n'uburenganzira bw'abana. Ariko munsobanurire mbere na mbere iryo jambo"uburenganzira" mbanze ndyumve neza."

Muyoboke ni ko kumbwira ati:"Mu Rwanda ndetse no ku isi yose, buri muntu uwo ari we wese n'ubwo yaba ari umwana muto afite uburenganzira bwinshi. Uburenganzira umuntu arabuvukana. Ni nk'izina ryawe, indeshyo yawe, ururimi uvuga cyangwa ibyo wizera. Ni bimwe mubikugize. Uburenganzira ntibugurishwa. Abantu mu bihugu byose biyemeje kubwubahiriza, kuko ari bwo butuma bubahana. Ubwo burenganzira buboneka mu cyo twita amategeko, haba mu Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko. Aya mategeko afata ibikureba byose nk'ibintu bifite agaciro karemereye kuruta ibindi byose. Kandi ibyo bikureba biba bigomba kurengerwa hakurikijwe ayo mategeko. Ni yo mpamvu igihe hagize ubangamira uburenganzira bwawe, Leta igomba kukurengera. Bityo ukaba ugomba kumenya uburenganzira bwawe kugira ngo igihe bibaye ngombwa ubuharanire.

Muri make, uburenganzira ni ibyo amategeko akwemerera. Kandi ibyo amategeko akwemerera ntawemerewe kubikuvutsa kuko bigenze bityo yaba aguhohoteye. Dukunze kugira inama abantu ngo bage bamenya amategeko kugira ngo bamenye ibyo bemerewe n'ibyo batemerewe.

Amategeko y'u Rwanda, Itegeko Nshinga ndetse n'andi mategeko, arengera uburenganzira bwa buri wese. Hari kandi n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu banyuranye. Ayo mategeko n'Igihugu cyacu kirayemera kandi cyayashyizeho umukono, kinayinjiza mu Itegeko Nshinga. Igihe ibihugu byinshi bifite amategeko, bikubahiriza uburenganzira harimo n'ubw'abana, bivuga ko uburenganzira bw'abana ari ingenzi. Nk'ubu, buri wese afite uburenganzira bwo kubaho no kwiyubaha, kugira umutungo, kuvurwa, kwiga no kuba twese tureshya imbere y'Ubutabera . Amategeko y'u Rwanda arengera ubwo burenganzira atitaye ku myaka y'umuntu. Rero igihe uwo ariwe wese akoze ikosa ryo kukuvutsa uburenganzira bwawe aba yishe ayo mategeko yose. Kandi uwishe amategeko arabihanirwa. Igihe uzi icyo amategeko avuga ku burenganzira bwawe ukaba waharanira ubwo burenganzira biba byatunganye, kuko icyo gihe no gufata ibyemezo birakorohera".

## I. Inyunguramagambo

1. **Koresha aya magambo mu nteruro zumvikana kandi ziboneye:** Uburenganzira, kurengerwa, aguhohoteye, ibyemezo, umunyamategeko
2. **Andika amagambo ari mu mwandiko asobanura kimwe n'aya akurikira:** gusinya, gukurikizwa, umuntu wize cyangwa umuntu ukora ibijyanye n'amategeko, umuntu ufite inyota yo kumenya ibintu.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Nk'uko bivugwa mu mwandiko, uburenganzira ni iki?
2. Ni ubuhe bumwe mu burenganzira buri muntu wese yemerewe, buvugwa muri uyu mwandiko?
3. Ni ayahe mategeko avugwa mu mwandiko?
4. Iyo umuntu atubahirije uburenganzira bwawe, aba akoze iki?
5. Ni irihe somo uvanye muri uyu mwandiko?

## III. Ikibonezamvugo

1. **Shyira izi nshinga mu ndango ihakana.**
   a. Ndaza
   b. Ndaje
   c. Nuza ndishima
   d. Nimukora muzatera imbere.
2. **Shyira mu ndango yemeza.**
   a. Ntituzahahurira
   b. Nudatsinda sinzaguhemba.
   c. Ntimugahorane impungege z'uko muzamera ejo.
3. **Andika uko bikwiye interuro zikurikira**
   a. Amazi numwuka duhumeka ni ibintu dukenera kurusha nibyo turya.
   b. Muge mukundana nkabavandimwe.
   c. Abana bose, baba abafite ubumuga nabatabufite, ntibagomba kuvutswa uburenganzira bwo kwiga.

## IV. Guhanga bandika.

**Andika inkuru wabwira abantu mubana ku bijyanye n'uburenganzira bw'umwana mwize n'ibyagushimishije. Uratangira gutya:**

Muri iyi minsi twize ibijyanye n'uburenganzira bw'abantu batandukanye: ubw'abana, ubw'abamugaye n'ubw'abanyantege nke. Twagiye dusoma imyandiko itandukanye, tukanayisesengura, ndetse hari n'uwo twakinnye.

Mu burengazira bw'abana twize ko......


Ku bijyanye n'uburenganzira bw'abamugaye twize ko....

Ku bijyanye n'uburenzira bw'abanyantege nke twize ko, ...

Mu kwanzura navuga ko ...

# 3 Gufata neza ibidukikije

## 3.1. Ibidukikije



Ibidukikije muri rusange bigizwe n'ubutaka, ibiburiho n'ibiburimo, amazi n'ibiyarimo, umwuka n'ikirere, ibinyabuzima biri ku isi n'ibikorwa by'umuntu. Umuntu akaba ari we uri hagati ya byose.

U Rwanda ni igihugu k'imisozi miremire. Kubera ubwinshi bwayo rwitwa "Igihugu k 'imisozi igihumbi." Iyo misozi igiye ibisikana n'ibisiza, ibibaya bitembamo amasoko, imigezi mito n'imigezi minini. Hamwe na hamwe hashashe ibidendezi by'amazi byitwa ibiyaga. Imisozi y'i Rwanda yisakaye amashyamba atuma isa neza kandi akayirinda isuri. Muri ayo mashyamba hari ayatewe mu bikorwa by'umuganda, aterwa n'abaturage ku giti cyabo n'aya kimeza nka Nyungwe, Gishwati, Mukura, Cyamudongo,

urugano rwo mu Birunga, ishyamba riboneka muri Parike y'Akagera n'ishyamba rya Busaga. Ibyiza by'amashyamba ntawutabizi kuko tuyakesha umwuka mwiza duhumeka, ku buryo bayita ibihaha by'iyi si dutuyeho. Ni yo atuma habaho imvura ituma tweza imyaka, tukabona ibidutunga, akarwanya isuri ndetse agafata ubutaka. Ni na yo kandi ntaho y'inyoni n'inyamaswa.

Kubera izo mpamvu tuba tugomba kuyafata neza, tuyahარurira tuvanamo ibyatsi bibi, tuyakonorera kandi tutayaragiramo inka ziyavunagura; na none kandi tubuza abana kurira ibiti babigonda cyangwa babyicundaho. Kugira ngo tubone ibyo turya, hagomba inkwi zo kubiteka, kandi ziva mu biti byatemwe. Gutema ibiti umuntu ntiyabireka burundu ariko kandi ibitemwe byibura byajya bisimbuzwa ibindi. Umuririmbyi w'Umunyarwanda ni we wigeze kuvuga ngo:"Nutema kimwe uge utera bibiri!" Kandi ni inama nziza. Mu rwego rw'imiturire, abantu na bo bakwirinda gusatira amashyamba bayatema ngo babone aho batura.

Ikindi twakwigiraho ni ibara ry'amazi atemba mu migezi iboneka mu gihugu cyacu. Amazi y'iyo migezi asa n'igitaka; bisobanura ko imisozi yacu igenda ikukumuka, itaka ritembera mu migezi na yo ikaritunda irijyana imahanga tugahomba nk'uko umubyinnyi w' Umunyarwanda yigeze kubivuga. Mu migezi yo mu Rwanda hari itemba igana iburasirazuba ikisuka mu ruzi rw'Akagera. Iyo ni igizwe na Mwogo, Rukarara, Mbirurume, Satinsyi, Mukungwa, Base, Bakokwe, Nyabugogo, Akanyaru, Karangaza, Kagitumba n'iyindi. Naho itemba igana iburengerazuba ni Sebeya, Koko, Karunduru, Rusizi n'iyindi. Iyo migezi ibonekamo ibinyabuzima bitandukanye. Habamo amafi, imvubu, ingona, ingaru, inyogaruzi n'izindi.

U Rwanda kandi rufite ibirunga birimo Kalisimbi, Muhabura, Bushokoro bamwe bita Bisoke, Sabyinyo, Gahinga. Imisozi yo hagati mu gihugu yitwa ibitwa. Ni imisozi itari miremire cyane ariko ikagira umwihariko wo kuba ishashe hejuru mu mpinga harambuye. Dufite kandi Ibisiza n'ibibaya bifite ubutumburuke bugufi ibyinshi bikaba byiganje mu burasirazuba bw'u Rwanda ariko ntitwakwibagirwa ikibaya cya Bugarama kiboneka mu burengerazuba.

Mu biyaga byo mu Rwanda twavuga nka Kivu, Burera, Ruhondo, Muhazi, Mugesera, Cyohoha, Rweru, Sake, Cyambwe, Nasho, Ihema, Rwanyakizinga, n'ibindi bito. Inyamaswa ziboneka mu migezi akenshi ziboneka no mu biyaga.

Abana na bo bafite inyungu z'uko ibidukikije birindwa kandi bigacungwa neza kubera ko imibereho myiza yabo ari byo ishingiyeho. Abana bagomba kubungabunga ibidukikije kuko ari byo bituma ubuzima bw'umuntu buba bwiza. Bakwiye kuzirikana ko buri kintu mu bidukikije gifite akamaro kihariye; bakihatira kugira ubumenyi ku bidukikije bityo bagasobanurira bagenzi babo, ababyeyi babo ndetse n'abaturanyi ibyiza dukesha ibidukikije n'inyungu dufite mu kubifata neza. Kugira ngo bongere ubumenyi bwabo ku bidukikije, abana bashobora gusoma ibitabo, ibinyamakuru, kubaza ababyeyi n'abarimu babo, abashakashatsi, abayobozi, kumva radiyo, kureba ibiganiro bya tereviziyo n'ibindi.

Aya makuru yatuma abana bagena ibikorwa bakora mu rwego rwo gufata neza ibidukukije. Ibyo bikorwa byaba nko gukora ubusitani, gutera indabyo, gutera ibiti, gutoragura imyanda inyanyagiye aho bakinira, gusiba utwobo turekamo amazi y'imvura, gukubura, korora amatungo magufi nk'inkoko, ihene, intama, ingurube, imbata, imbeba za kizungu, inkwavu n'andi. Bashobora na none kurema amatsinda agamije kurengera ibidukikije, guhimba indirimbo n'imivugo ijyanye no kurengera ibidukikije, gukinira ku bibuga bateyeho ibyatsi n'ibindi.

Abana mu rwego rwo kurengera ibidukikije, bakwirinda ibi bikurikira: guta imyanda aho babonye hose, gutoba amazi, kwihagarika no kwituma ku gasozi, kwangiza ibimera, gutwika ibyatsi n'amashashi, kujugunya imyanda mu migezi, mu masoko no mu biyaga kuko byanduza amazi kandi kunywa amazi mabi bikaba bitera indwara nyinshi. Bakwiye no kwirinda kwica inyamaswa, kwirinda kwiyanduza bicara ahantu hadafite isuku, kwisiga imyanda n'ibindi.

None se ibi byose ko ubyumvise, wowe nk'umunyeshuri wo mu mwaka wa gatanu wiyemeje gukora iki ngo urengere ibidukikije?

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Imisozi yisakaye amashyamba
2. Intaho
3. Gusatira
4. Ibihaha by'isi

**Imyitozo ku nyunguramagambo**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**

a. Gusatira b. Intaho c. Ibihaha

**2. Uzurisha amagambo ukuye mu mwandiko interuro zikurikira**

a. Pariki ya ................. iherereye mu burengerazuba bw'u Rwanda.
b. Muri pariki y ................. habayo ingagi zinjiza amadovize.
c. Isunzu rya ................. rigabanya amazi y'uruzi rwa ................. n'uruzi rwa .................
d. Abana na bo barasabwa kutanduza amazi y'.................n'ay'.................

**3. Tanga impuzanyito z' amagambo yakoreshejwe mu mwandiko**

a. Ibihingwa b. Akuze cyane c. Ibibondo

**4. Tanga imbusane z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**

a.Migufi b. Minini c. Byiza

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko**

1. Uyu mwandiko uribanda ku ki?
2. Kuki u Rwanda rwitwa Igihugu k'imisozi igihumbi?

3. Andika nibura inyamaswa eshatu ziba mu mazi zivugwa mu mwandiko.
4. Kuki abana na bo bagomba kubungabunga ibidukikije?
5. Andika nibura ibintu bibiri abana basabwa mu kurengera ibidukikije.
6. Ni hehe abana bakura amakuru yo kurengera ibidukikije?

### C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Erekana ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko?

### D. Umwitozo w'ubumenyingiro

Andika ingaruka ziterwa no gutema ibiti bigashira ku musozi.

## 3.2. Ingiro nkora n'ingiro ntega

**Nimusome interuro zikurikira maze muzishyire mu matsinda mukurikije ko ari ruhamwa ikora igikorwa cyangwa ko ikorerwaho igikorwa.**

1. Abantu bose **barinde** ibidukikije kwangirika!
2. Ibidukikije **birindwe** n'abantu bose kwangirika!
3. Ibiti **biduha** akuka keza.
4 **Duhabwa** akuka keza n'ibiti.
5. Ababyeyi bakwiye **gutoza** abana kwita ku bidukikije bakiri bato.
6. Abana bakwiye **gotozwa** n'ababyeyi babo kwita ku bidukikije bakiri bato.

**Mfashe ko:**

Iyo bavuze ingiro y'inshinga baba bashaka kuvuga uburyo inshinga ihindura imiterere bitewe n'uko ruhamwa yitwaye mu gikorwa kivugwa n'inshinga.

1. Bavuga ko inshinga iri mu ngiro nkora iyo ruhamwa ari yo ikora igikorwa kivugwa n'inshinga.
2. Bavuga ko inshinga iri mu ngiro ntega iyo ruhamwa ari yo ikorerwaho igikorwa kivugwa mu nshinga.

## Imyitozo

**A. Hindura interuro zikurikira mu ngiro nkora cyangwa ntega**

1. Abana bigishwa n'ababyeyi.
2. Abantu bagurisha ibiti bakabona amafaranga.
3. Imbwa yapfuye irahambwa, ntijugunywa mu mazi.
4. Kuki abana b'abahungu n'ab'abakobwa batera ibiti?

**B. Uzurisha ijambo utoranyije mu dukubo**

1. Gutema amashyamba ................ isuri (bitera, biterwa).
2. N'ibidukikije ................ na jenoside (byashenywe, byashenye).
3. Koga amazi mabi ................ indwara ya tirikomonasi (bitera, biterwa).
4. Abatagira ingingo zose z'umubiri................ na bo bakiga (barafasha, barafashwa).

## Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

Imiterere y'ikirere yagiye ihinduka uko ibihe bigenda biha ibindi. Kuri ubu, isi imaze hafi imyaka miriyari eshanu iriho. Muri icyo gihe cyose yabayeho, ibintu byagiye bihinduka, ibihe bigahinduka, n'imiterere y'ikirere ikagenda ihindagurika.

Turebye uko isi yacu iteye, izengurutswe n'ikirere kigizwe n'imyuka itandukanye. Iyo myuka itabayeho, nta kinyabuzima cyaba k'isi.

Ikirere gikikije isi yacu rero twakigereranya n'inyanja zuzuye imyuka. Iyo myuka igenda isunikana, hazamo imiyaga, ikibirindura, igatembera. Ni yo mpamvu burya iyo imvura igiye kugwa, habanza kubaho imiyaga. Ni imyuka yo mu kirere iba isunikana. Ibyo ni byo bituma ikirere kidukikije kigenda gihinduka, rimwe hagakonja, ubundi hagashyuha, ikindi gihe imvura ikagwa.

Uko iyo myuka itembera rero ni ko ihindura ikirere cy'ahantu aha n'aha. Hamwe imvura iba iri kugwa, ahandi izuba rikava. Iyo myuka ni yo itanga ibihe by'ubuhinzi kuko ituma igihe kimwe kiba ik'imvura ikindi kikaba ik'izuba.

Muri icyo kirere ni ho dusanga umwuka duhumeka witwa okisijene, ndetse n'umwuka wa karuboni ibimera bikenera kugira ngo bishobore gukura.

Abantu n'ibimera rero ni magiririrane. Impamvu ni uko umwuka dusohora ari wo bikenera, na ho byo uwo bisohora tukaba ari wo twe tuba dukeneye kugira ngo duhumeke.

Mu by'ukuri, imiterere y'ikirere k'isi yacu dutuyemo, igirwamo uruhare rukomeye n'izuba. Ni ryo ryohereza urumuri n'ubushyuhe ku isi. Iyo myuka isanzwe iri mu kirere, ifite akamaro kuko ituma ku isi habaho ubushyuhe bugereranyije n'ubukonje butarenze urugero. Iyo myuka rero, iboneza imirasire y'izuba ikatugeraho itabangamiye ubuzima bwacu. Ni na yo igarura ubushyuhe ku isi igatuma hataba ubukonje bukabije.

Muri iki gihe tugezemo, muri iyo myuka hivangamo ituruka mu myotsi y'ibyo ducana: amashyamba yahiye, imyuka ituruka mu nganda, imyotsi y'amamodoka n'amapikipiki. Iyo myuka mu by'ukuri itari myiza igenda ibangamira imiterere y'ikirere kandi igenda yiyongera uko bwije n'uko bukeye.

Uko abantu bagiye biyongera ku isi bakanahakorera ibikorwa byinshi bitandukanye, ni ko ikirere gikikije isi kigenda kinjiramo imyuka myinshi idakenewe. Iyo myuka abantu bohereza mu kirere, ni yo ituma kigenda gihindagurika.

Ibyo bigira ingaruka mbi ku mihindagurikire y'ikirere, rimwe imvura ikabura ntigwire igihe, ubundi yagwa ikaza ari nyinshi igatera imyuzure. Haba ubwo igwa igihe gito ikagenda imyaka itarera, ubundi ikagwa igihe kirekire imyaka yeze ikayiboza. Izuba na ryo iyo ricanye riza rikaze cyane, rigatera abantu bamwe kurwara, amazi agakama aho yari ari, ubwatsi bw'amatungo bukabura.

Ibyo byose kera ntibyahozeho. Imvura yagwiraga igihe cyayo, abantu bakamenya igihe bagomba guhingira n'igihe bazasarurira.

Ibyo rero bikwiye gutuma twibaza tuti:"Ese nibikomeza gutya, mu gihe kiri imbere bizaba bimeze bite? " Nidukomeza se kohereza

mu kirere imyuka icyangiza, abadukomokaho ejo ubuzima bwabo ntibuzahahungabanira ? Nibikomeza se, ntihazagera igihe ikirere kigahinduka burundu, izuba ryava rigatwika ikinyabuzima cyose kiri ku isi cyangwa imvura ikagwa, ahantu henshi hakuzura amazi.

Aha rero birasaba ko abantu bose babimenya, maze buri wese agafata ingamba ku bimureba, kugira ngo ubuzima bukomeze busagambe ku isi.

**I. Inyunguramagambo**

**1. Tanga ibisobanuro by'aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

a. Uko ibihe bigenda biha ibindi
b. Okisijene
c. Karuboni
d. Turi magirirane

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.**

a. Uko ibihe bigenda biha ibindi
b. Okisijene
c. Karuboni
d. Turi magirirane

**II. Ibibazo ku mwandiko.**

**Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite, utandukuye interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.**

a. Ni gute abantu n'ibimera ari magirirane ?
b. Kuki iyo imvura igiye kugwa habanza kubaho imiyaga ?
c. Izuba ridufitiye akahe kamaro?
d. Ni ibihe bintu bivugwa mu mwandiko bituma mu kirere hajyamo imyuka ihumanye?
e. Hari ibindi wowe uzi bitavuzwe mu mwandiko?
f. Tanga urugero rw'uruganda rwo mu Rwanda rwaba rwangiza ikirere.
g. Ubona hakorwa iki kugira ngo hagabanywe imyuka mibi ihumanya ikirere ?

**III. Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko.**

**Ingingo yo gutangaho ibitekerezo:**

Inganda zirakenewe kuko ari zo zitunganya ibintu dukenera mu buzima bwacu bwa buri munsi. Nyamara zohereza imyuka mibi mu kirere, ku buryo byatangiye kugira ingaruka ku buzima bw'abantu. Hari abicwa n'ubushyuhe bukabije, hari aho imyaka itakera kubera ihindagurika ry'ikirere. Mubona hakorwa iki? Inganda zihagarikwe cyangwa tureke ikirere cyangirike n'ubwo cyo kidashobora gusanwa?

**IV. Ikibonezamvugo.**

**1. Soma interuro zikurikira maze uvuge niba inshinga iciyeho akarongo iri mu ngiro nkora cyangwa mu ngiro ntega.**

a. Abantu <u>bangiza</u> ibidukikije.
b. Ibidukikije <u>byangizwa</u> n'abantu.
c. Amazi <u>anyobwa</u> nta bara agira, ntanuka, ntahumura.
d. <u>Gukunda</u> no <u>gukundwa</u> birashimisha

**2. Shyira inshinga ziciyeho akarongo mu ngiro ntega maze uhindure ibikwiye guhinduka kugira ngo ubutumwa bukomeze kuba bumwe.**


a. Ababyeyi bagomba <u>kurinda</u> abana ihohoterwa.
b. Abana bagomba <u>kubaha</u> ababyeyi.
c. <u>Kuzigama</u> ifaranga rimwe biruta <u>kwinjiza</u> amafaranga ijana.
d. Abantu twese twifuza <u>gukunda.</u>

**3. Shyira inshinga ziciyeho akarongo mu ngiro nkora maze uhindureibibikwiye guhinduka kugira ngo ubutumwa bukomeze kuba bumwe.**

a. Ni ngombwa ko abafite ubumuga <u>bafashwa</u> mu myigire yabo.
b. Isuri <u>irwanywa</u> n'ibiti.
c. Abantu <u>bahabwa</u> umwuka mwiza n'ibimera.
d. Abana biga neza <u>bakundwa</u> n'abarezi.
e. Ibitabo bikwiye <u>gusomwa</u> n'abantu bose.

# 4 Ubuzima bw'imyororokere

## 4.1. Tuboneze ubuzima bw'imyororokere



*Abana bane biga mu Mujyi wa Kigali ari bo Sugi, Manzi, Mudahemuka na Sano, umunsi umwe baganiriye ku buzima bw'imyororokere.*

*Bagiranye ikiganiro gikurikira:*

**Manzi:** Ese Sugi, kuki iwanyu bakwise Sugi?

**Sugi:** Data yambwiye ko yarinyise kugira ngo nzabe umukobwa w'imico myiza, uzahesha ishema ababyeyi.

**Mudahemuka:** Nyamara buriya hari n'ikindi bivuze. Ubundi isugi ni umukobwa utarigeze ukora imibonano mpuzabitsina. Bishobora no kuba igisabo kitigeze gicundirwamo, cyangwa igicuma kitarakoreshwa.

**Sugi:** Umva Mudahemuka ibyo azanye! Iby'imibonano

mpuzabitsina urumva bitureba ko twe tukiri abana.

**Mudahemuka:** Nyamara biratureba. None se ntiwabonye ko no mu bitabo bitandukanye babivugaho. Nge ababyeyi bange barangije no kubinsobanurira kuko ngo tugomba kubimenya hakiri kare kugira ngo tutazabigwamo tutabizi.

**Sano:** Ibyo nange mama yabimbwiyeho. Ngo abakobwa bageze mu kigero cy'ubwangavu n'abahungu bageze mu kigero cy'ubugimbi baba bashobora gushukwa ku buryo bworoshye.

**Mudahemuka:** Ni igihe cyo gukomera ku busugi ku bakobwa n'ubumanzi ku bahungu.

**Manzi:** None se ni ukuvuga ko imanzi ari umuhungu na we utarigeze ukora imibonano mpuzabitsina?

**Mudahemuka:** Yego nyine! Ubwo se ntiwari uzi icyo izina ryawe risobanura?

**Manzi:** Aho ho urabeshye rwose! Ubwo se ninkura nkashaka umugore nzareka kwitwa Manzi? Nge nzi ko imanzi ari umuntu w'intwari kandi ni cyo izina ryange rivuga.

**Mudahemuka:** Ibyo na byo ni byo. Ariko umenye ko hari n'imanzi kera bacaga ku mubiri nk'imitako.

**Sano:** Ariko ibyo byose wowe ubimenya ute Mudahemu?

**Mudahemuka:** Nge rwose nganira n'ababyeyi bange kandi nkababaza ibibazo byose numva ntasobanukiwe. Mama aherutse kubinsobanurira neza: Uzi ko hari abagore bakuze bashukashuka abahungu bamaze kuba ingimbi, bakabakoresha imibonano mpuzabitsina! Babashukisha amafaranga, terefoni n'ibindi bintu bihenze.

**Sano:** Ibyo rwose ni byo. Ngo hari abagabo bakuze usanga bihererana abakobwa b'abangavu, bakabakoresha imibonano mpuzabitsina babashukishije ubusabusa.

**Sugi:** Ubwo se abahungu na bo barabashuka cyangwa ni bo bijyana yo?

**Mudahemuka:** Umwana wese utarageza imyaka cumi n'umunani burya ntaba yakamenye kwifatira ikemezo. Uretse rero ko abakobwa bo bibagiraho ingaruka ku buryo bugaragara

bagatwara inda, burya n'abahungu barahangirikira kuko baba bishoye mu bintu bataremererwa bibangiza mu mutwe bagata ishuri cyangwa bagahinduka inzererezi.

**Sano:** Nge rero ndumva twebwe abakobwa ari twe dufite ibibazo bikomeye. Uzi gutwara inda ukiri umwana muto sha?

**Sano:** None se umwana wo mu wa gatanu yatwara inda?

**Sugi:** Cyane rwose! Iyo umukobwa yatangiye kujya mu mihango, aba ashobora gusama. Iyo akoze imibonano mpuzabitsina idakingiye atwara inda cyangwa akandura indwara zinyuranye.

**Sugi:** Ubu ngiye kwirinda ikintu icyo ari cyo cyose cyanshora muri ibyo bintu.

**Manzi:** Nange rwose ibyo bintu nzabigendera kure. Nta mpamvu yo kwiyicira ubuzima.

**Mudahemuka:** Mufashe rwose imigambi myiza nge nari nyisanganywe.

**Sano:** Nange rwose ibyo bintu nzabyirinda. Gusa tuge tubibwira n'abandi na bo bafate ingamba zo kubirwanya.

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. umwangavu, 2. isugi, 3.imanzi, 4.ingimbi,

**Umwitozo w'inyungaramagambo**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**
   a. Umwangavu
   b. Ingimbi
2. **Uzurisha amagambo ukuye mu dukubo interuro zikurikira (agakingirizo, kuniga, ingimbi, umwangavu, gusama).**

a. Uyu mukobwa amaze kuba ..................
b. Yakoze imibonano mpuzabitsina akoresha .................. kuko atifuzaga .................. inda.
c. Umuhungu w' .................. atangira kumera inshakwaha, insya, ubwanwa n'ubwoya ku maguru no kumaboko, no .................. ijwi.

## B. Ibibazo ku mwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?
2. Ni zihe ngaruka zishobora kugera ku mukobwa w'umwangavu wishoye mu mibonano mpuzabitsina ?
3. Ni ryari umunyeshuri wo mu wa gatanu yatwara inda?
4. Ni zihe ngaruka zishobora kugera ku bahungu b'ingimbi bishoye mu mibonano mpuzabitsina?
5. Abanyeshuri bavugwa mu kiganiro bafashe ikihe kemezo?

## C. Gusesengura umwandiko

1. Ni iki kivugwa muri iki kiganiro muri rusange?
2. Garagaza isomo ukuye muri iki kiganiro.

## D. Kungurana ibitekerezo

Ni ibihe byemezo wafata kugira ngo wirinde kwishora mu mibonano mpuzabitsina ukiri muto?

**Mfashe ko:**

**Ni ngombwa kwirinda ubusambanyi kuko harimo ingaruka nyinshi zirimo gutwara inda, kwandura indwara, guta ishuri, urupfu n'ibindi.**

**Nshobora**

- **Kugira abandi inama mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.**
- **Gukoresha neza mu nteruro ziboneye amagambo nungutse.**

## 4.2. Uturemajambo tw'amazina rusange mbonera arimo amategeko y'igenamajwi ajyanye n'ingombajwi

**Itegereze amagambo aciyeho akarongo muri uyu mwandiko ukurikira maze uyashakire: Intego, indomo, indanganteko n'igicumbi.**

Nibura umukobwa agomba gutegereza kugeza ku myaka cumi n'umunani kugira ngo abe yashobora kubyara. Ndetse amategeko y'**Igihugu** yo ateganya ko agomba gushaka ku myaka makumyabiri n'umwe. Kubyara mbere y'iyo myaka, bigira ingaruka zikomeye haba ku mubiri we ndetse no mu mibereho ye, mu bukungu no mu mibanire ye n'abandi.

Mu gihe umukobwa ageze mu gihe cy'ubwangavu, aba akwiye gusobanurirwa ibijyanye n'imihango, uburyo bwo kwisukura, n'uburyo agomba kwitwara mu gihe ari mu mihango. Umukobwa agomba gutegurirwa ibikoresho byabugenewe byo kwibindisha, nk'**udutambaro** dusukuye cyangwa kotegisi, amazi asukuye n'isabune byo kwisukura. Uruhare rw'ababyeyi, urw'abarezi ndetse n'abo babana ruba rukenewe mu gufasha umukobwa muri iki **gihe.** Bagomba kumusobanurira ibizamubaho hakiri kare, bakamwumvisha neza ko ari ibintu bisanzwe bibaho ku bakobwa bose bafite ubuzima butarimo ikibazo.

| **Izina** | **intego** | **imvugo** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|---|
| igihugu | i-ki-hugu | i-gi-hugu | k→g/-GR |
| udutambaro | u-tu-tambaro | u-du-tambaro | t→d/-GR |
| igihe | i-ki-he | i- gi-he | k→g/-GR |

**Gereranya intego n'imvugo maze ushake amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

Kugira ngo umuntu agere ku mategeko y'igenamajwi agereranya intego n'imvugo, maze akagerageza kuvumbura impamvu amajwi amwe n'amwe yagiye ahinduka.

Dore izindi ngero z'amazina, uturemajambo twayo, uko avugwa n'amategeko y'iganamajwi akoreshwa.

| Ijambo | Intego | Imvugo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| Inzira | i-n-yira | inzira | y→z/ n- : inzira, inzuki … |
| indabo | i-n-rabo | indabo | r→d/n- indunduro, indengo, indatwa, indango, … |
| Inzugi | i-n- ugi | inzugi | Ibicumbi bifata z mu nteko ya cumi (10)<br>Inzuzi<br>Inzego<br>Inzagwa<br>Inzembe<br>Inzuho |
| uduti | u-tu-ti | uduti | t→d/-GR: t ihinduka d iyo iri imbere y'ingombajwi y'indagi.<br>Ingombajwi z'indagi ni : c, f, h, k, p, s, t.<br>udufi, udupira, udukoko, … |
| imfizi | i-n-pfizi | imfizi | p→Ø /n-f: p iburizwamo iyo iri hagati ya n na f. |
| Imfuruka | i-n-fururka | imfuruka | n→m/-f: n ihinduka m iyo iri imbere ya f. |
| imboga | i-n-boga | imboga | n→m/-b |
| | i-n-hu | impu | **n**→m/-h / mh→mp |
| | i-n/-vubu | imvubu | n→m/-v |
| Igiti | i – ki - ti | igiti | k→g/- GR: h ihinduka g iyo iri imbere y'ingombajwi y'indagi:<br>ingombajwi z'indagi ni : c, f, h, k, p, s, t.<br>igituza, agafi, ugutwi, agatambaro… |

**Ikitonderwa**

Hari ibicumbi bifata ingombajwi "z" mu nteko ya 10 bitari biyisanganywe.

**Ingero:**

Urugi => inzugi

Uruyuzi => inzuzi

Urwabya =>inzabya

**Umwitozo**

Garagaza intego, imvugo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mazina akurikira:

1. Inzuki
2. Inzoga
3. Udutebo
4. Indango
5. Imfizi
6. Impuha
7. Imvaho
8. Imbogo


**Mfashe ko:**

- Uturemajambo tw'izina mbonera ni indomo, indanganteko n'igicumbi
- Amategeko y'igenamajwi akora mu izina ajyanye n'ingombajwi ni: y→z/n- ; r→d/n- ; t→d/-GR ; n→m/-f; p→/ Ø m-f; k→g/-GR.

**Nshoboye:**

Gusesengura izina mbonera no kugaragaza amategeko y'igenamajwi

## 4.3. Twirinde abadushora mu mibonano mpuzabitsina



Kagabo ni umuhungu w'ingimbi ufite inshuti zo mu kigero ke ndetse n'abandi bamurusha imyaka mike. Bakunze gukina agapira nimugoroba iyo bakitse amasomo, cyangwa se bamaze kuvomera iwabo amazi. Umunsi umwe batashye, bagenzi be bahereye ku biheri yari afite mu maso, bamwumvisha ko bikizwa no gukora imibonano mpuzabitsina. Icyo kintu Kagabo kimwanga mu nda, aribwira ati: " Nzashyirwa ari uko mbajije data! "

Umugoroba umwe, yegera se aho yari yicaye ari gusoma igitabo, ni ko kumutekerereza ibyo bagenzi be bamubwiye bavuye gukina agapira. Nuko se aramubwira ati: "Mwana wange rwose ndagushimira ko utamize bunguri ibyo inshuti zawe zakubwiye ahubwo ukabanza gusobanuza. Iki gihe ugezemo ni icyo kujya ubaza kugira ngo umenye. Ubu ntukiri akana gato kandi nanone nturaba umuntu mukuru. None rero ntabwo urageza igihe cyo gukora imibonano mpuzabitsina. Uko ugenda ukura rero, hari ibintu bigenda bihinduka mu mubiri wawe, birimo n'ibyo biheri

biza mu maso ku bantu bamwe na bamwe. Biterwa n'imisemburo iba igenda yiyongera uko ukura. Akenshi birikiza ariko bibaye bikurya wajya kwa muganga ukamugisha inama. Ndizera, mwana wange ko uzajya ufata ibyemezo byiza. Mbere yo gufata ikemezo icyo ari cyo cyose, uge ubanza wibaze uti: "Ese iki kemezo ni kiza ? Ese kirankwiye? Iki kibazo kizajya kigufasha guhitamo neza."

Gukora imibonano mpuzabitsina igihe kitaragera ni bibi haba ku mukobwa cyangwa ku muhungu. N'iyo bitagira igikomere bigusigira ku mubiri wawe, hari ingaruka mbi zindi bigusigira. Nihagira abashaka kugushuka, ikemezo kiza wafata ni ukubabwira ko igihe cyawe kitaragera, ko utiteguye gukora imibonano mpuzabitsina. Ugomba kwiyemeza kubahakanira. Ni cyo kemezo kiruta ibindi, kandi ukabakangurira gutekereza ku byemezo byabo na bo."

Kagabo akomeza kubaza se ati: "Dawe, none se biremewe kugirana ubucuti n'umukobwa mu gihe tutarakura?"

Se aramusubiza ati : "Birashoboka rwose! Hari uburyo bwinshi bwo kwereka umuntu ko umukunze. Reba nk'ababyeyi bawe cyangwa inshuti. Urabakunda kandi ubitaho, si byo se? Ubereka urukundo mu buryo bwinshi kandi butandukanye. Ushobora rwose kugirana ubucuti n'umukobwa ndetse mukabukomeza ku buryo urukundo rwanyu rugenda rukura rugashinga imizi. Niba umukobwa ukunda na we agukunda, mushobora kugaragarizanya urukundo, bitanyuze mu gukora imibonano mpuzabitsina. Mushobora kwandikirana inzandiko n'imivugo, kubwirana udukuru n'amabanga, kuririmba n'ibindi.

Umenye rero ko ntawemerewe kubuza amahoro umukobwa amutesha umutwe, cyangwa amushyiraho igitutu. Nta muntu wemerewe gukorakora undi. Nta bwo byemewe guhatira umuhungu cyangwa umukobwa gukora imibonano mpuzabitsina. Iyo ibyo bibaye, byitwa ihohotera rishingiye ku gitsina. Guhohoterwa bibabaza buri wese.

Sinarangiza ntongeye kugushimira kuba watekereje kungisha inama nk'umubyeyi wawe. Ni byiza cyane. Abana rero baba abahungu cyangwa abakobwa bakwiye kugufataho urugero maze bakajya bagisha inama ababyeyi babo ku bijyanye n'imihindagurikire y'umubiri wabo. Bibaye na ngombwa wabaza umwarimu wawe cyangwa undi muntu mukuru

ubona ko atagushuka. Ni bo bonyine bashobora kukugira inama nziza zikurinda ibishuko ushobora guhura na byo."

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Gukika amasomo
2. Gushyirwa
3. Kumira bunguri
4. Imisemburo
5. Gushinga imizi
6. Kotsa umuntu igitutu

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite.**

a. Gukika amasomo
b. Kumira bunguri
c. Imisemburo
d. Kotsa umuntu igitutu

**2. Uzuza izi nteruro zikurikira ukoresheje aya magambo ari mu dukubo (ikemezo, urukundo, inzandiko, igitutu)**

1. Hari .............. zandikwa zikaba zifite agaciro gakomeye.
2. Nafashe .............. cyo kwirengagiza .............. banshyiraho bampatira gukora ibyo ntashaka.
3. Iyo ufite .............. ukunda n'abanzi bawe.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite mutandukuye interuro ziri mu mwandiko.**

1. Kugira ibiheri mu maso bisobanura ko ukeneye gukora imibonano mpuzabitsina? None se biterwa n'iki? Ubirwaye yabigenza ate?

2. Ese ujya wereka urukundo ababyeyi, abavandimwe n'inshuti? Ubigenza ute?
3. Umuhungu n'umukobwa bashobora kugirana ubucuti butaganisha ku gukora imibonano mpuzabitsina? Babigenza bate?
4. Ese biroroshye gukora ibintu bitandukanye n'ibya bagenzi bawe?
5. Ni iki cyagufasha gufata ibyemezo byawe bwite?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza neza ibibazo bikurikira**

1. Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko

## D. Kunguranaho ibitekerezo

Ese wowe ujya ubaza ababyeyi bawe ku bijyanye n'imihindagurikire y'umubiri wawe no ku bijyanye n'imikorere y'imyanya ndangabitsina? Bwira abandi inama bakugiriye.

### Umukoro

Kora inshamake y'ibyo mwunguranyeho ibitekerezo.


**Mfashe ko:**

**Ni ngomwa kwirinda ubusambanyi kuko harimo ingaruka nyinshi zirimo n'urupfu.**

**Nshobora**

- **Kugira abandi inama mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.**
- **Gukoresha neza mu nteruro ziboneye amagambo nungutse.**

## 4.4. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.




Indwara zandurirwa mu mibonano mpuzabitsina ni indwara ziva ku muntu uzirwaye zikajya ku wundi mu gihe k'imibonano mpuzabitsina. Izo ndwara ziterwa n'udukoko duto twitwa virusi, bagiteri cyangwa indiririzi; dukunda kwibera mu bice by'umubiri ahantu hashyuha kandi hahehereye, nko mu myanya ndangagitsina y'umugore, cyangwa iy'umugabo.

Udukoko twitwa virusi dushobora gutera indwara z'umwijima bita epatite B (hepatite B) na SIDA. Bagiteri zigatera imitezi, mburugu, n'uburagaza na ho indiririzi zigatera tirikomunansi n'izindi. Zimwe muri izi ndwara nka SIDA, indwara z'umwijima na mburugu zishobora kwandurira kandi mu zindi nzira zitari iz'imibonano mpuzabitsina nko mu nshinge zanduye umuntu ashobora guterwa.

Impuguke zishinzwe gukumira indwara zidakira mu Kigo k'Igihugu Gishinzwe Ubuzima, zemeza ko u Rwanda ari kimwe mu bihugu bike bya Afurika bikingira abana bavutse indwara z'umwijima.

SIDA si yo yonyine ikomeye mu ndwara zandurira mu mibonano

mpuzabitsina, hari n'izindi nyinshi kandi mbi cyane. Uko umuntu yandura izo ndwara ni ko byorohera agakoko gatera SIDA kwinjira bitewe n'ibisebe biza mu gitsina.

Bimwe mu bimenyetso biranga uwanduye indwara zifata imyanya ndangagitsina ni ukuribwa kuri iyo myanya ku bagore, udusebe cyangwa uduheri ku gitsina cy'umugabo cyangwa icy'umugore. Hari kandi amashyira aturuka mu gitsina cy'umugabo, kokerwa igihe umuntu yihagarika, kwishimagura, kuzana ubushye no guhinda umuriro. Abana bavutse ku bantu banduye bene izo ndwara bakunze kugira amashyira mu maso bakivuka. Ku bagore ho uburwayi buboneka cyanecyane mu bubobere buba mu gitsina. Gusa, akenshi abagore hari n'igihe batamenya ko banduye izo ndwara bakabibwirwa na muganga.

Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zishobora kwirindwa, mu gihe abantu bose bari mu kigero cyo gukora imibonano mpuzabitsina bifashe bakareka ingeso y'ubusambanyi. Kwifata byananiranye bakoresha agakingirizo.

Umugabo n'umugore na bo bagomba kwirinda gucana inyuma. Igihe hari ubonye kimwe mu bimenyetso byavuzwe agomba kwisuzumisha. Uwanduye agomba kwivuza kare kandi bakivuza kwa muganga ubihugukiwemo.

Iyo izi ndwara zivuwe neza kandi ku gihe zirakira kandi ni bwo buryo bwo kurinda ko zikwirakwira. Iyo uzirwaye ativuje, zimunga umubiri we zikangiza imyanya ndangagitsina ku mugabo no ku mugore, bikaba byanavamo ubundi bumuga bwageza ku gucika igitsina cyangwa no gupfa.

Bana rero mwumvise ko indwara zandurira mu myanya ndangabitsina ari nyinshi kandi zikagira ingaruka zikomeye ku buzima. Nyamara kuzirinda birashoboka kandi biroroshye. Nimufate ingamba zikomeye rero kugira ngo zitazabamungira ubuzima.

## A. Inyunguramagambo

**Mushake ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Agakingirizo
2. Guca inyuma uwo mwashakanye

3. Kwisuzumisha

### Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite.

1. Agakingirizo
2. Guca inyuma uwo mwashakanye
3. Kwisuzumisha

### Uzurisha amagambo ukuye mu dukubo interuro zikurikira (ubushakashatsi, miriyoni, SIDA, igitsina).

1. Buri munsi umuntu azigamye amafaranga igihumbi, mu minsi igihumbi yaba afite ...............
2. ............... ntiburavumbura umuti wa ............... ngo ikire burundu.
3. Uburagaza bushobora gutuma ............... kivaho kigacika.

### Umukino wo gutahura amagambo

Tahura muri iki kinyatuzu amagambo ugomba kuzurisha interuro zikurikiyeho.

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| A | U | I | S | B | A | G | I | T | E | R | I |
| K | B | S | I | D | A | B | A | N | A | N | F |
| A | U | I | F | U | M | U | G | A | B | O | I |
| T | R | N | I | U | U | M | U | G | O | R | E |
| O | A | D | L | M | B | U | R | U | G | U | R |
| O | G | W | I | M | I | T | E | Z | I | I | I |
| W | A | E | S | K | W | I | F | A | T | A | A |
| H | Z | V | I | R | U | S | I | D | A | D | A |
| O | A | B | A | N | T | U | R | W | A | Y | E |

1. Si byiza guha ................ abanduye ................itera SIDA.
2. Abantu banywa ibiyoga bitujuje ubuziranenge barangwa n................
3. Umuryango w'Abibumbye ari wo................mu magambo ahinnye

y'Icyongereza uvuga ko ................ n'................ bakoze imibonano mpuzabitsina baranduye indwara nka ................n'................bashobora kubyara ................ banduye.

4. ................ basabwa ................ ntibakore imibonano mpuzabitsina kuko baba bakiri bato.
5. ................ iba mu mazi kandi ifite agaciro kanini mu bukungu bw'u Rwanda.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ni izihe ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zivugwa mu mwandiko?
2. Ni ibiki biranga uwanduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?
3. Ese twakwirinda dute indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?
4. Andika ingaruka zo kutivuza indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?
5. Ni uwuhe mwanzuro ufashe umaze gusoma uyu mwandiko?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza neza ibi bibazo**

a. Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
b. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.

## D. Kungurana ibitekerezo:

1. Ese ubona wakora iki mu gihe ushaka kutandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina kandi ushaka no kubyara abana?
2. Ni gute twahagarika ikwirakwizwa ry'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?

**Umukoro:**

Kora inshamake y'ibyavuzwe n'amatsinda atandukanye ku ngingo zunguranyweho ibitekerezo.

**Mfashe ko:**

Ari ngombwa kwirinda ubusambanyi kuko harimo ingaruka nyinshi zirimo n'urupfu.

**Nshobora**

- Kugira abandi inama mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.
- Gukoresha neza mu nteruro ziboneye amagambo nungutse.

## 4.5. Ubugimbi n'ubwangavu

Burya nugira ibibazo uge wiyambaza ababyeyi bawe kuko badashobora kukubeshya cyangwa kugira icyo bagukinga. Uge ubizera. Kurikirana ikiganiro Mahungu yagiranye na se ku birebana n'ubugimbi n'ubwangavu maze umbwire ko hari uwari kumurusha kubimusobanurira. Nta cyo yamuhishe ahubwo n'ibyo atashoboraga gutinyuka kumubaza yarabimusobanuriye.



Igitondo kimwe, Mahungu yarabyutse asanga ikabutura yararanye kimwe n'imyanya ndangagitsina ye byatose. Arebye asanga ni ibintu by'umweru bifashe kandi bitanuka nk'inkari. Bwari ubwa mbere ibyo bintu bimubayeho, ku buryo yumvise bimuyobeye, akamara umunsi wose ahangayitse, yibaza niba atarwaye.

Ku mugoroba, Mahungu yegereye se, amubwira ibyamubayeho. Se aramubwira ati:" Mwana wange ntugire ubwoba. Ibyo byakubayeho nijoro byitwa kwiroteraho. Abahungu n'abagabo akenshi bibabaho basinziriye. Birashoboka ko ubyuka ugasanga wiroteyeho. Rwose ibyo ni ibintu bisanzwe, kandi nta cyo wabikoraho. Ntibiguhangayikishe rero, ahubwo bitabaye ntiwaba uri muzima.

Mbese ubu ugeze mu gihe kidasanzwe cy'ubuzima bwawe kitwa ubugimbi. Ubugimbi ni igihe k'impinduka mu mubiri no mu bitekerezo. Bamwe babutangira hagati y'imyaka cumi na cumi n'itanu, cyangwa mbere y'aho gato, bukaba bushobora gukomeza kugeza ku myaka makumyabiri n'umwe."

Nuko yungamo ati:"Ubu ijwi ryawe rigiye kuzahinduka, umere ubucakwaha, insya, ubwanwa, impwempwe ndetse n'ubwoya ku maguru nkange! Ahubwo uzaba muremure, ugire ibigango, ndetse uge ubira ibyuya byinshi."

Uzajya unashyukwa rimwe na rimwe. Bigaragazwa n'uko igitsina cyahagurutse kigakomera. Gushyukwa bishobora kuba nijoro cyangwa ku manywa ndetse wumva wifuza gukora imibonano mpuzabitsina, ariko uzabyirinde kuko utarageza igihe cyabyo. Iyo ibi bimenyetso bijyanye n'ubugimbi byagaragaye rero, uba ushobora no gutera umukobwa inda. Abahungu ntibavukana intanga, batangira kuzigira muri iki gihe cy'ubugimbi bigakomeza ubuzima bwabo bwose. Ariko rero ubyumve neza, kuba wabasha gutera umukobwa inda ntibivuga ko igihe kigeze cyo gukora imibonano mpuzabitsina no gutera inda. Uzabanza ukure, nyuma witegure kuba umubyeyi no kubaka urwawe rugo. Ni byiza ku ngimbi nkawe kwirinda gukora imibonano mpuzabitsina ugategereza igihe uzabera umuntu mukuru wubatse urugo rwawe.

Imihindagurikire y'umubiri ni ikintu gisanzwe mu mikurire ya buri muntu. Ni ikimenyetso kerekana ko umubiri ukura kandi urimo guhinduka. Nta mpungenge n'imwe bigomba kugutera. Ugomba ahubwo kugira ishema ry'uko ukura neza haba ku mubiri haba no mubitekerezo!"

"Kimwe n'abahungu, abakobwa na bo bagira mpinduka, iyo bavuye mu bwana binjira mu bwangavu. Baba bitwa abangavu. Kimwe n'abahungu na bo muri iki kigero barakura bakaba barebare, bakamera ubucakwaha, amabere n'insya. Na bo bakunze kubira ibyuya kurenza ibisanzwe kandi bakazana ibiheri mu maso.

Aho batandukaniye n'abahungu rero, abakobwa bamera amabere, ndetse bakagira amatako magari. Ikindi kandi bakajya mu mihango buri kwezi, ari byo kuva amaraso mu myanya ndangagitsina. Ibyo bitangira hagati y'imyaka ikenda na na cumi n'ine. Uko kuva amaraso kuba buri kwezi ni byo bita kujya mu mihango, kandi bimara iminsi kuva kuri itatu kugeza kuri itanu.

Iyo umukobwa atangiye kubona imihango ni ikimenyetso cy'uko ashobora gusama. Ariko n'ubwo ashobora gusama, umubiri we n'ibitekerezo bye biba bitari byakura neza kugira ngo abe akwiye gutwita. Kimwe n'abahungu, abakobwa na bo bakeneye kubanza gukura neza mu gihe cy'ubwangavu bitegura kwinjira mu kiciro cy'abantu bakuru."

"Kuvuga ni ugutaruka! Hari ikintu nabonye ku kigo cyanyu kiranshimisha cyane, ku buryo n'ahandi hose ku bigo by'amashuri bikwiye kubabera urugero. Uzi ko ku kigo cyanyu abahungu mufite ubwiherero bwanyu n'abakobwa bakagira ubwabo. Nageze mu bw'abakobwa nsanga hari akumba kagenewe abakobwa bari mu mihango ku buryo umwana bitunguye ahasanga amazi n'amasabune byo kwisukura ndetse na kotegisi (cotex) akoresha kugira ngo amaraso y'imihango atagaragara ku myenda ye."

Izi nama nkugiriye rero ntuzihererane ahubwo uge uganiriza bagenzi bawe batarabimenya kandi mufatire hamwe imyanzuro ikwiye yo kutishora mu mibonano mpuzabitsina kuko mutarageza igihe. Ahubwo mwihatire kwiga kugira ngo mutegure neza ubuzima bwanyu bw'ejo hazaza.

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Ubucakwaha
2. Insya
3. Impwempwe
4. Ibigango
5. Intanga
6. Kuvuga ni ugutaruka
7. Nta mpungenge

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**
   a. Ubucakwaha
   b. Insya
   c. Impwempwe
   d. Ibigango
   e. Intanga
   f. Kuvuga ni ugutaruka
2. **Tanga imbusane z'amagambo akurikira uyakuye mu mwandiko**
   a. Abahungu
   b. Mukuru
   c. Ku manywa
   d. Uguhangayika
3. **Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira:**
   a. Uguhangayika
   b. Abari
   c. Sifilisi

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko**

1. Iyo bavuze ubugimbi cyangwa ubwangavu, wumva iki?
2. Ni kuyihe myaka umuhungu aba ingimbi na ho umukobwa akaba umwangavu?
3. Ni izihe mpinduka z'umubiri abahungu bagira iyo bageze mu

bugimbi?
4. Ese iyo umuhungu yiroteyeho cyangwa agize impinduka mu mubiri, bisobanura ko ageze igihe cyo gukora imibonano mpuzabitsina? Kuki?
5. Ni izihe mpinduka z'umubiri abakobwa bagira iyo bageze mu bwangavu?
6. Ni uwuhe mwihariko ibigo bimwe bigenera abakobwa bajya mu mihango? Ubivugaho iki?
7. Wowe wumva watinyuka kubaza ababyeyi bawe ibyakubayeho bijyanye n'imihindagurikire y'umubiri wawe? Kubera iki?
8. Ni iki wumva wungutse umaze gusoma uyu mwandiko?
9. Ni iyihe nama ukuye muri uyu mwandiko?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza neza ibi bibazo**

1. Vuga ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko
2. Garagaza isomo ukuye muri iyi nkuru.

## D. Kungurana ibitekerezo

**Tanga ibitekerezo kuri iyi ngingo**

1.Hakwiye gukorwa iki kugira ngo ingimbi n'abangavu basobanukirwe imihindagurikire y'umubiri wabo?

2.Musome inkuru zikurikira maze mwungurane ibitekerezo ku bibazo:

Uyu ni umwanya wakugenewe wowe munyeshuri kugira ngo urusheho gusobanukirwa n'ibijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Soma ibi bibazo ingimbi n'abangavu bakunze kwibaza, wumve ko ubisobanukiwe. Niba utabisobanukiwe ubaze umwarimu wawe cyangwa ababyeyi bawe.

a. Karekezi ni mubyara wa Mahungu. Ubusanzwe akunda gukina n'abandi bana. Umunsi umwe Mahungu yamubonye aho gukina yicaye iruhande rw'ikibuga yigunze afite ibitekerezo byinshi. Ni ko kumwegera aramubaza ati: "Bite shahu ko ndeba nta kigenda?" Mubyara we ni ko kumubwira ati: "Yewe, ibintu byaraye bimbayeho byanyobeye. Nabyutse, nsanga agakabutura kange katose mbona n'ibindi bintu ntazi

byanyanduje. Sha ubanza narwaye ya mitezi bavuze!"

**Ikibazo**: Wumva wafasha iki Karekezi kugira ngo ibyamubayeho bitamutesha umutwe?

b. Karara yatunguwe no kubona imihango bwa mbere ari ku ishuri. Igihe cy'akaruhuko ko hagati y'amasomo kigeze atinya gusohoka nk'abandi kuko yibwiraga ko kuba yanduje imyenda ye abandi babibona bakamushungera, bikaba byamutera isoni n'ikimwaro.Wamufasha ute gukemura ikibazo afite?

**Ikibazo:** Wafasha ute Karara gukemura ikibazo afite?

3. Ese birasanzwe ko abahungu bamwe cyangwa abakobwa bakura vuba kurusha abandi?
4. Kuki ibice bimwe by'umubiri bikura vuba kurenza ibindi?
5. Gushyukwa ni iki?
6. Ese amasohoro ashobora gusohokera rimwe n'inkari?
7. Gusiramura ni iki?
8. Ni gute wasukura imyanya ndangagitsina y'umuhungu?
9. Intanga ngabo ni iki?
10. Gutera inda bisaba iki?
11. Ni gute umuntu yakwirinda gutera inda?

**Mfashe ko:**

Ari ngombwa gusobanukirwa imikorere y'umubiri ku ngimbi n'abangavu; maze ibyo badasobanukiwe bakabaza ababarera.

**Nshobora**

Kugira abandi inama mu bijyanye n'imikorere y'umubiri ku ngimbi n'abangavu.

Gukoresha neza mu nteruro ziboneye amagambo nungutse.

## 4.6. Isuku y'imyanya ndangagitsina






Abantu ntibakunze kuganira beruye ku bijyanye n'imyanya ndangagitsina yabo, yemwe n'isuku yayo! Kandi nyamara ni ngombwa kumenya kugirira isuku iyo myanya ku buryo bukwiye kuko ari ibintu byo kwitondera. Imyanya ndangagitsina y'abagore n'abakobwa iteye ku buryo ivubura ubwayo amatembabuzi ashinzwe kuyisukura n'udukoko dushinzwe kurwanya utundi dukoko duturutse hanze dushobora gutera indwara. Amatembabuzi yo mu myanya ndangagitsina y'abagore n'abakobwa ubusanzwe nta mpumuro yihariye agira.

Akenshi abagore n'abakobwa bakunze gukoresha imibavu kugira ngo birinde iyi mpumuro cyangwa se bagakaraba kenshi ndetse cyane. Ubusanzwe umubiri wifitiye ubudahangarwa bwawo ariko umwanda mwinshi ushobora kubwangiza.

Ni byiza kwambara amakariso akoze mu ipamba kandi kumeswa byibura buri munsi bishobotse mu mazi atetse. Mu gihe amaze kumeswa, amakariso agomba kwanikwa ku zuba kandi mu gihe bishoboka agaterwa ipasi mbere yo kwambarwa. Ni ngombwa kwitwararika ibi bikurikira: Guhindura imyenda y'imbere igihe wanyagiwe cyangwa wabize ibyuya byinshi, kwirinda kumesanya amakariso n'indi myenda, cyangwa gutora amakariso hasi ugahita uyambara.

Mu buryo bwo kwirinda uburwayi buterwa n'umwanda mu myanya ndangagitsina gore, hari inama zikwiye kubahirizwa. Zimwe muri zo ni izi zikurira.

Ni ngombwa kwirinda kwambara imyenda igufashe igihe kirekire kuko bituma iyo myanya itutubikana hakaba hazamo impumuro mbi cyangwa za mikorobe, Inama ya kabiri ni ukwirinda kwambarana n'abandi imyenda y'imbere. Iya gatatu ni ugukaraba intoki mbere yo gukora mu gitsina. Inama ya kane ni uguhanagura ubwiherero bwicarwaho n'umuti wabigenewe cyangwa ushyireho agatambaro.

Mu gihe uvuye kwituma, igihe wihanagura ni byiza kubikora uvana imbere ujyana inyuma kugira ngo wirinde ko imyanda yo mu kibuno yajya mu gitsina.

Ni ngombwa kandi kugira umuco wo gusiga utanduje ubwiherero, kugira ngo umuntu uza kubujyamo nyuma yawe atahagirira ibibazo.
Gukaraba mu gitsina buri kanya na byo si byiza, kuko bituma hata ubudahangarwa bwaho: inshuro eshatu ku munsi ziba zihagije. Ni ngombwa gukoresha amazi yonyine, bishobotse atetse kandi meza atanduye kandi ukiyuhagira amasabune meza akoranywe ubuziranenge. Mu gihe k'imihango, hindura udutambaro tw'isuku mu masaha makumyabiri n'ane ukurikije uko uva.

Abahungu n'abagabo bagirwa inama yo kwisiramuza kuko birinda za mikorobe zakwitekera munsi y'igihu gitwikiriye umutwe w'igitsina cyabo. Abadasiramuye basabwa korosoraho icyo gihu bagakaraba imbere neza n'amazi meza, kuko hazamo imyanda iyo kitogejwe neza.

Si byiza rero ko abantu birengagiza inama zirebana n'ubuzima. Ni ngombwa kumenya ko kwirinda ari byiza kurusha kwivuza. Birakwiye kurushaho kugirira isuku imyanya ndangagitsina no kubitoza abana, kuko bibarinda indwara.

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Ubushobozi kamere bw'umubiri
2. Kuvubura
3. Kwitwararika
4. Kwambarana
5. Imibavu
6. Ubudahangarwa

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**
   a. Ubushobozi kamere bw'umubiri
   b. Kuvubura
   c. Kwitwararika
   d. Kwambarana
   e. Imibavu
   f. Ubudahangarwa
2. **Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro zatanzwe:** umutungo kamere, kwitwararika, ivubura, ubudahangarwa.
   1. Igihugu cyacu gifite ............. mu butaka no mu mazi.
   2. Iyi soko ............. amazi meza.
   3. Tugomba ............. kugira ngo tudakomeretsa abahuye n'ihohoterwa.
   4. Umubiri winjiwemo na virusi itera Sida utakaza .............bwawo.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko.**

1. Ari igitsina gore n'igitsina gabo ni ikihe gikwiriye kugirirwa isuku cyane? Sobanura igisubizo cyawe.
2. Isuku y'igitsina gabo ikorwa ite?
3. Kuki ari ngombwa gukaraba intoki mbere yo gukora ku gitsina?

4. Sobanura ukuntu kwirinda biruta kwivuza?
5. Ni ibihe bikoresho by'ingenzi byifashishwa mu isuku y'imyanya ndangagitsina gore?
6. Hari inama zirenga icumi zivugwa mu mwandiko ku isuku y'imyanya ndangagitsina: tangamo nibura eshanu.

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza ibibazo bikurikira**

1. Bwira umuntu utagirira isuku imyanya ndangagitsina ye ingaruka zabyo.
2. Garagaza isomo ukuye muri uyu mwandiko.

## D. Kungurana ibitekerezo

**Tanga ibitekerezo kuri iyi ngingo**

Bwira abandi ingaruka zo kutagirira isuku imyanya ndangabitsina.

**Mfashe ko:**

Ari ngombwa kugira isuku y'imyanya ndangagitsina kuko biturinda indwara nyinshi.

**Nshobora**

Kugira abandi inama mu bijyanye n'isuku y'imyanya ndangagitsina

Gukoresha neza mu nteruro ziboneye amagambo nungutse.

# 4.7. Ntera

**Soma aka gace k'umwandiko maze usubize ibibazo byabajijjweho.**

Tugomba guharanira ubuzima **bwiza** bw'imyororokere kugira ngo tugire amagara **mazima**. Kugira ngo ibyo tubigereho tugomba kunywa amazi **meza**. Imisarane twitumamo igomba kuba ari **miremire** kandi igahora

ikorerwa isuku. Imyenda twambara ikwiye kuba ari **mishyashya** itarambawe n'abandi cyanecyane iy'imbere nk'amakariso. Icyumba turaramo kigomba kuba ari **kigari** kandi gisukuye.

Mumenye rero ko indwara **nyinshi** ahanini ziterwa n'amazi **mabi** maze muharanire kuzirinda.

**Ibibazo byo gusubiza:**

1. Amagambo yanditse atsindagiye ni ayahe? Yandike.
2. Ukurikije ibisobanuro byayo muri rusange urumva avuga iki?
3. Aya magambo afite uwuhe mumaro ku magambo ajyana na yo?
4. Aya magambo mwayita iki muhereye ku bisubizo mumaze kubona?
5. Musabwe gutanga igisobanuro k'izina muhaye aya magambo, mwayasobanura ngo iki?
6. Musesenguye aya magambo, mwabona agizwe n'utuhe turemajambo?

**1. Inshoza**

Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo, rigafata indanganteko yaryo ho indangasano.

Mu rwego rw'iyigantego, ntera ni ijambo rirangwa n'uturemajambo tubiri ari two: Indangasano n'igicumbi.

**2. Uturango**

- Ntera yisanisha n'izina biri kumwe.
- Ifata indanganteko yaryo ikaba ari yo iba indangasano yayo. Haba amagambo agira indanganteko yihishe. Iyo ntera iyakurikiye irayigaragaza (Imana nzima; ishyamba rigari).
- Mu nteruro ntera yisanisha n'izina igaragiye, igahuza inteko na ryo.
- Ntera ishobora kwinjira mu nteko zose z'amasano.

**Intego ya ntera**

Muri izi nteruro nimwitegereze noneho imiterere ya ntera zirimo n'uburyo zagiye zihinduka maze musubize ibibazo bikurikiraho:

1. Umwenda **mwiza** ugira amabara meza n'indodo nshyashya.
2. Ahantu **heza** ni ahari akuka **keza** n'ikirere **kiza** kidakonja bikabije cyangwa ngo gishyuhe bikabije.

**Musubize ibibazo bikurikira:**

1. Muri izi nteruro ntera zirimo ni izihe?
2. Izo ntera uzigereranyije n'amazina, ubona zibura zifite inyuguti izitangira kimwe n'amazina ? Niba ari oya ubona akaremajambo zibura ari akahe ?
3. Ni ikihe gice cyagiye gihinduka bitewe n'izina ntera iherekeje? Icyo gice twakita ngo iki, tugereranyije n'igice kitwara nka cyo mu mazina ?
4. Ni ikihe gice kitagiye gihinduka ku mazina yose ntera yagaragiye?
5. Ni iyihe myanzuro mwafata muhereye ku bisubizo mumaze gutanga?

### 3. Uturemajambo twa ntera

Ntera igira uturemajambo tubiri tw'ingenzi: indangasano (RS) n'igicumbi (C).

Igice gihinduka ni indangasano naho ikidahinduka ni igicumbi.

### Indangasano

Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye. Ihinduka bitewe n'izina iherekeje.

### Igicumbi

### Urutonde rw'ibicumbi bya ntera

1.-nini
2.-inshi
3.-bi
4.-tindi
5.-gari
6.-iza
7.-sa/sa-sa
8.-zima
9.-to/toto/to-to, toya
10.-ke/keya/ke-ke
11.-kuru
12.-bisi
13.-shya/shyashya
14.-gufi/gufiya

15.-re/-re-re
16.-tagatifu
17.-hire
18.-taraga
19.-nzinya, -nzunyu, -niya, -niniya, -nzuzunya, -nunuya, -niniriya, -nziginya, -nzugurunyu

**Ikitonderwa**

Igicumbi –re na –to byisubiramo ku buryo bifata indangasano ebyiri.
Ingero: -igihe kirekire (ki-re-ki-re)
-Igihugu gitogito (ki-to-ki-to)
Ibicumbi -gufi, -ke, -to bishobora kwiyongeraho-ya
Ingero: Umuntu mugufiya, amagambo makeya
Igicumbi -niya gishobora kugira impindurantego nyinshi.
Ingero: nuya, niniya, nzunyu, nzinya, nzuzunya, nunuya, niniriya, nziginya, nzugurunyu...
Ibicumbi -shya, -to bishobora kwisubiramo
Ingero: umwenda mushyashya, igiti gitoto.

## 4. Amategeko y'igenamajwi akoreshwa muri ntera

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa muri ntera ni nk'akoreshwa mu izina.
Ingero

- Ubutunzi bwiza: bu-iza :u→w/-J
- Intera ndende: n-re-n-re: r→d/n-
- Imyaka myinshi: mi-inshi: i→y/-J

## 5. Imbonerahamwe igaragaza imikoreshereze ya ntera, intego, amategeko y'igenamajwi mu nteko zitandukanye.

| Inteko | Indangasano | Ingero z'imiko-reshere | Intego(utu-remajambo) | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|
| 1 | mu | Umuntu munini | mu-nini | - |
| 2 | ba | Abantu bakuru | Ba- kuru | a+i→e |
| 3 | mu | Umutego mutindi | mu-tindi | - |
| 4 | mi | Imirima migari<br><br>Umwenda mushya/ mushyashya | mi-gari<br><br>mu-shya/ mu-shyashya | -<br><br>- |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **5** | ri | Ishuri ryiza, ibuye ritaraga | ri-iza, ri-taraga | i→y/-J, - |
| **6** | ma | Amazi masa/masa-masa | ma-sa/ma-sa-ma-sa | - |
| **7** | ki | Ikigori gito/gitoto/gitogito | ki-to/ki-toto/ki-to-ki-to | k→g/-GR |
| **8** | bi | Ibigori bike/bikeya/bikebike | bi-ke/bi-keya/bi-ke-bi-ke | - |
| **9** | n | Inka nzima | n-zima | - |
| **10** | n | Inkwi mbisi | n-bisi | n→m/-b |
| **11** | ru | Urugo ruhire | ru-hire | - |
| **12** | ka | Akadodo kagufi/Kagufiya | ka-gufi/ka-gu-fiya | - |
| **13** | tu | Utunyoni twinshi | tu-inshi | U→w/-J |
| **14** | bu | Ubutaka butagatifu | bu-tagatifu | - |
| **15** | ku | Ukuguru kurekure | ku-re-ku-re | - |
| **16** | ha | Ahantu hanzinya/hanzunyu hanzu-nyu/haniya | ha-nzinya/ha-nzunyu/ ha-niya | - |

## Umwitozo

Tahura ntera zakoreshejwe muri uyu mwandiko uzishyire mu mbonerahamwe, uvuge n'inteko zirimo.

Muri iyi si nini kandi nziza dutuye, harimo ibintu byinshi kandi bidushimisha.

Ubuzima ubwabwo ni bwiza iyo ufite amagara mazima.
Tubugiramo iminsi mikuru itunezeza.

Iyo tugeze mu mpera z'umwaka, intashyo zo kwifurizanya umwaka mushya muhire ziracicikana. Muri izo ntashyo kandi bifurizanya kugira ubuzima burebure, n'amahoro.

Muri icyo gihe k'impera z'umwaka, abana bato n'abantu bakuru baba bambaye imyenda mishyashya kandi barangwa n'ibyishimo.
Isi kandi iriho ibiti bitoshye n'ibyatsi bibisi bihumeka umwuka mubi dusohora ariko bigasohora umwuka mwiza dukeneye. Iriho amazi magari arimo amafi  atandukanye arimo udufi tunzinya kandi tugufi

tungana n'agatoki n'andi manini angana n'inzu. Ayo mafi aryoha cyane iyo afashwe akiri mataraga.

Nyamara mu bintu byiza byose tubona kuri iyi si, nta kintu kiruta kwiga ukamenya.

**Mfashe ko:**

Ntera ari ijambo rigaragira izina kandi rikisanisha naryo. Ikaba igira uturemajambo tubiri aritwo: Indangasano (RS), n'igicumbi (C).

Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye. Ihinduka bitewe n'izina iherekeje.

Igicumbi ari igice cya ntera kidahinduka na rimwe akaba ari na cyo kibumbatiye igisobanuro cyayo.

**Nshoboye:**

– Gukoresha ntera mu nteruro

– Gusesengura ntera ngaragaza uturemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi.

## 4.8 Izina ntera

**Soma izi nteruro maze utahure imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye.**

1. **Umwiza** arahenda, **umwiza** sinamurenganya.
2. **Akeza** karigura.
3. **Aheza** ho gutura ni ahatari mu gishanga kandi ntihabe ku musozi uhanamye.
4. **Ababi** bazahanwa, **abeza** bahembwe.

**Mu matsinda musubize ibi bibazo:**

a. Aya magambo yanditse atsindagiye afite uwuhe mumaro?
b. Aya magambo yanditse atsindagiye yashobora kubangikana n'amazina akayagaragira?
c. Ibicumbi byayo biteye nk'iby'ayahe magambo twize?

### 1. Inshoza y'izinantera

Izina ntera ni ijambo riteye nk'izina ku ruhande rumwe ku rundi rikitwara nka ntera.

Ku ruhande rumwe, risa n'izina kuko rigira indomo kimwe n'izina; kandi rikaba rishobora gufata umwanya n'umumaro waryo mu nteruro.

**Urugero:**

Aheza tuzahurirayo.

Ku rundi ruhande risa na ntera kuko rifite igicumbi gisa n'icya ntera, mbese ugasanga ari ntera yafashe indomo. Nyamara bitandukanywa n'uko ritagaragira izina ngo ririsobanure, ahubwo rikarisimbura.

**Urugero:**

Tuvuze ngo "Ahantu aheza tuzahurirayo" iyo nteruro yaba ikocamye.

### 2. Uturango tw'izinantera

- Izina ntera ku ruhande rumwe ryitwara nk'izina ku rundi rikitwara nka ntera.

**Ryitwara nk'izina kuko:** rigira indomo.
**Ryitwara nka ntera kuko:**

- rigira igicumbi gisa n'icya ntera.

Ingero: ab**eza**, ab**enshi**, ab**ahire**

- ryisanisha mu nteko zitandukanye.

**Ingero:** umwiza, abeza, urwiza, ikiza, inziza, aheza,

### Umwitozo

**Vuga niba ijambo ryanditse ritsindagiye ari izina, ntera cyangwa izinantera ukurikije ibibiranga maze unasobanure impamvu y'icyo wahisemo.**

Iyo abageni bashyingiranywe ababagaragiye bose babifuriza urugo **ruhire,** bakabifuriza ishya n'ihirwe no kubyara bagaheka.

**Uruhire** rugaragazwa n'urukundo **rutagatifu** ruranga abashakanye, abana bakarerwa neza, bagakurana ubuntu n'ubuziranenge. **Urubi** rurangwa n'intonganya n'umwiryane, induru z'urudaca, n'uburere **bubi** ku bana.

Uburere **bubi** n'**ubwiza** ni byo bituma mu bana habonekamo **abeza** cyangwa **ababi**, naho ubundi abana bose baba bameze kimwe mu ivuka. Kera rero bacaga umugani ngo "urushako **ruto** rurica" cyangwa ngo "**ubuto** buroshya bugashukana". Muzirinde rero kwihutira gushaka mukiri **bato**, mubanze mutegereze imyaka y'ubukure, mwige muminuze.

Izo ni zo nama **nziza** mbahaye, **imbi** muzazigendere kure.

**Mfashe ko:**

Izina ntera ari ntera yafashe indomo bityo ikaba yitwara nk"izina cyangwa nka ntera ku rundi ruhande.

**Nshoboye:**

– Gukoresha izina izina ntera mu nteruro.

## 4.9. Igisantera

**Nimusome izi nteruro maze mutahure imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye.**

1. Imyanya **ndangagitsina.**
2. Imibonano **mpuzabitsina.**
3. Umuco **nyarwanda** nimuwukomeze.
4. Umugabo **mbwa** aseka imbohe.
5. Umutima **muhanano** ntiwuzura igituza.
6. Uburere **mboneragihugu.**
7. Imikino **mpuzamahanga.**

### 1. Inshoza y'igisantera

Igisantera ni ijambo rigaragira izina rikarivugaho imiterere, imimerere kimwe na ntera ariko rikaba ridafite igicumbi cya ntera kandi rikaba ritisanisha igihe cyose n'izina biri kumwe.

Ingero:

Tuvuga: Umuco nyarwanda; ntituvuga: Umuco munyarwanda
Ariko dushobora kuvuga: Amazi masabano, tukongera tukavuga: Ikibindi gisabano.

### 2. Uturango tw'ibisantera

**Uturango duhuza ibisantera na ntera**
Ibisantera byitwara nka ntera kuko biherekeza amazina.
Bifite umumaro nk'uwa ntera wo gusobanura amazina bigaragiye.
Bitandukanywa na ntera n'uko ibicumbi byabyo atari bimwe n'ibya ntera.

**Uturango dutandukanya ibisantera na ntera.**
Ibicumbi by'ibisantera bitandukanye n'ibya ntera.
Ibisantera ntibishobora kwisanisha n'amazina bigaragiye mu nteko zose kimwe na ntera.

### Imyitozo:

1. **Garagaza ibisantera biri muri aka kandiko uhereye ku turango twabyo.**

   Umuco mwiza uranga Abanyarwanda ugaragarira mu ndirimbo n'imbyino gakondo. Umuco nyarwanda uri mu mico ishimwa

n'abanyamahanga, kuko bagikomeye ku ndangagaciro zabo, bakaba badapfa kwakira imico mvamahanga ituma umuco karande wabo wangirika.

Ibyo bizakomeza kwitabwaho abana nibakomeza guhabwa uburere mboneramuco, abakuru bagahabwa inyigisho mbonezamubano zo kubahugura.

Gusa uko byagenda kose, Abanyarwanda ntibakumira imico itandukanye mvamahanga ngo bikunde, kubera ko ubuhahirane mpuzamahanga bugenda butera imbere. Bahurira na bo mu mikino ngororamubi, mu myidagaduro n'ibitaramo ndangamuco, kandi ni ho isi igeze.

Icya ngombwa ni uko bagomba kumenya kwakira ibyiza, ibibi bakabirekera bene byo.

**2. Tanga izindi nteruro ukoreshemo ibisantera nibura icumi.**

**Mfashe ko:**

Igisantera ari ijambo ryitwara kandi rikagira umumaro nk'uwa ntera ariko ntigire ibicumbi bya ntera kandi ntiyisanishe n'izina igihe cyose.

**Nshoboye:**

Gukoresha igisantera mu mvugo no mu nyandiko.

## 4.10. Imyandikire y'amagambo aranga ahantu

**Soma ubutumwa maze utahure imiterere y'amagambo yanditse atsindagiye.**

**Iwacu imuhira** i Huye dukunda gukina hamwe n'abana duturanye. Hari igihe dukina umukino wo kumenya ibyerekezo vuba. Uyobora umukino agenda avuga ibyerekezo bitandukanye agira ati:" **Iburyo, ibumoso, imbere, inyuma.**" Ugiye mu kerekezo gitandukanye n'icyo yavuze aba atsinzwe. Nagiye i Nyamasheke nsanga na bo bakina nkatwe. Ese namwe **iwanyu iheru** iyo mu majyaruguru iyi mikino irahaba?

Ndifuza gutemberera ahantu hatandukanye mu Rwanda rwacu nkareba uko abana baho bakina. Nzajya **i** Rwamagana, **i** Byumba, **i** Karongi, **i** Nyagatare, **i** Rubavu, n' **i** Kigali mu murwa mukuru.

Ariko nimbasura iyo **iwanyu** nkarara, muzamenye ko nikundira kuryama **ivure** kuko nitinyira imbeho. Kandi bambwiye ko aho mu mu majyaruguru hakonja.

Nzabasura rero dukine dusabane.

Amagambo aranga ahantu (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, inyuma) n'amagamabo akomoka kuri "i" y'indangahantu ikurikiwe n'ikigenera "wa" n'ikinyazina ngenga (iwacu, iwanyu, iwabo...) yandikwa mu ijambo rimwe. Ariko iyo "i" y'indangahantu ikurikiwe n'izina ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina kandi yo ikandikwa mu nyuguti nto keretse iyo itangira interuro.

Ingero: i Butare, i Kigali, i Kibungo.

## Umwitozo

**Andika aka gace k'umwandiko ukosora amakosa y'imyandikire arimo**

[...] Bahaguruka kuKamonyi, bataha kuKakiru. Bukeye baboneza iy'IGisaka barara I Rwamagana, bucya bajya I Mukiza kwa Kimenyi. Bagezeyo babwira Kimenyi, bati: "Ndabarasa yadutumye ngo: Wamutumyeho umuntu w'umukogoto muzarushanwa kumasha, none twamuzanye."

Kimenyi ati: "Nimunyereke uwo mwazanye!" Babwira Kazenga arahaguruka, yari akiri agasore k'ingaragu. Kimenyi amukubise amaso aramusuzugura, ati: "Uru ruhinja ni rwo rwaje kurushanwa na Kimenyi!" Intumwa za Ndabarasa, ziti: "Ni uwo, ahasigaye tubwire igihe tuzahurira mukarushanwa."

Kimenyi, ati: "Umusibo n' ejo, ejo bundi nkamusezerera mukitahira." Nuko Abanyarwanda barikubura basubira mu i cumbi rya bo [.....]

**Mfashe ko:**

Amagambo aranga ahantu n'amagambo akomoka kuri "i" y'indangahantu ikurikirwa n'ingenera "wa" n'ikinyazina ngenga yandikwa mu ijambo rimwe.

**Nshoboye:**

Gukoresha neza amagambo aranga ahantu mu nteruro.

## Isuzuma risoza umutwe wa kane

**Umwandiko: Kwirinda abadushora mu mibonano mpuzabitsina.**

Iyo uganiriye n'urubyiruko ku bijyanye n'ingaruka ziterwa no gukora imibonano mpuzabitsina, abenshi basubiza ko ingaruka ari ukwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina no guterwa inda ku bakobwa.

Nyamara abenshi ntibamenya ingaruka zijyanye n'ibyiyumvo, nko kumva wisuzuguye, cyangwa kumva wanze ubuzima nk'uko bikunze kugendekera abenshi mu bakoze imibonano mpuzabitsina batiteguye cyangwa igihe kitaragera.

Hari rwose n'abahindura imyitwarire, bagatangira gusuzugura ababyeyi n'abarezi babo. Bagahinduka inzererezi, kwiga bikabananira. Bagatangira kurangwa n'imyambarire idahwitse, no kurara aho babonye.

Nyamara urubyiruko rumenye izo ngaruka, rwafata ingamba zo kwirinda imibonano mpuzabitsina igihe kitaragera. Burya n'iyo hatabayeho guterwa inda cyangwa kwandura indwara zandurira mu myanya ndangabitsina, bisigira ibikomere biremereye ubikoze, ugasanga ubuzima buramunaniye, agata ishuri cyangwa agashaka imburagihe.

Gutwara inda bituma ubuzima buhinduka. Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina byo bituma imibereho iba mibi, ndetse n'ubuzima bukaba bwahatakarira.

Gukoresha agakingirizo n'ubwo birinda ibyo byombi, ntibirinda ingaruka zo mu rwego rw'ibyiyumvo. Izo ngaruka zirimo izo kumva ufite ikimwaro mu bandi, kwiyanga, ndetse no kuraruka. Hari n'indwara zishobora kwandurira ku ruhu, aho agakingirizo katagera, nka candidoze.

Gukora imibonano mpuzabitsina ntibigarukira ku bitsina gusa no ku mubiri. Ahubwo byinjira mu byiyumvo, mu bwonko, mu bitekerezo, ndetse no mu myitwarire. Mbese umubiri n'ubuzima bwose bugerwaho n'icyo gikorwa. Ni yo mpamvu n'ingaruka zitagarukira ku mubiri gusa, ahubwo zigera no mu mitekerereze no mu byemezo tugenda dufata nyuma yaho.

Ni yo mpamvu ari ngombwa ko tuganira ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina, abantu bakamenya ingaruka zayo ku muntu uyishoyemo igihe kitaragera.

Abenshi muri mwe ntibarumva ibijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Ababyeyi banyu wenda ntibarabibabwira. Hari ibitangazamakuru na za firimi zimwe na zimwe usanga akenshi bibigaragaza nk'aho ari ibintu byiza.

Nyamara ntihagire ubashuka. Ibyo mwigishwa n'umwarimu mu ishuri cyangwa ababyeyi banyu cyangwa abandi babarera ni byo kuri. Kwigisha abana ko bagomba kwirinda bakoresheje agakingirizo cyangwa bagakoresha imiti ibuza gusama na byo ni amaburakindi. Impamvu ni uko ibyo ngibyo bitabarinda kwangirika mu byiyumvo, mu mitekerereze no mu myitwarire.

Guhora yicuza icyo yabikoreye, kumva afite ikimwaro, guhindura imyitwarire, kurarukira iyo mibonano ntiyongere kwitangira, ni zimwe mu ngaruka zitari izo ku mubiri zigaragara mu bana bato bishoye mu mibonano mpuzanbitsina.

Ikintu cya mbere ugomba gukora rero waba umukobwa cyangwa umuhungu ni ukwanga. Iyo uhakanye, ugomba no kubyerekana, wiyaka ushaka kugushuka, ukamubwira ko bidashoboka.

Ikigaragara ni uko abenshi babivuga, badashikamye. Ntabwo ukwiye gushidikanya rero iyo wanga. Abashobora kugushora mu mibonano mpuzabitsina barimo abantu bakuze bagushukisha impano n'amafaranga.  Barimo inshuti zawe zishobora kugushuka baba abo muhuje igitsina bakwigisha ibibi cyangwa abo mudahuje igitsina bagushukisha urukundo rutariho. Ikindi ni ukureba firime zigaragaramo imibonano mpuzabitsina, uba witera ibishuko bitari ngombwa.

Bana rero ntimukajenjeke kuri iyo ngingo kandi ntimuzihemukire na gato.

## I. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

a. Kuraruka
b. Amaburakindi
c. Badashikamye
d. Ntimuzajenjeke
e. Gushaka imburagihe.

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.**

a Kuraruka
b Kwangirika mu myitwarire
c Amaburakindi
d Gushikama
e Ntimuzajenjeke

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko.

**Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite, utandukuye interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.**

1. Wowe wumva ingaruka ziterwa no gukora imibonano mpuzabitsina ari izihe?
2. Ingaruka zijyanye n'ibyiyumvo, imitekerereze n'imyitwarire ku muntu wakoze imibonano mpuzabitsina igihe kitaragera zigaragazwa n'iki?
3. Ababyeyi bawe bari bakubwira ibijyanye n'ubuzima bwawe bw'imyororokere n'uko ugomba kubwitwaramo? Niba ari oya,

wowe uzabibazaho ryari ko ukeneye kubimenya?

4. Ni abahe bantu bashobora gushuka umuhungu cyangwa umukobwa gukora imibonano mpuzabitsina? Sobanura igisubizo cyawe.
5. Kureba firime bishobora gutuma dukora imibonano mpuzabitsina igihe kitaragera. Urumva wakora iki kugira ngo utagwa muri uwo mutego?

## III. Ikibonezamvugo

1. **Andika interuro ebyirebyiri ukoreshemo ntera, amazina ntera n'ibisantera.**
2. **Sesengura aya mazina ugaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe**
   a. Umunyu.
   b. Amazi.
   c. Umwuko.
   d. Ibyifuzo.
   e. Udutambaro.
3. **Andukura aka gace k'umwandiko ugenda ukosora ahari amakosa y'imyandikire.**


Hari abantu benshi bumva ko kujya I Kigali bakava i wabo mu cyaro ari byo byiza. Urubyiruko usanga ruva IKarongi, I Huye, I Rusizi, I Byumba, n'ahandi hatandukanye mu gihugu rukaza gushakira imibereho mu mugi wa Kigali. Abenshi muri urwo rubyiruko iyo bageze I Kigali bavuye I wabo, barahagera bakabura akazi. Abakobwa bibaviramo kwiyandarika naho abahungu bagahinduka abajura n'inzererezi.

Nyamara ibyo si byo kuko ahantu hose hari ubuzima. Aho i wanyu ubu mushobora kuhigira mukarangiza amashuri yisumbuye. Mushobora kwiga imyuga, mukorora cyangwa mugahinga. Mwitegereje I buryo n'I bumoso bwanyu mwahabona abantu babayeho neza kandi bataragombye kujya I Kigali.

Nimwicare rero i wanyu i muhira, mubanze mutekereze neza, mushake icyo gukora hafi yanyu mbere na mbere aho kugishakishiriza I kantarange.

# 5 Kwimakaza imiyoborere myiza

## 5.1. Gufatira ibyemezo hamwe



Imiyoborere myiza izanwa n'abayobozi beza bitorewe n'abaturage mu matora akozwe mu mucyo. Umuyobozi mwiza yubahiriza amategeko igihugu kigenderaho, aharanira ubumwe bw'abaturage, ubusugire n'umutekano by'igihugu.

Ni yo mpamvu mbere yo gutangira imirimo abanza kubirahirira. Umuyobozi mwiza arangwa n'imyitwarire myiza. Arangwa no gukunda igihugu, agashyira inyungu zacyo imbere y'ize bwite.

Umuyobozi mwiza amenya uburenganzira bw'abo ayobora, akabwubahiriza, akabutoza abo ayobora n'abo akorana na bo. Akumira ubusumbane bushingiye ku kintu icyo ari cyo cyose hagati y'abo ayobora. Buri muturage agira uruhare mu iterambere ry'igihugu ke, akumva ko

areshya n'abandi kandi ko adahejwe ahantu aho ari ho hose.

Umuyobozi mwiza yakira neza abamugana, akabatega amatwi kandi agakemura ibibazo byabo. Arangwa n'umuco wo gufatanya n'abandi kandi agaha abo ayobora uburyo bwo gukora bisanzuye, ntabategekeshe igitugu.

Akorera kuri gahunda, akubahiriza igihe, bityo agakemura ibibazo by'abaturage, ntibamushake ngo bamubure cyangwa ngo bahore basiragira ku biro bye. Yitabira umurimo agakangurira abo ayobora gahunda za Leta. Aba intangarugero mu kuzishyira mu bikorwa no kuzimenyesha abo ayobora. Arangwa n'ukuri mu byo akora akirinda gukorera mu bwiru, agakorana n'inzego zashyizweho. Ibyemezo bireba abaturage ntabifata wenyine, agisha inama abo ayobora kandi agafata abayoborwa nk'abajyanama, akubahiriza ibyifuzo byabo.

Imiyoborere myiza irangwa kandi na demokarasi. Demokarasi na yo ishingira ku matora anyuze mu mucyo. Ayo matora agomba gukorwa mu bwisanzure kandi neza, akurikije amahame mpuzamahanga n'amategeko igihugu kigenderaho. Ayo matora ni yo ashyiraho abayobozi bagomba gushyira mu bikorwa ibyo abaturage bifuza. Icyo gihe abayobozi bashyirwaho n'abaturage kandi bagakorera abaturage bitaba ibyo, bakabavanaho biciye mu matora bakitorera abandi. Muri demokarasi ntawuniganwa ijambo.

Umuyobozi mwiza kandi agomba kurangwa n'imyitwarire ishingiye ku ndangagaciro. Yirinda ruswa kandi akayikumira, akagendera ku kuri n'ubutabera, agaharanira amahoro. Aharanira uburezi budaheza, agasigasira ibikorwa remezo.

Twanzure tuvuga ko imiyoborere myiza ishingira ku gukora ibintu bizaramba no guteganyiriza ejo hazaza: Ibyemezo bifatwa biba bigamije kwirinda gusigira amakimbirane n'ibibazo ab'ejo hazaza. Ubuyobozi bwiza bwirinda kwangiza ibidukikije, bukirinda guteza amacakubiri mu baturage, bukirinda kwangiza no gusesagura ubukungu bw'igihugu n'umutungo kamere.

Bana rero nimwumve ko mugomba gukurikirana imiyoborere myiza y'igihugu cyanyu kuko uko kiyobowe none ari byo bizatuma mubaho neza cyangwa nabi mu gihe kiri imbere.

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. bikorwa remezo
2. uburezi budaheza
3. guhwitura
4. ubusugire bw'igihugu
5. urujijo
6. kugisha inama
7. gukorera mu bwiru
8. uruhare
9. kudaheza
10. gufata umwanzuro
11. kuniganwa ijambo
12. itsinda.

### Imyitozo y'inyunguramagambo

**1. Koresha mu nteruro yawe bwite amagambo akurikira.**

Ibikorwa remezo, guhwitura, gukorera mu bwiru, kugisha inama, uruhare, kudaheza, kuniganwa ijambo.

**2. Umukino wo gutahura amagambo: Tahura mu kinyatuzu gikurikira amagambo ugomba kuzurisha interuro zikurikiyeho**

| | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | D | E | M | U | K | A | R | A | S | I | U | N |
| K | N | D | A | U | B | U | S | A | B | A | B | U |
| L | L | T | B | U | S | A | B | A | N | E | U | B |
| I | A | M | A | T | H | I | R | I | P | O | R | W |
| T | O | K | J | N | I | Y | Z | S | E | M | E | I |
| E | A | S | Y | E | G | J | R | C | U | N | N | Y |
| R | A | B | A | N | Y | A | G | I | H | U | G | U |
| A | M | I | N | A | M | A | R | D | T | N | A | N |
| M | F | A | A | F | K | N | E | U | D | U | N | G |
| B | M | T | M | P | B | Z | Y | A | G | E | Z | E |

| | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| E | H | U | A | I | U | B | U | M | W | E | I | W |
| R | A | G | C | U | B | U | S | U | G | I | R | E |
| E | A | M | A | T | E | G | E | K | O | G | A | O |

**Uzurisha izi nteruro amagambo wakuye mu kinyatuzu.**

1. Umuyobozi mwiza areba inyungu z' .....
2. Umuyobozi mwiza aharanira ..... ry'abanyagihugu.
3. Umuyobozi mwiza akomera ku ..... bw'abanyagihugu.
4. Umuyobozi mwiza aharanira ..... n'..... by'abanyagihugu.
5. Umuyobozi mwiza agomba kuba ..... muri byose.
6. Umuyobozi mwiza yungurana ..... n'abo ayobora.
7. Umuyobozi mwiza afata abo ayobora nk'......
8. Umuyobozi mwiza yubahiriza ..... igihugu kigenderaho.
9. Umuyobozi mwiza aharanira ..... bw'igihugu.
10. Umuyobozi mwiza yubahiriza ..... bwa muntu.
11. Muri ..... ntawuniganwa ijambo.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magabo yanyu bwite.**

1. Ni ibihe byiza bizanwa n'imiyoborere myiza?
2. Ni iyihe mpamvu ituma imiyoborere myiza iboneka?
3. Wifuza ko umuyobozi mu nzego za Leta yarangwa n'iki?
4. Wumva iki iyo bavuze ngo "imiyoborere myiza irangwa na demokarasi?"
5. Ni iki ubuyobozi bwiza bugomba gukora kugira ngo budasigira ibibazo urubyiruko?
6. Wumva wakurikirana ute ibijyanye n'imiyoborere myiza mu gihe ukiri muto utarageza imyaka yo kwitorera abayobozi?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza ibi bibazo**

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
2. Hina uyu mwandiko mu mirongo icumi.

## D. Kungurana ibitekerezo

**Mwungurane ibitekerezo kuri iyi ngingo:**

Mu miyoborere y'inzego z'ibanze z'aho mutuye, mubona amahame y'imiyoborere myiza yavuzwe mu mwandiko yubahirizwa. Niba ari yego yubahirizwa gute, niba ari oya, ayo ubona atubahirizwa ni ayahe?

## Umukoro

Kora urutonde rw' ibintu icumi by'ingenzi wumva ubuyobozi bwiza bukwiye gukorera abaturage.

## 5.2. Gukorera mu mucyo



Gukorera mu mucyo ni rimwe mu mahame agenga imiyoborere myiza. Iryo hame risaba ko ibikorwa by'abayobozi byose bijyanye

n'akazi bashinzwe, bigomba gutangarizwa abayoborwa kandi bakagira uruhare mu guhitamo ibyo bashyira imbere, mu kubicunga, no kumenya umusaruro wabivuyemo.

Dufatiye nk'urugero ku kigo cy'amashuri, abanyeshuri bagomba kumenyeshwa umutungo w'ikigo, bakagira uruhare mu kugena ibikorwa bikorerwa ku ishuri no mu micungire yabyo. Ku buryo bw'umwihariko, ababyeyi bagomba kugira uruhare mu burere bw'abana babo, bakamenya uko biga, bakagezwaho raporo z'imikorere y'abarezi n'ingengabihe z'amasomo.

Gukorera mu mucyo rero bijyana no gutangaza ibyo ukora. Amakuru yose ajyanye n'ibikorerwa abaturage agomba gushyirwa ahagaragara kandi akagezwa ku baturage. Abaturage bagomba kumenya ibyemezo bifatwa n'abayobozi n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo, ku buryo bashobora gukurikirana imikorere y'abagize inzego z'ubuyobozi kandi bakayigiramo uruhare. Gukorera mu mucyo ni kimwe mu bituma igihugu kigira imiyoborerere myiza n'ubuyobozi buhamye kandi bufitiwe ikizere n'abayoborwa.

Ku bijyanye n'imitangire y'akazi, gukorera mu mucyo bigomba gutuma akazi gatangwa hakurikijwe ubushobozi bwa buri muntu. Kubona akazi bigomba guca mu ipiganwa, maze hagatsinda uwarushije abandi. Icyo gihe abasabye akazi bahabwa ikizamini kimwe, bagakosorwa kimwe maze abatsinze bagatangazwa n'amanota yabo agashyirwa ahagaragarira buri wese. Abakoze ikizamini bagira uburenganzira bwo kumenya amanota babonye, byaba ngombwa bakerekwa n'uburyo cyakosowemo bagashira amatsiko. Ibi byose bituma hatabaho amarangamutima cyangwa kubera uwo ari we wese mu bagikoze.

Mbese twabihuza n'ibibera mu ishuri aho amanota agomba guhabwa uwayakoreye, kandi abanyeshuri bose bagakosorwa kimwe, bakanahabwa impapuro bakoreyeho kugira ngo bagenzure ko amanota bahawe ari yo bakoreye koko.

Ku bijyanye n'amafaranga igihugu gikoresha, ari byo bita ingengo y'imari, abaturage baba bagomba kugira uruhare mu kuyitegura, no kumenya uko amafaranga ava mu misoro yabo akoreshwa.

Gukorera mu mucyo bibumbye indangagaciro yo gukoresha ukuri,

ubutabera busaba ko buri wese ahabwa amahirwe angana na mugenzi we, maze umwete n'umurava wa buri muntu bikaba ari byo bimuhesha umwanya n'agaciro mu bandi. Gukorera mu mucyo ni ukwimika ukuri no kwirinda kugendera ku kenewabo. Kubaho mu kuri ni ugukurikiza amategeko, ugaca ukubiri no kubeshya no kubeshyera abandi maze buri wese agashishikarira gukora.

Mu rwego rwo gukorera mu mucyo, abakozi ba Leta bari mu nzego zo hejuru kandi bafite aho bahurira n'umutungo w'igihugu, bagaragaza aho bavanye imitungo bafite kandi bakemera kugenzurwa mu micungire y'ibya rubanda.

Kugira ngo intego z'iterambere zigerweho, haba hakwiye impinduramatwara mu micungire y'imari y'igihugu hashyirwaho uburyo bunoze bwo gutanga imisoro, kugaragaza uko umutungo w'igihugu ukoreshwa no gukaza igenzuramikorere.

Kubera iyo mpamvu amashuri agomba gufasha abanyeshuri kumenya kuvugisha ukuri, no kuguharanira. Banyeshuri rero nimwite ku kumenya ibyo abayobozi banyu baba bagomba kubakorera, kandi mubigiremo uruhare. Nimubigenza gutyo muzaba abaturage bajijutse n'abayobozi beza b'igihugu cyanyu.

## A. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

a. Ipiganwa,
b. Ikenewabo,
c. Gushishikara,
d. Guca ukubiri n'ikintu,
e. Ubudakemwa,
f. Ingengo y'imari,
g. Impinduramatwara,
h. Igenzuramikorere,
i. Umwete n'umurava,
j. Gushira amatsiko.

### Imyitozo ku nyunguramagambo

**1. Ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko, andukura amagambo ari mu ruhushya rw'ibumoso uyahuze n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya rw'iburyo**

| | |
|---|---|
| 1. Ipiganwa | a) Amafaranga ateganyirizwa igikorwa runaka. |
| 2. Gushishikara | b) Gutanga amanota umuntu atakoreye. |
| 3. Ubudakemwa | c) Ukutagira ikibi kikugaragaraho cyangwa ukekwaho. |
| 4. Kubera | d) Kukigendera kure, kutagikora. |
| 5. Indangagaciro | e) Kwerekana. |
| 6. Guca ukubiri n'ikintu | f) Imigenzereze myiza, ibikorwa byiza umuntu ahamagarirwa gukora. |
| 7. Kumurika | g) Gukora ikintu ukitayeho. |
| 8. Ingengo y'imari | h) Irushanwa rigamije kugaragaza urusha abandi ubushobozi mu kintu runaka. |
| 9. Isuzuma | i) Imikorere mishya, uburyo bwo gukora butandukanye n'ubwari busanzwe. |
| 10. Igenzuramikorere | j) Ibikorwa byo gukurikirana uko imirimo ikorwa. |
| 11. Impinduramatwara | k) Igenzura rigamije kureba amafaranga yakoreshejwe. |

**2. Koresha mu nteruro yawe bwite aya magambo akurikira ugendeye ku bisobanuro byayo.**

Ipiganwa, gushira amatsiko, ubudakemwa, indangagaciro, kwimika, kumurika, amakimbirane, impinduramatwara.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Gukorera mu mucyo ni rimwe mu mahame agenga imiyoborere myiza. Iryo hame risaba iki?
2. Ubona abayobozi bo ku ishuri wigaho bakorera mu mucyo? Sobanura.
3. Gukorera mu mucyo bijyana no kugeza amakuru y'ibikorwa ku bo bigenewe. Ubona abaturage b'aho utuye bagezwaho amakuru n'abayobozi?

4. Ubona gukorera mu mucyo bishobora gute kuba bumwe mu buryo bwo kurwanya ruswa, akarengane n'ikenewabo?
5. Ni izihe ndangagaciro zijyana no gukorera mu mucyo?
6. Mwebwe nk'abanyeshuri mumaze gusoma uyu mwandiko, ni izihe ngamba mwafata none zo kugendera ku kuri no kuguharanira?

### C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza ibi bibazo**

1. Erekana ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2. Hina uyu mwandiko mu mirongo icumi.

### D. Kungurana ibitekerezo

**Mwungurane ibitekerezo kuri iyi ngingo**

Mwumva mute ingingo ijyanye no gukorera mu mucyo? Muhimbe kandi mukine agakino kagaragaza uburyo mubona byakorwa.

## 5.3. Uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi



Demokarasi ni ubutegetsi bwa rubanda bushyirwaho na rubanda kandi bugakorera rubanda. Ubutegetsi buba bufitwe muri rusange n'abaturage bakabuha abazabahagararira bitoreye. Ubutegetsi bushyizweho kuri ubwo buryo bukora mu nyungu rusange z'abaturage bose hatitawe ku batoye n'abataratoye. Bwubahiriza amahame y'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko, bafite uburenganzira bumwe kandi bishyira bakizana. Imyanya y'ubuyobozi nta wuyihezwaho.

Kugira ngo demokarasi ishinge imizi, abaturage bagomba kubigiramo uruhare. Bashobora kwishyira hamwe bagafata ubwabo ibyemezo mu birebana n'inyungu rusange nta wundi babinyujijeho. Ibi bisaba ko batumizwa mu nama buri gihe uko bibaye ngombwa cyangwa bagashobora gutumizwa uko ibibazo bivutse. Abaturage kandi bashobora kwitirirwa ibyemezo mu gihe byafashwe binyujijwe mu babahagarariye bitoreye. Bituma bafatwa nk'urwego rwa poritiki rushobora gufata ibyemezo mu miyoborere y'igihugu.

Muri demokarasi abaturage bagomba kugira uruhare mu miyoborere y'igihugu. Mu ntangiriro demukarasi yaje ishimangira ihame ry'uruhare rw'abaturage mu kwihitiramo ababahagararira. Uko iminsi yagiye ihita, demukarasi yaje kuba uruhare rw'abaturage mu kwihitiramo abayobozi, mu gushyiraho porogaramu na poritiki zinogeye abaturage, mu kuzishyira mu bikorwa no mu kugenzura uburyo zubahirizwa. Kuba abaturage ari bo batanga ubuyobozi, ni na bo bagomba gushingirwaho mu byemezo bifatwa mu nzego zose z'ubuzima bw'igihugu. Ibyo bibaha ububasha bwo gushyiraho no gukuraho abayobozi mu matora akozwe mu bwisanzure bashingiye ku buryo banyuzwe cyangwa batanyuzwe n'imikorere yabo. Nta busumbane mu matora kuko hakurikizwa ihame ry'umuntu umwe, ijwi rimwe. Uwo waba uri wese, urupapuro watoreyeho ruba ijwi rimwe kimwe n'iry'undi wese. Nta nzobere yagombye kubaho mu birebana na poritiki, kuko abatora na bo baba bashobora gutorwa. Nta n'umwe uba ahejwe ku myanya y'ubuyobozi. Igihugu kigendera ku mahame ya demukarasi iyo cyubahiriza uko kugira uruhare rungana kw'abaturage mu miyoborere y'igihugu no mu kugena iby'ingenzi bigomba gushingirwaho mu miyoborere yacyo.

Abantu bagomba gusobanukirwa n'impamvu demokarasi idasigana n'amatora. Kuba abantu badashobora gutekereza kimwe, byatumye hatekerezwa amatora, abaturage bakihitiramo abazabahagararira

kandi babagomba ibisobanuro mu gihe bibaye ngombwa. Uko kuba uwatowe agomba guha uwamutoye ibisobanuro ni ingenzi kugira ngo abatowe batirara ngo bigomeke ku babatoye. Uruhare rw'abaturage mu miyoborere y'igihugu rutuma hatabaho bwa bwikanyize bw'umuntu umwe bubyara gutegekesha igitugu. Imiyoborere ihinduka ibiganiro by'imishyikirano bigamije ubwumvikane mu rwego rwa poritiki. Kugira ngo iyi mishyikirano ishoboke, abaturage bahurira mu mashyirahamwe ya poritiki, mu masendika, mu bitangazamakuru cyangwa mu miryango itegamiye kuri Leta.

Ayo mashyirahamwe ni inkingi za ngombwa zituma habaho ubwumvikane mu miyoborere y'igihugu. Ni yo abaturage banyuramo kugira ngo babwire ababahagarariye ibitekerezo n'ibyifuzo byabo.

## A. Inyunguramagambo

**Tekereza maze usubize vuba kugira ngo ugaragaze ko wumvise ibyavuzwe mu mwandiko.**

**Fora ndi nde cyangwa ndi iki?**

1. Ngirwa n'abaturage, ngatangwa na bo maze nkabakorera. Ubwo ndi nde?
2. Mbakorera bose ntitaye ku banshyizeho kandi abanshyigikiye n'abatanshyigikiye mbareshyeshya imbere y'amategeko. Ubwo ndi nde?
3. Uko ndi ni uko simpinduka ngomba gukurikizwa gutyo ibihe byose. Ubwo ndi nde?
4. Uruhare rwange ni ngombwa kugira ngo habeho ubuyobozi buhamye kandi bubereye bose. Ubwo ndi nde?
5. Aho mba aha ngira akageso ko kutifuza ko hagira uwo dufatanya kuyobora kandi ibyemezo mfashe ngenyine ntibivuguruzwa. Ubwo ndi nde?
6. Nakira abaturage bangannye nkabaha ubushobozi bwo kwishyiriraho abayobozi no kumvikanisha ibitekerezo byabo. Ubwo ndi nde?
7. Banshyiraho kugira ngo bangendereho mbarinde kubangamirana mu nyungu zabo bwite. Ubwo ndi nde?

8. Iyo byakomeye baranyitabaza kugira ngo mbahurize mu biganiro bigamije ubwumvikane muri poritiki. Ubwo ndi nde?
9. Mfatwa n'abahagarariye abaturage kugira ngo ndengere inyungu zabo. Ubwo ndi nde?
10. Ni nge ngenyine usobanukiwe n'uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi ku buryo buri gihe bantumira kugira ngo mbisobanurire abaje mu mahugurwa. Ubwo wanyita ngo iki?
11. Mu buzima bwange gufata ibyemezo nta we mbisabye ni uburenganzira budakorwaho. Ibyo babyita ngo iki?
12. Ntabwo wemerewe gusuzugura amategeko ku bushake ngo wikorerere ibyo wishakiye. Ubwo urabuzwa iki?
13. Noneho musigaye mwikorera ibyo mwishakiye kubera kutagira uwo mwikanga. Ibyo mukora babyita ngo iki?
14. Njya aho nshaka hose mu gihugu cyange cyangwa hanze yacyo igihe cyose mbishakiye ntawushobora kubimbuza. Uko kubahirizwa k'uburenganzira bwo kujya aho nshatse babyita ngo iki?

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite**

1. Iyo bavuze demokarasi wumva iki?
2. Wagira ute uruhare mu guteza imbere demokarasi?
3. Ni akahe kamaro k'amatora muri demokarasi?
4. Usanga igihugu cyakwitwa ko kigendera ku matwara ya demokarasi ryari?
5. Uruhare rw'umuturage mu miyoborere y'igihugu rugaragarira he?
6. Usanga abaturage bagira ibihe bibazo mu gihugu kitarangwamo amatora na demokarasi?
7. Kuba umuturage afite uruhare mu miyoborere y'igihugu bifite akahe kamaro?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Subiza ibi bibazo**

1. Vuga ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.

2. Kora inshamake itarengeje imirongo icumi y'ibyavuzwe muri uyu mwandiko.

### D. Kungurana ibitekerezo

**Mwungurane ibitekerezo kuri iyi ngingo**

Mwumva mute ingingo ijyanye n'uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi?

## 5.4. Ikinyazina nyereka

**Itegereze izi nteruro zikurikira, uzisome witonze, maze utahure igisobanuro kihariye amagambo ari mu ibara ry'igikara tsiriri ahuriyeho.**

1. Ubuyobozi bushyizweho kuri **ubwo** buryo bukora mu nyungu rusange z'abaturage bose.
2. Kugira ngo **iyi** mishyikirano ishoboke, abaturage bahurira mu mashyirahamwe ya poritiki.
3. Uruhare rw'abaturage mu miyoborere y'igihugu rutuma hatabaho **bwa** bwikanyize bw'umuntu umwe bubyara gutegekesha igitugu.
4. **Ayo** mashyirahamwe ni inkingi za ngombwa zituma habaho ubwumvikane mu miyoborere y'igihugu.

**Muri izi nteruro:**

**Amagambo yanditse atsindagiye afite umwihariko wo kwerekana ikintu runaka?**

**Ongera usome witonze izi nteruro maze usobanure aho ibyerekanwa n'amagambo ari mu nyuguti z'igikara tsiriri biherereye.**

1. Ubuyobozi bushyizweho kuri **ubwo** buryo bukora mu nyungu rusange z'abaturage bose.
2. **Ayo** mashyirahamwe ni inkingi za ngombwa zituma habaho ubwumvikane mu miyoborere y'igihugu.
3. Kugira ngo **iyi** mishyikirano ishoboke, abaturage bahurira mu

mashyirahamwe ya poritiki.

4. Uruhare rw'abaturage mu miyoborere y'igihugu rutuma hatabaho **bwa** bwikanyize bw'umuntu umwe bubyara gutegekesha igitugu.
5. **Bariya** bana barashaka iki?
6. **Barya** bagabo bavugaga ukuri.
7. **Bano** bantu barasa cyane.

**Inshoza y'ikinyazina nyereka**

### Uturango tw'ikinyazina nyereka hakurikijwe aho ibyo byerekana biherereye

Ibyerekanwa bishobora kuba biri hafi y'uvuga cyangwa kure ye, bishobora kuba biri hafi cyangwa kure y'ubwirwa cyangwa bikaba biri hafi cyangwa kure ya bombi. Ibinyazina nyereka kandi bigira ibisobanuro bitandukanye bitewe n'ibihe ibyerekanwa birimo: hashobora kubaho ibihe bya vuba cyangwa ibya kera. Bisobanura ko ibinyazina bishobora kuganisha ku bintu bitewe n'aho biri cyangwa bitewe n'ibihe byabereyemo. Duhereye ku ngero zatanzwe, ibinyazina nyereka byagabanywamo amoko atandatu ku buryo bukurikira:

1. Ibyerekana ibyo uvuga afashe yerekana cyangwa ibyo agiye kuvuga (**iyi**);
2. Ibyerekana ibiri hafi y'uvuga ashobora gukoraho cyangwa ibyo amaze kuvugaho ako kanya (**bano**);
3. Ibyerekana ibiri kure y'uvuga ariko bikaba hafi y'ubwirwa (**ayo, ubwo**);
4. Ibyerekana ibiri kure y'uvuga n'ubwirwa bombi babona (**bariya**);
5. Ibyerekana ibyo uvuga n'ubwirwa baziranyeho mu bihe byahise bya vuba (**barya**);
6. Ibyerekana ibyo uvuga n'ubwirwa bibukiranya ibya kera, ibyigeze kuvugwaho hakaba hashize umwanya muremure (**bwa**).

## Imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka mu matsinda yabyo

| Inteko | Itsinda 1 | Itsinda 2 | Itsinda 3 | Itsinda 4 | Itsinda 5 | Itsinda 6 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Nt.1 u- | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| Nt.2 ba- | aba | bano | abo | bariya | barya | ba |
| Nt.3 u- | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| Nt.4 i- | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| Nt.5 ri- | iri | rino | iryo | ririya | rirya | rya |
| Nt.6 a- | aya | ano | ayo | ariya | arya | ya |
| Nt.7 ki- | iki | kino | icyo | kiriya | kirya | cya |
| Nt.8 bi- | ibi | bino | ibyo | biriya | birya | bya |
| Nt.9 i- | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| Nt.10 zi- | izi | zino | izo | ziriya | zirya | za |
| Nt.11 ru- | uru | runo | urwo | ruriya | rurya | rwa |
| Nt.12 ka- | aka | kano | ako | kariya | karya | ka |
| Nt.13 tu- | utu | tuno | utwo | turiya | turya | twa |
| Nt.14 bu- | ubu | buno | ubwo | buriya | burya | bwa |
| Nt.15 ku- | uku | kuno | uko | kuriya | kurya | kwa |
| Nt.16 ha- | aha | hano | aho | hariya | harya | ha |

### Umwitozo

**Soma witonze uyu mwandiko maze usimbuze utudomo dutatu ikinyazina nyereka gikwiye ukurikije aho ibivugwa biherereye.**

**Bugabo akizwa n'imbeba**

Bugabo yabaye aho n'umugore we... mugore kimwe n'abandi bose yaje gusama. Hashize iminsi abwira umugabo we ati:

"Ndashaka inyama y'ikibirima." Umugabo arahagarara ariyumvira, ni ko kwibaza ati:"Ariko ... nyama z'ikibirima ... mugore anyaka ni iza rubanza ki?" Gusa ntiyabitindaho, ahamagara imbwa ye bajyana guhiga. Ageze mu ishyamba aratega, arangije aratah.

Bukeye ajya gusura umutego asanga wafashe imbeba. Nuko imbeba iramubwira iti:"Yewe wa mugabo we, wankijije .... zuba, ko nange nazagukiza imvura!" Bugabo arayisubiza ati: "Ubwo unyise umugabo, reka ngukize. ... si izuba ni icyago!" Arayitegura irigendera, ajya gutega ahandi. Mu gitondo agarutse, asanga noneho hafashwe ikibirima. Arakikorera, arakijyana. Imvura iza kugwa, ajya kugama munsi y'urutare, imbwa ye iramukurikira. ... rutare rukaba rutuwemo n'impyisi.

Impyisi itahutse, ikibirima kirasimbuka ngo kihungire. Impyisi ibwira Bugabo iti:"Garura ... kibirima vuba! Nari niriwe n'ubusa, none mbonye ibyo ndya. "Kubera ubwoba Bugabo n'imbwa ye biruka kuri ... kibirima barakigarura. Impyisi ni ko kumubwira iti: "Umva rero wa mugabo we, bwira ... mbwa yawe irye ... kibirima, nirangiza uyirye, maze nange nkurye." Ikibivuga, ibona ingwe irinjiye, imbwa iti: "Tururururu!" Ingwe iba ifashe ikibirima, ibwira Bugabo iti: "Iruka kuri ... mbwa uyifate uyinzanire. Bitabaye ibyo ndakwica," Ayirutseho arayifata ayizanira ingwe, na yo iramubwira iti:"Yibwire irye ... kibirima, nawe uyirye, impyisi ikurye, nange nyirye."

Intare iba irahageze, ibwira Bugabo ko abwira imbwa ye ikarya ikibirima, na we akayirya, impyisi ikamurya, na yo ingwe ikayirya, maze ... ngwe na yo intare ikayirya. Bugabo ni ko kwibwira mu mutima we yigaya ati:"Ni nge wizize burya umuntu arizira! ... gihe nirukaga ku mbwa iyo nikomereza singaruke koko?" Akiri muri ibyo, abona ... mbeba yakijije irinjiye, iti:" ... nduru numva ... yatewe n'iki"? Bugabo watitijwe n'ubwoba bwo kuba ahagararanye n'intare ati:"... ntare irambwira ngo nindye ... mbwa yange, nayo irye ... kibirima, impyisi ureba na yo iyirye, na yo ... ngwe iri hariya iyirye, hanyuma mu kurangiza ... ntare na yo iyirye." Imaze kubyumva, imbeba yigirayo yegera ikibirima maze iraterura iti:"Yewe wa mugabo we, bwira ... mbwa yawe irye ... kibirima, na we uyirye, impyisi ikurye, ingwe iyirye, intare na yo irye ingwe, maze na nge mbone uko mbarya mwese."

Intare yitegereza ingano ya ... mbeba, n'agasuzuguro iravuga iti: "... kagabo ntikirarira ye!", itambuka ijya kuyikandagira. Nuko imbeba ivuza induru maze izindi mbeba zirahurura. Imbeba zigeze..., intare irazireba, iti: "Singiye kuribwa n'... busa". Intare irigendera. Ingwe ibibonye iti:"None ... ntare igiye yagaruka ikansanga aha ikanyica naba nzize iki?" Na yo

irigendera. Impyisi na yo iti:"None ... ntindi y'ingwe irenga yaza kugaruka ntiyanyica ra? Naba nzize iki?" Iragenda. Byose bimaze kugenda ... mbeba yawe ibwira Bugabo iti: "Sinakubwiye ko nunkiza izuba nzagukiza imvura? Iyo utankiza ... zuba wansanzeho, haba hacuze iki? Cyo ngaho igendere."

Nuko Bugabo arataha n'imbwa ye na ... kibirima akikoreye. Ageze imuhira ashyikiriza umugore we ikibirima yari yamutumye. Umugore amubonye ati: "Ahubwo umugabo ni ...!" Atitaye ku byabaye ku mugabo we, arateka ararya.

## 5.5. Amasaha ya Kinyarwanda.



Kera amasaha ya kizungu ataraza, Abanyarwanda bari bafite amasaha bagenderaho. Ntabwo yerekanaga igihe gihamye buri gihe, byaterwaga n'uduce tunyuranye n'ibihe. Byaterwaga kandi n'ibikorwa binyuranye by'abantu n'imirimo bakoraga mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi. Dore uko yabaga akurikiranye kuva mu gitondo kugeza mu kindi gitondo:

| **Imvugo yakoreshwaga mu Kinyarwanda.** | **Amacishirizo y'igihe mu masaha y'ubu.** |
|---|---|
| Mu bunyoni | Saa kumi n'imwe za mu gitondo |
| Inka zigiye ku nama | Saa kumi n'imwe n'igice. |
| Abantu beguye amasuka | Saa kumi n'ebyiri. |
| Inka zikamwa | Saa kumi n'ebyiri. |
| Inka zihumuje | Saa kumi n'ebyiri n'igice. |
| Agasusuruko | Saa moya n'igice. |
| Amanywa y'abashotsi | Saa sita. |
| Amashoka y'inka | Saa saba. |
| Amahingura | Saa saba. |
| Amanywa akambye | Saa saba. |
| Amakuka y'inka | Saa saba n'igice |
| Inyana zisubiye iswa | Saa kenda. |
| Izuba rihumbye | Saa kumi. |
| Igicamunsi | Saa kumi n'imwe. |
| Izuba rya kiberinka | Saa kumi n'imwe n'igice. |
| Izuba ry'igishukabaja | Saa kumi n'ebyiri. |
| Inkoko zitaha | Saa kumi n'ebyiri n'igice |
| Inyana zitaha | Saa moya z'umugoroba |
| Inka zitaha | Saa mbiri z'ijoro. |
| Inka zikamwa | Saa mbiri n'igice. |
| Inka zihumuje | Saa tatu. |
| Mu matarama | Saa tatu kugeza saa yine z'ijoro |
| Abantu buriye uburiri | Saa yine z'ijoro |
| Abantu bashyizweyo | Saa tanu z'ijoro. |
| Igicuku kinishye | Saa sita z'ijoro kugeza saa saba. |
| Abantu bicuye bwa mbere | Saa munani z'ijoro. |
| Abantu bicuye ubwa kabiri | Saa kenda z'ijoro |
| Inkoko za mbere | Saa kenda z'ijoro. |
| Inkoko za kabiri | Saa kumi n'imwe za mugitondo. |
| Mu ruturuturu | Saa kumi n'imwe za mugitondo. |

| | |
|---|---|
| Umuseke weya | Saa kumi n'imwe n'igice za mu gitondo. |
| Urukerera | Saa kumi n'ebyiri. |

## Imyitozo

**Hitamo mu bisubizo bikurikira kimwe kiri cyo.Umaze gusoma uru rutonde rw'amasaha ya Kinyarwanda, ugereranyije n'amasaha ya kizungu:**

1. **Mu bunyoni ni nka:**
   a. saa kenda za mu gitondo
   b. saa kumi z'umugoroba
   c. saa kumi n'imwe n'igice za mugitondo
2. **Mu nkoko za mbere ni nka:**
   a. saa saba n'igice z'ijoro
   b. saa kenda z'ijoro
   c. saa kumi za mugitondo
3. **Ku gasusuruko ni nka:**
   a. saa mbiri za mu gitondo
   b. saa ine za mugitondo
   c. saa saba z'ijoro
4. **Inyana zitaha ni nka:**
   a. saa kumi z'umugoroba
   b. saa kumi n'imwe z'umugoroba
   c. ssaa kumi n'ebyiri n'igice z'umugoroba
5. **Inka zitaha ni nka:**
   a. saa kumi n'imwe z'umugoroba
   b. saa kumi n'ebyiri z'umugoroba
   c. saa moya z'umugoroba
6. **Inka zikamwa ni nka:**
   a. saa kumi n'ebyiri z'umugoroba
   b. saa moya z'umugoroba
   c. saa mbiri z'umugoroba

7. **Mu gicuku ni nka:**
    a. saa sita z'amanywa
    b. saa sita z'ijoro
    c. saa kumi za mu gitondo
8. **Mu matarama ni nka:**
    a. saa mbiri z'ijoro
    b. saa sita z'ijoro
    c. saa tatu z'ijoro, saa yine
9. **Abantu buriye uburiri ni nka:**
    a. saa moya z'ijoro
    b. saa mbiri z'ijoro
    c. saa tatu z'ijoro
10. **Iyo witegereje usanga ibi bihe bya kinyarwanda byagenwe:**
    a. nta cyo bashingiyeho
    b. bashingiye ku myitwarire y'abantu n'iy'inyamaswa
    c. babitegetswe n'abakoroni
11. **Abantu bashyizweyo ni nka:**
    a. saa saba z'ijoro
    b. saa tanu z'ijoro
    c. saa kumi za mu gitondo
12. **Mu ruturuturu ni nka:**
    a. saa munani z'ijoro
    b. saa kumi n'imwe za mu gitondo
    c. saa mbiri z'amanywa

## 5.6. Amezi ya kinyarwanda.



Nk'uko babivuga mu kinyarwanda, imfura y'amezi ni Nzeri, kuko kera ari yo yatangiraga umwaka gakondo wa kinyarwanda. Nzeri yatangiraga umwaka kimwe n'ibiba ry'imyaka ryo mu kwa kenda. Umwaka wa kinyarwanda wagiraga amezi cumi n'atatu. Ukwezi kwa kinyarwanda kwamaraga iminsi makumyabiri n'umunani gusa (28) kukaba kwarakurikizaga ukwezi ko ku ijuru (imboneko, inzora, imyijima n'impera zako), kugakurikiza kandi ukwezi k'umugore kimwe n'ukwezi kw'inka. Ayo mezi yakurikiranaga atya mbere y'umwaduko w'abazungu: Nzeri, Ukwakira, Ugushyingo, Ukuboza, Mutarama, Gashyantare, Werurwe, Mata, Gicurasi, Kamena, Nyakanga, Kanama, n'ukundi kwezi bitaga Tumba Nyakime.

### Ibibazo byo kumva umwandiko

**Soma interuro zikurikira, maze wandike ijambo yego imbere y'interuro ivuga ibiri byo na oya imbere y'igisubizo kitari cyo.**

1. Umwaka wa kinyarwanda watangiraga muri Mutarama kubera ko babaga babiba amasaka.

2. Umwaka wa kinyarwanda watangiranaga n'ibikorwa by'ubuhinzi muri Nzeri.
3. Umwaka wa kizungu wari uhuje nezaneza amezi n'umwaka wa kinyarwanda.
4. Amezi ya kinyarwanda n'aya kizungu yari ahuje iminsi.
5. Umwihariko w'amezi ya kizungu ni uko yahindaguraga iminsi.
6. Ukwezi kwa kinyarwanda n'uko ku ijuru byamaraga iminsi ingana mu kinyarwanda.
7. Ukwezi k'umugore ni iminsi amara kugira ngo ahembwe amafaranga yakoreye.
8. Itandukaniro hagati y'umwaka wa kizungu n'uwa kinyarwanda ni uko amezi atangana kandi n'amezi ntanganye iminsi.
9. Umwaka wa kizungu n'uwa kinyarwanda binganya iminsi.
10. Ukwezi k'umugore ni iminsi amara hagati y'imihango n'indi.
11. Ukwezi kw'inka ni uko zibyaramo cyane.

## 5.7. Ibihe bya kinyarwanda

Ibihe bya kinyarwanda byashingiraga ahanini ku zuba. Ni gutyo abantu bagena ibice by'umunsi bavuga ngo izuba rirarashe, rigeze ijuru hagati cyangwa rirarenze. Ku Banyarwanda, kurenga kw'izuba kwari nko gupfa kwaryo na ho kurasa bikaba kuzuka. Iyo izuba ryabaga rirenze, bavugaga ko ryagiye kwa Mugwamporo. Ubwo Abagwamporo bagahita baribaga, ijuru rigahinduka umutuku, bakaririya, bukaba burije. Bamaraga kuririya, igufa ryaryo bakarikubita ku rutare rw'ijuru rikabyara ibishashi. Rikarara ririkakamba bugacya rigeze iburasirazuba, rikongera rikarasa. Ibyo bikaba ibihe byose. Na n'ubu bishobora kuba ari ko bikigenda mu myumvire ya bamwe.

Nanone bashingiye ku miterere y'ikirere bagabanyaga umwaka mo ibihe bibiri by'ingenzi: ibihe by'izuba niba ryacanye n'ibihe by'imvura niba nta riva ahubwo hagwa imvura. Ibihe by'izuba byabaga bibiri, igihe kirekire k'izuba ryinshi bita Impeshyi kiva muri Kamena, kigafata Nyakanga yanga amabuguma na Kanama kanamira Nzeri. Hari n'Urugaryi ari cyo gihe gito k'izuba gitangira muri Mutarama kikageza hagati muri Gashyantare, kikicomeka hagati y'igihe kirekire k'imvura nyinshi ari cyo bita Itumba. Gihera muri Werurwe kikageza muri Gicurasi. Nk'uko bigaragara ibyo

bihe by'imvura bigenda bibisikana n'iby'izuba. Umuhindo ni igihe gihera muri Nzeri cyangwa mu Kwakira kwakira imbuto zose kikageza mu Kuboza kuboza imiteja.

Ibihe bya kinyarwanda kandi byagenwaga hashingiwe ku bintu byababaga byarabaye abantu bose bazi. Hari nk'ibiba ry'imyaka, isarura ryayo, inzara nini zabaye nka Ruzagayura, Rumanurimbaba, Rwakayihura, Gakwege n'izindi; indwara z'ibyorezo nka Muryamo, iyima ry'umwami runaka cyangwa umwaduko w'abazungu. Umuntu mukuru yakubwira ko ikintu iki n'iki cyabaye mu itema ry'amasaka, koyavutse muri Ruzagayura, cyangwa se ku ngoma ya Gahindiro. Umunyarwanda akubwiye ko ikintu iki n'iki cyabaye ku ngoma ya Gahindiro ariko, wagombye kumva ko cyabaye kera cyane. Ibyo kubara imyaka nk'uku tuvuga ngo turi mu mwaka w'ibihumbi bibiri na cumi na gatandatu ntibyabagaho.

## A. Inyunguramagambo

**Huza ukoresheje akambi amagambo n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| 1. Kugena | a) Ibitekerezo |
| 2. Gukakamba | b) Igihe k'izuba ryinshi kiva muri Kame na kikagera muri Kanama. |
| 3. Imyumvire | c) Igihe ukwezi kuba ari uruziga rwuzuye kubonesha cyane |
| 4. Ibuguma | d) Kurira ikintu bikugoye |
| 5. Impeshyi | e) Gushyiraho |
| 6. Inzora | f) Inka ishaje cyane |

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite**

1. Mu myumvire y'Abanyarwanda, izuba barigereranyaga n'iki? Kubera iki?
2. Ko uryama ugasinzira, ubwirwa n'iki ko bukeye?

3. Ukurikije imyitwarire y'izuba umunsi wawugabanyamo ibihe bice?
4. Imyitwarire y'ikirere yatangaga ibihe bihe?
5. Aho mutuye imihindagurikire y'ikirere iteza ibihe bibazo?
6. Abanyarwanda bagenaga igihe bamaze ku isi bahereye ku ki?
7. Mu bihe tugezemo igihe kigenwa gite?
8. Ugereranyije n'ibihe tugenderaho kuri ubu, ni ryari izuba riba rigeze ijuru hagati? Umuntu yabibwirwa n'iki?
9. Ukeka ko ari ukubera iki Abanyarwnda bavugaga ko Nyakanga yanga amabuguma?
10. Ukeka ko amazina Kanama, Ukwakira n'Ukuboza yaba yaraturutse he?

## Imyitozo

**a. Uzuza mu nteruro zikurikira ibihe bya kinyarwanda bikurikira:**

ku kwezi, mu museke, mu gicuku, ijoro ryose, mu nkoko za mbere, nijoro.

1. Yabategetse kujya bizindura ... bakaza kumufasha guhanura.
2. Yakundaga guhanura ...akangutse.
3. Mwene se yakundaga guhanura ... rubanda bicuye.
4. Yaraye agenda ... bucya angezeho.
5. Kuko hari ..., yabyutse bwangu akeka ko ari....

**b. Uhereye ku bisobanuro uhabwa, tahura amezi ya kinyarwanda wuzurisha ahari utudomo dutatu (...) muri uyu mwandiko.**

Abanyarwanda b'ubu bazi kandi bemera ko mu kwita amazina amezi ya kinyarwanda, abakurambere bayasanishije n'ibyarangaga imibereho yabo mu buhinzi n'ubworozi cyane cyane baganisha ku kirere no kumusaruro. Hari benshi bayabona kuri karendari bakibaza ibisobanuro byayo. Mu gukora uyu mwitozo urashira amatsiko.

Mu kwezi kwa ..., abantu batinda kuryama bari mu **gitaramo** kuko

nta mirimo baba bafite ituma bazinduka. Hakurikiraho ukwezi kwa ... kurangwa n'igihe k'izuba rikaze cyane ku buryo abantu batinya kwicara ku **bitare** by'amabuye kubera ubushyuhe bwinshi biba bifite. Muri ... hagwa imvura nyinshi, bakayiha rugari maze **ikerura** ikagwa. Birumvikana ko iyo mvura ituma habaho urwuri ruba rutoshye cyane, inka zikarisha zigahaga zigatubura **umukamo**. Ibyo bigashya bishyira ukwezi kwa .... Hakurikiraho ukwezi kwa ...., aho **ibicu** byinshi bibyuka byabuditse hasi. Kuvaho haza ukwezi kwa ...., aho amasaka aba yeze cyane yabaye menshi maze amasekuru **akameneka** kakahava kubera umuhini usekura ubudatuza. Hataho ukwezi kw'izuba ryinshi, inka ziba zishonje kubera kubura urwuri, **kukazirana** n'inka zishaje kuko muri icyo gihe ari zo zihura n'akaga cyane zitembagara mu mabanga y'imisozi. Ni yo mpamvu bakwita .... yanga amabuguma. Iryo zuba risiga ahantu hose **hanamye**, ndetse iyo imvura ikomeje gutinda kugwa, muri uku kwezi ni ho izuba ryangiza ibintu byinshi cyane ndetse hakaba n'amapfa abantu bagasuhuka. Uko kukaba ukwezi kwa .... Mu kwezi kwa .... abahinzi begura amasuka bagatangira imirimo yabo y'ubuhinzi kuko ibihe biba **bitangiye kumera neza**, imvura itangiye kuboneka, ubwatsi na bwo bwongeye kumera. Ukwezi gukurikiraho k'.... na ko **kukakira** neza imyaka yose iba yatewe cyangwa yabibwe mu kwezi kubanza. Nyuma y'uku kwezi ko kweza cyane no gusarura, hahita haza ukwezi ko **guhunika** imyaka, kukitwa .... Iyo myaka yahunitswe ihura no kubura izuba ikagenda isaza, indi ikiri mu mirima kuko iba yareze ntisarurwe bikayiviramo **kubora**. Bakakwita .... kuboza imyaka.

## 5.8 Ubutumwa bugufi



Ubutumwa bugufi ni inyandiko itarengeje inyuguti ijana na mirongo itandatu iyo bwoherejwe hakoreshejwe terefone igendanwa. Muri iki gihe tugezemo, ubwo butumwa bworoheje itumanaho, kuko bushobora kohererezwa abantu benshi icyarimwe, ku buryo mu gihe kitarenze iminota itanu, ushobora kuba ubwiye abantu barenga ijana ubutumwa bumwe kandi bukabagereraho mu gihe kimwe.

Kwandika ubwo butumwa bisaba kuvuga ibikenewe kuko ibyo wandika biba bibaze. Nyamara hari amaterefone atanga uburyo bwo gucamo kabiri ubutumwa burebure, ariko n'igiciro cyo kubwohereza gihita kikuba kabiri.

Uko byagenda kose, kohereza ubutumwa birahendutse kurusha kuvugana n'umuntu. Ubutumwa bwoherezwa kuri terefone kandi bufite umwihariko wo kuba bushobora koherezwa mu ibanga mu gihe umuntu ari hamwe n'abandi,  bikamufasha kutiha rubanda ngo bumve ibyo batagenewe cyangwa ngo abasakurize bitari ngombwa.
Ubutumwa bugufi bwoherezwa kuri terefone igendanwa, bumaze kuba

uburyo bw'ingenzi mu itumanaho kuko bukoreshwa n'abantu hafi ya bose ku isi.

Nyamara imikoreshereze yabwo ikwiye gusobanurwa neza. Bamwe babwandika nabi ugasanga budasomeka. Kuri iyi ngingo rero dukwiye kumenya ko "akarenze umunwa karushya ihamagara" kandi tukibuka ko icyo wohereje cyanditse cyo kugisiba biba bitagishobotse. Bityo rero, uwanditse ubutumwa akwiye kujya abanza kongera kubusoma mbere yo kubwohereza kugira ngo atohereza ibitumvikana nk'uko abishaka.

Hari n'abantu bandika ubutumwa bwinshi ku buryo usanga batesha umutwe abo babwohererereza, mu gihe bibereye mu kazi cyangwa bahuze.

Mu butumwa butesha igihe, harimo n'ubwoherezwa n'ababa bashaka kwamamaza ibikorwa byabo. Ntibamenya ababukeneye ngo abe ari bo babwohererereza.

Ikindi gikwiye kwitabwaho mu kohereza ubutumwa, ni ukumenya ko ari ubutumwa bugufi nyine. Ni ngombwa rero kumenya kwandika mu nshamake ibyo wifuza kuvuga, nturondogore cyangwa ngo uvuge ibitari ngombwa.

Kohereza ubutumwa burebure rero ni ukutamenya kuvuga muri make ibyo ukeneye kuvuga. Nitwihatire rero guhina amagambo mu butumwa bugufi kandi twohereze ubwo twumva ari ngombwa, bizadufasha kuzigama igihe n'amafaranga kandi bidufashe kutabangamira abo tubwohererereza.

## A. Inyunguramagambo

**Mushake ibisobanuro by'aya magambo**

1. Itumanaho
2. Kwamamaza
3. Kurondogora

**Umwitozo ku nyunguramagambo**

**Sobanura uyu mugani ngo "akarenze umunwa karushya ihamagara", maze unawukoreshe mu nteruro iboneye.**

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byo kumva umwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ubutumwa bugufi bwoherezwa kuri terefone bworoheje gute itumanaho?
2. Kuki bisaba guhina amagambo iyo wandika ubutumwa bugufi?
3. Ni uwuhe mwihariko gukoresha ubutumwa bugufi birusha guhamagara ukavugana n'uwo wifuza kugezaho ubutumwa?
4. Kwandika mu nshamake bigirira akahe kamaro uwohereza ubutumwa bugufi?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

### Subiza ibi bibazo

1. Erekana ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2. Hina uyu mwandiko mu mirongo ibiri gusa ku buryo wavanamo ubutumwa bugufi bwoherezwa kuri terefone.

### Umukoro

Andika ubutumwa bugufi wakohereza inshuti yawe uyibwira amakuru yawe ku ishuri, cyangwa ababyeyi bawe ugira icyo ubasaba.

## Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

### Umwandiko: Kubaza abayobozi ibyo bakora

Imiyoborere myiza ntibumbye gusa ingufu z'abayobozi mu gushyira muri gahunda ibyo biyemeje. Imiyoborere myiza ishingira ku kugendera ku mategeko, gukorera mu mucyo, no kubazwa ibyo ukoze nk'umuyobozi ari byo twakwita igenzuramikorere.

Abayobozi bagomba kujyaho mu nzira ziboneye, ntibafate ubutegetsi ku ngufu batabihawe n'abaturage, kandi bagakoresha ubwo buyobozi neza.

Ubutegetsi bugomba kugabanywamo ibice bitatu kandi buri kimwe kikigenga, ariko byose bikagenzurana. Ibyo bice ni ibi bikurikira. Icya mbere ni inteko ishinga amategeko igizwe n'abadepite n'abasenateri bashyiraho amategeko. Icya kabiri kigizwe n'abayobozi bashyira ayo mategeko mu bikorwa, ari bo bagize inzego z'ubuyobozi kuva kuri Perezida wa Repubulika kugera ku muyobozi w'umudugudu. Igice cya gatatu ni urwego rw'ubucamanza rushinzwe guhana abatubahiriza amategeko mu buryo butabera kandi budafite aho bubogamiye.

Mu rwego rwo kugendera ku mategeko, amategeko agomba kurengera abantu bose nta vangura kandi ntihagire umuntu ujya hejuru y'itegeko. Baba abayobozi, baba abayoborwa, ukoze ikosa agomba kubibazwa. Ibyo bisaba ko haba hariho ubucamanza bwigenga, kandi butavugirwamo n'abayobozi.

Mu gihugu kigendera ku mategeko usanga abaturage bita ku mategeko atari uko bayatinya ahubwo kubera ko bazi akamaro kayo. Kugendera ku mategeko rero si ukuyashyiraho gusa cyangwa kuyakoresha mu gutera abaturage ubwoba. Buri gihugu cyaba icyamunzwe na ruswa cyangwa igikoresha iterabwoba ku baturage, na cyo kigira amategeko kigenderaho. Nyamara ubutegetsi bugendera ku mategeko bwimakaza imikoranire y'abaturage n'ubuyobozi.

Inkozi z'ibibi icyo gihe zihanwa n'amategeko, ariko zikanandagazwa mu itangazamakuru kandi zikigizwayo n'abaturage ku buryo zibura imyanya no mu mirimo ya Leta.

Gukorera mu mucyo na byo biranga imiyoborere myiza. Hagomba rero kubaho amashyirahamwe yigenga ageza ku baturage amakuru kugira ngo bamenye ibyo abayobozi bakora. Muri yo twavuga ubutabera bwigenga n'itangazamakuru ridakorera mu kwaha kwa Leta ariko n'amashyirahamwe ategamiye kuri Leta na yo aba akenewe. Amategeko n'amabwiriza yose ashyirwaho agomba kwigwaho kandi akaba yumvikana. Ubuyobozi bukorera mu mucyo bushyira ahagaragara ibyo bukora n'impamvu bikorwa, ugomba kubikora, n'icyo bigamije.

Kubazwa ibyo ukora nk'umuyobozi ni ngombwa, kuko uba uri intumwa y'abaturage. Ni ukwemera kugenzurwa kandi mu byo ukora, kandi

ugakora wumva ko ibyo ukora hari undi uzabikubazaho. Hagomba kubaho uburyo bwemewe na Leta bwo kubaza buri muyobozi ibyo yakoze mu gihe ayobora.

Abanyamakuru, ndetse n'abagize amashyaka abangikanye n'iriri ku buyobozi, bagomba guhora bacungira abaturage, ibitagenda neza bakabibabwira, amakosa y'abayobozi agashyirwa ahagaragara, abakora nabi bakegura. Abaturage kandi bagomba kugira uruhare mu bibakorerwa no mu igenamigambi ry'igihugu.

## I. Inyunguramagambo

**1. Shaka ibisobanuro by'aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

a. Igenzuramikorere.
b Inteko ishinga amategeko
c. Abayobozi bashyira mu bikorwa ayo mategeko
d. Urwego rw'ubucamanza
e. Kujya hejuru y'itegeko
f. Igihugu cyamunzwe na ruswa
g. Kwandagazwa
h. Amashyirahamwe ategamiye kuri Leta
i. Amashyaka abangikanye n'iriri ku buyobozi
j. Igenamigambi ry'igihugu

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.**

a. Igenamigambi ry'igihugu
b. Inteko ishinga amategeko
2. Igenzuramikorere.
4. Kujya hejuru y'itegeko

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

**1. Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite, utandukuye interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.**

a. Ni ayahe mahame aranga imiyoborere myiza?

b. Vuga ibice by'ubutegetsi mu buyobozi bugendera kuri demokarasi.
c. Ni ba nde bashinzwe kugenzura abayobozi?
d. Itangazamakuru rimarira iki abaturage mu butegetsi bugendera kuri Demokarasi?


## III. Ikibonezamvugo

1. Koresha ikinyazina nyereka ukurikije icyo amagambo ari mu nyuguti z'igikara tsiriri agusobanurira, maze uhindure ibikwiye guhinduka.

a. Umugabo **twahuye umwaka ushize turi kumwe** yambwiye ngo mutahe.
b. Umugabo **tureba twembi** ari mu biki ?
c. Umwana **unyegereye** ni mwishywa wange.
d. Umwana **nkozeho** ni umuhanga.
e. Igiti **kikwegereye** ni nde wakivunnye umutwe?
f. Abantu **uzi twahuye cya gihe** bari abasirikare.

# 6 Umuco w'amahoro

## 6.1. Umwana n'ingona



Umunsi umwe, umukobwa w'umwami yarohamye mu gishanga, umwami ategeka ko bagikamya, bagakuramo umurambo w'umukobwa we yakundaga cyane. Abaturage bakamije igishanga, bica ingona zose zakibagamo. Umukobwa w'umwami bamusanze mu mwobo w'ingona ishaje kurusha izindi.

Busunzu habe ngo izamenye ibyabaye! Ku bw'amahirwe, yari yasohotse nijoro kwishakira ibyo irya izimirira kure mu giturage. Ku gasusuruko, umwana wari ugiye gutashya ayisanga iri yonyine aho yaheze mu gihuru,

ayibaza icyo ihakora. Busunzu iti: "Nahabye ubu sinzi iyo ndi! Ungiriye neza wansubiza iwange." Umwana ati: "Nta mazi agihari, igishanga bagikamije." Busunzu iti: "Noneho njyana ku ruzi!"

Umwana ashatse ikirago n'imirunga, azingazingiramo Busunzu arahambira. Akubise ku mutwe. Agenze hafi umunsi wose, inyana zisubiye iswa aba ageze ku ruzi. Aho ku nkombe, aharambitse umuzigo we. Aca imigozi yawuhambirije, azingura ikirago. Busunzu ni ko kumubwira iti:"Nshuti yange se, ko amaguru yaguye ibinya kubera urugendo rurerure, ntiwanshyira mu mazi wokabyara we!" Umwana ni ko kuyibangatana ayigeza aho amazi amugera mu mavi arambika aho. Busunzu ntiyashirwa iti: "N'ubundi wabikoze wibikora igice! Nyigiza imbere aho amazi akugera mu rukenyerero, ahangaha sinashobora koga neza." Umwana ayigejeje aho amazi amugera mu rukenyerero imusaba kuyigiza aho amazi amugera mu gituza. Umwana ayihagejeje imusaba kuyigiza aho amazi amugera ku ntugu! Ahageze iti: "Noneho nshyira hasi." Umwana ayifashije mu mazi.

Mu gihe agiye kugaruka ku nkombe, Busunzu iba imufashe akaboko. Umwana atabaje nyina biba iby'ubusa. Ni ko kubaza ingona ati: "Ese ibi ni ibiki? ... ndekura." Busunzu iti: "Sinakurekura n'iyi nzara nshonje!" Umwana ati: "Ndekura!" Busunzu iti:"N'iyo wagira ute sinakurekura n'inzara mfite! Maze hashize iminsi ibiri ntarya none ngo ninkurekure? Barakubeshye!" Umwana arayibaza ati:"Noneho urashaka kumbwira ko inyiturano y'ineza ari igihemu?" Ingona iti:"Ineza yiturwa ubuhemu ntabwo ijya yiturwa indi."

Umwana ni ko kuyibwira ati:"Yego ni byo! Ubu ni wowe umfiteho ububasha. Ariko reka tubaze abagabo, twumve icyo babivugaho!" Ingona iti: "Nihagira abagabo batatu bemeza nk'ibyange, ndakurya urabeshya! Ndumva twembi tubyumva kimwe!"

Ikivuga ibyo, haba haje inka y'ibuguma ishotse. Ikutse, ingona irayibaza iti:"Wowe ushaje bigeze aho, ukaba ufite ubwenge bungana butyo, ntiwadukiranura ukatubwira niba inyiturano y'igikorwa kiza ari ineza cyangwa niba ari igihemu?"
Ya buguma iti:"Wowe uravuga! Inyiturano y'ineza ni ubugome kandi mbikubwiye nzi neza icyo mvuga. Nkiri muto, ngifite ingufu, navaga mu

rwuri nkasanga ubwatsi bwiza mu rugo n'ikibuye cy'umunyu nkarigata. Bakanyuhagira, bakampanagura. Muri icyo gihe natangaga amata menshi, kandi insumba zose n'ibimasa databuja atunze ni nge bikomokaho. Ubu nashaje nkaba ntagikamwa ntakinabyara, ntawukindeba, nta n'ukinjyana mu rwuri. Mu museso, ibibando ni byo binsohora mu rugo! Ubwo nkihuta njya gushaka icyo ndya. Ngicyo icyo nshingiraho nemeza ko igikorwa kiza kiturwa inabi." Ikimara kuvuga ibyo ikurura amagufa n'uruhu rwayumiyemo izunguza umurizo wamazwe n'uburondwe ijya kwishakira ubwatsi mu kinani.

Busunzu ibaza wa mwana iti: "Wumvise?" Umwana ati: "Numvise." Hahita haza ifarasi yashaje yanitse amagufa. Busunzu ni ko kuyibaza iti: "Ko uri mukuru mbibona, ukaba warabonye ibintu ukabona ibindi, ushobora kunkiranura n'uyu mwana? Uwo ugiriye neza, akwitura ineza cyangwa akwitura inabi?"

Ifarasi iti: "Ineza yiturwa inabi. Nkiri muto, ngifite ingufu nyinshi, nahoranaga umuvure wuzuye ibisigazwa by'ingano n'undi ubogaboga igikoma kirimo ubuki amasaha yose y'umunsi. Nuhagirwaga buri gitondo ngatamirizwa inigi nziza zakorewe mu nganda ziyubashye. Imyaka ikenda yose yihiritse ntwara databuja n'iminyago ye. Ubu nashaje, bambyukiriza ku bibando buri gitondo banshora mu gihuru guhiga ubwatsi ndya. Mwebwe muravuga!" Imaze gutanga ubwo buhamya, isoma ku mazi yiyumvira irangije iradogagira irigendera. Igitirimuka aho, Busunzu ishaka kurya umwana, ariko ayibera ibamba kuko hari hasigaye kubaza umugabo wa gatatu.

Bakiri muri ibyo, babona Bakame ije isimbagurika yiryagagura. Busunzu ngo iyirabukwe, irayihamagara iti:"Bakame, uri mukuru kandi w'umunyabwenge, ntiwadukiza, ukatubwira niba ineza yiturwa inabi cyangwa yiturwa ineza?"

Bakame iriyumvira, yishima mu bwanwa, irikurugutura maze irabaza iti: "Nshuti yange Busunzu, hari ubwo wabaza umuntu ufite ubumuga bwo kutabona niba imvi ari umweru cyangwa igikona ari umukara?" Ingona iti: "Reka da, ibyo ntibibibaho!" Bakame iti: "Ushobora kumbwira aho uyu mwana utazi se ntumenye nyina ava akajya?" Busunzu iti:

"Reka da!" Bakame iti: "Ngaho nimumbwire uko byagenze, mbone uko nsubiza ikibazo cyawe ntari bwibeshye."

Busunzu iyibwira ukuntu umwana yayikoreye akayigeza mu mazi, yajya gutaha ikanga  kuko yari ishonje cyane. Yabonaga ari ubugoryi bukabije imuretse akagenda, nyuma ikaza kwiruka inyuma y'umuhigo itazi aho uri buturuke. Bakame iti: " Ibyo uvuze byo ni ukuri. Gusa niba amagambo arwaye, ndakeka ko amatwi yange yo ari mataraga. Mu magambo wavuze harimo rimwe numva rirwaye." Busunzu iti:"Irihe?" Bakame iti:"Kuba iki gitambambuga cyakwikoreye mu kirago kikakugeza hano." Umwana ati: "Nyamara ni ko byagenze!"

Bakame iti: "Ceceka wa munyabinyoma we!" Busunzu na yo iti: "Nyamara ibyo avuga ni ukuri kwambaye ubusa!" Bakame iti: "Ndabyemera mbyiboneye. Ngaho mwembi nimuve mu mazi!" Bakame ibaza umwana iti: "Ubu wahambiriye ingona ishishe bene aka kageni muri iki kirago urayikorera?" Umwana ati:"Nayizingiye mu kirago ndahambira." Bakame iti: "Ngaho nyereka uko wabigenje! Ndashaka kubibona."

Ubwo Busunzu yirambika ku kirago umwana arakizinga, maze si uguhambira arakanira. Bakame iti: "Ikorere ndebe ni cyo nshaka." Umwana amaze kwikorera Busunzu, Bakame iramubwira iti:

"Kubera ko wayigiriye neza yo igashaka kukwitura inabi, genda uyisubize aho wayikuye."

Nuko Busunzu ibyumvise irataka cyane, itakambira umwana na Bakame iti: "Nimumbabarire mundekere hano, ntabwo nzongera." Nuko umwana ayiterera mu mazi ariko ayireka ihambiriye kugeza igihe ikirago cyaboreye ikabona kuvamo."

Si nge wahera hahera Busunzu yashatse kwitura ineza inabi.

## A. Inyunguramagambo

**Mushake ibisobanuro by'aya magambo mukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Busunzu
2. Insumba
3. Kudogagira
4. Kubogaboga
5. Kubera ibamba
6. Ibuguma
7. Ikinani
8. Kwikurugutura
9. Kwanika amagufa
10. Iminyago

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

**1. Shaka mu mwandiko amagambo afite igisobanuro gikurikira:**

a. Gusinzira kubera ubushyuhe.
b. Kugwa mu mazi ugaheramo.
c. Kubura ntiwongere kuboneka.
d. Kuyoba cyane, kutamenya aho uri.
e. Umugozi ukomeye wo guhambiriza.
f. Kwikorera.
g. Umutwaro uremereye.
h. Guterura ikintu kitaremereye ukagenda wihuta.
i. Ubutaka bukora ku mugezi bukarinda amazi guta inzira yayo.
j. Igikorwa cy'ubugiranabi
k. Kujya kunywa amazi.
l. Kuva ku mugezi kunywa amazi.
m.Ahantu hari ubwatsi bwinshi kandi bwiza inka zirisha.
n. Inka y'ingabo.
o. Gukorera umuntu nk'ibyo yagukoreye.
p. Udukoko tuba ku nka tukayinyunyuza amaraso.
r. Kuvuga ufite ukuri.
s. Kwambara mu ruhanga cyangwa mu ijosi.
t. Kwambikwa, gutakwa.
u. Gushira kw'iminsi.

**2. Huza amagambo ari mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo mu ruhushya B**

| | |
|---|---|
| 1) Igitambambuga | a) Kuva ahantu hashize akanya gato. |
| 2) Gukanira | b) Kubona, gukubita amaso. |
| 3) Gushisha | c) Umwana muto. |
| 4) Mataraga | d) Guhambira ugakomeza cyane. |
| 5) Bene ako kageni | e) Kubyibuha cyane. |
| 6) Kurabukwa | f) Mazima atarwaye. |
| 7) Gutirimuka | g) Gutyo, muri ubwo buryo, bimeze bityo. |

**3. Himba interuro yawe kuri buri jambo muri aya akurikira.**

a. Guhondobera
b. Kuzimira
c. Gukubita ku mutwe
d. Kubangatana
e. Kubogaboga
f. Kudogagira
g. Kurabukwa
h. Igitambambuga
i. Gukiranura

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Ongera usome neza umwandiko maze wuzuze interuro zikurikira uhereye ku bivugwa mu mwandiko:**

1. Uwanditse uyu mugani yashakaga kwerekana ko ..............
2. Umwana yagiriye neza ingona kuko ..............
3. Umwana yababajwe n'uko ..............
4. Muri uyu mwandiko ingona yagaragaje ko mu buzima hari ..............
5. Hagati y'umwana n'ingona hari ..............
6. Icyo umuntu yanenga ibuguma n'ifarasi ni uko ..............
7. Bakame ibaza ingona ibibazo, Bakame yashakaga gusuzuma niba ..............
8. Bakame yakemuye amakimbirane mu ..............

## C. Kungurana ibitekerezo

**Mwungurane ibitekerezo kuri ibi bibazo**

1. Mutekereza iki kuri uyu mugani w'umwana n'ingona iyo mwitegereje ibibera aho muba? Mukunze kubona ineza yiturwa inabi cyangwa ineza ikunze kwiturwa ineza? Mutange ibitekerezo n'ingero zifatika zishyigikira ibitekerezo byanyu.
2. Mwari gukemura mute izi mpaka iyo Busunzu n'umwana bibitabaza?

## D. Guhanga no gukina bigana

Muhereye ku nkuru mumaze gusoma, nimuhimbe agakino mwigana abayivugwamo maze mugakinire mu ishuri.

# 6.2. Ikinyazina ngenga

**Itegereze izi nteruro zakuwe mu mwandiko umaze gusoma maze usubize ibibazo wabajijwe.**

a. Si **nge** wahera.

b. Ntabwo ari **yo**.

c. Umwana ayisanga iri **yonyine** mu gihuru.

d. **Bose** baragushima.

e. Ngaho **mwembi** nimuve mu mazi.

f. Ndumva **twembi** tubyumva kimwe!

g. Ubu ni **wowe** umfiteho ububasha.

h. Ibibando ni **byo** binsohora mu rugo!

i. Ikorere ndebe ni **cyo** nshaka.

j. **Mwebwe** muravuga!

**Ibibazo:**

1. Aya magambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiri ahagarariye ba nde?
2. Bene ayo magambo yerekana iki mu nteruro?
3. Aya magambo ni bwoko ki?

## Inshoza y'ikinyazina ngenga

**Mfashe ko:**

Ikinyazina ngenga ni ijambo rihagarariye uvuga, ubwirwa, ababwirwa, uvugwa, abavugwa n'ibivugwa. Kerekana ukora cyangwa abakora igikorwa mu nteruro. Dore uko biteye:

**Mu nteko ya mbere:**

Ngenga ya mbere y'ubumwe ni iy'uvuga: ge (gewe) ; nge (ngewe)
Ngenga ya kabiri y'ubumwe ni iy'ubwirwa: wowe
Ngenga ya gatatu y'ubumwe ni iy'uvugwa: we

**Mu nteko ya kabiri:**

Ngenga ya mbere y'ubwinshi ni iy'abavuga: twe/ twebwe
Ngenga ya kabiri y'ubwinshi ni iy'ababwirwa: mwe/ mwebwe
Ngenga ya gatatu y'ubwinshi ni iy'abavugwa: bo

## Uturango tw'ikinyazina ngenga

**Gereranya izi nteruro ebyirebyiri zikurikira maze uvuge itandukaniro riri hagati y'amagambo azirimo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri.**

| | |
|---|---|
| Ni **bo** bagushima | **Bose** baragushima. |
| Ni **mwe** nsaba kuva mu mazi. | Ngaho **mwembi** nimuve mu mazi. |
| **Yo** yari mu gihuru yigunze. | Umwana ayisanga iri **yonyine** mu gihuru |
| **Mwe** muravuga! | **Mwebwe** muravuga! |

Izi nteruro zigaragaza ko ibinyazina ngenga bishobora kwiyongeraho uduce **-se, -mbi, -nyine, -bwe**. Utu duce twitwa **imisuma.**

## Imisuma

Iyo witegereje usanga imisuma ari uduce tw'amagambo twiyongereye ku kinyazina ngenga tukongeraho igisobanuro kihariye. Iyo kiyongereyeho umusuma **- mbi,** ikinyazina ngenga kiba kivuga **abantu babiri batarenze/ibintu bibiri bitarenze**. Naho iyo, kiyongereyeho umusuma **-se** kiba kivuga **abantu benshi barenze babiri/ibintu byinshi birenze bibiri.**

Umusuma **nyine** wongera ku kinyazina ingingo isobanura ko **usibye ikivugwa nta kindi kiyongeraho.** Ikindi kigaragara ni uko ikinyazina ngenga kigenda gifata indangasano y'inteko y'izina gisimbura. Ubwo kikisanisha n'amazina yo mu nteko zose.

## Uturango tw' ikinyazina ngenga

Kuba ikinyazina ngenga gishobora guhindura inteko bisobanura ko gihindura akaremajambo kacyo gahagarariye inteko kirimo. Ako karemajambo nta kandi ni indangasano. Aka karemajambo gakurikirwa n'igicumbi na cyo kigashobora gukurikirwa n'umusuma. Bityo rero ikinyazina ngenga kikaba gishobora kugira ibice bitatu. Buri gihe kigira indangasano n'igicumbi. Rimwe na rimwe hakiyongeraho umusuma bitewe n'icyo umuntu yashatse kuvuga, nk'uko byasobanuwe hejuru aha.

### Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenga.

| Inteko | Ikinyazina ngenga | Imisuma | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | we/ bwe | -nyine | -se | -mbi |
| Ng.1bu. | ge (nge) | -ngewe | (n)genyine | - | - |
| Ng.1bw. | twe | twebwe | twenyine | twese | twembi |
| Ng.2bu. | wowe | - | wenyine | wese | - |
| Ng.2bw. | mwe | mwebwe | mwenyine | mwese | mwembi |
| Ng.3 nt.1 | we | | wenyine | wese | - |
| Nt.2 | bo | - | bonyine | bose | bombi |
| Nt.3 | wo | - | wonyine | wose | - |
| Nt.4 | yo | - | yonyine | yose | yombi |
| Nt.5 | ryo | - | ryonyine | ryose | - |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Nt.6 | yo | - | yonyine | yose | yombi |
| Nt.7 | cyo | - | cyonyine | cyose | - |
| Nt.8 | byo | - | byonyine | byose | byombi |
| Nt.9 | yo | - | yonyine | yose | - |
| Nt.10 | zo | - | zonyine | zose | zombi |
| Nt.11 | rwo | - | rwonyine | rwose | - |
| Nt.12 | ko | - | konyine | kose | - |
| Nt.13 | two | - | twonyine | twose | twombi |
| Nt.14 | bwo | - | bwonyine | bwose | bwombi |
| Nt.15 | ko | - | konyine | kose | - |
| Nt.16 | ho | - | honyine | hose | hombi |


## Umwitozo

**a. Uzuza izi nteruro ukoresheje ikinyazina ngenga gikwiye.**

1. ... si ko mbyumva.
2. ... ntawuvuyemo twemeye ibyo utubwiye.
3. ... simbyemera maze ndore!
4. Ari Karori, ari na Karani ... ni abanyamafuti.
5. Kuki mwaje ... mwa bana mwe imuhira hasigaye nde?
6. Sigara aho ...niba udashaka kwifatanya n'abandi!
7. Si ... Mana yacu nibarorere tuzirwanaho.
8. Ni ... mbwira nimuze tugende.
9. Na ... kazane ntugasige.
11. Kuki ... mutabikora harabura iki?
12. Urakire! ...
13. Uzi ko ... tuberanye di!

**b. Himba interuro zawe bwite ukoresheje ibinyazina bikuriki ra:** zonyine, twombi, wo, mwebwe, yose, ho, rwonyine, wose, byose, bwombi.

## 6.3. Porisi y'u Rwanda irakangurira abaturarwanda kwirinda inkongi z'umuriro



Inkongi z'umuriro zikunze kwibasira inyubako zitandukanye, zigahitana ubuzima bw'abantu zikanangiza ibintu byinshi. Iyo ibyo bibaye abatabazi babigize umwuga batabara bwangu bakazimya izo nkongi.

Igitera inkongi z'umuriro ahanini ni ukwirara, ukutita ku bintu byateza inkongi, impanuka n'ubumenyi buke ku nkongi. Hari kandi gukoresha ibikoresho by'amashanyarazi bitujuje ubuziranenge, gukoresha abantu badafite ubumenyi mu gushyira amashanyarazi mu nyubako, cyangwa mu bikorwa by'amashanyarazi muri rusange. Indi mpamvu ni nko kwinjiza ibikoresho byinshi bikoresha amashanyarazi mu kindi na cyo kiyakoresha ariko kidafite ubushobozi bwo kubyakira. Iyo gisumbijwe ubushobozi n'ibyakinjijwemo, bimwe muri byo birashya.

Kubera izo mpamvu, Porisi y'u Rwanda igira abaturage inama zo kwirinda izo nkongi. Zimwe muri izo nama ni ugutunga ibikoresho by'ibanze byo kuzimya inkongi, kwiga uko bikoreshwa no kujya babisuzumisha ku babihugukiwe buri mezi atandatu kugira ngo babarebere ko ari bizima. Abantu kandi bagomba kugira ubwishingizi ku nkongi z'umuriro;

bakirinda kubika ibikomoka kuri peterori mu ngo; bakajya bazimya buji, itara cyangwa itadowa mbere yo kuryama no kudasiga byaka ngo bage kure yabyo.

Ni ngobwa kandi kwihutira gufunga umuriro w'amashanyarazi mbere yo gutangira kuzimya umuriro mu gihe inyubako yatwitswe na yo.

Mu kuzimya umuriro bitabaza amazi, umucanga cyangwa ibitaka byumutse mu gihe nta bushobozi cyangwa ibikoresho by'ibanze byo kuzimya inkongi bafite. Mu gihe inkongi zatewe n'ibikomoka kuri peteroli cyangwa gazi ni ngombwa kwirinda kuzizimisha amazi. Icyo gihe bakoresha ibikoresho byitwa kizimyamwoto, ibitaka byumutse cyangwa umucanga. Ni ngombwa kandi guhamagara Porisi mu gihe habaye inkongi y'umuriro kuko hari ubwo umuriro ushobora kurenga ubushobozi bw'abakoresha biriya bikoresho by'ibanze.

Mu gihe habaye inkongi kandi ni ngombwa kuzimya ibikoresho byose bikoresha amashanyarazi nka tereviziyo, radiyo na mudasobwa no gutandukanya ibikoresho bikoresha amashanyarazi muri rusange mu gihe batakibikoresha.

Birakwiye kandi kugira umuco wo kugura kizimyamwoto uko yaba ingana kose, yakwifashishwa igihe umuriro ukiri muke, byananirana hakitabazwa izindi nzego.

Ku bijyanye n'ubwubatsi, ni ngombwa kubaka bubahiriza igishushanyo mbonera kugira ngo byorohereze abaje mu butabazi kugera ahabaye inkongi y'umuriro.

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya inkongi z'umuriro no gutabara abari mu kaga, Porisi y'u Rwanda yashyizeho ishami rishinzwe by'umwihariko kuzikumira, kuzirwanya ndetse no gutabara abari mu kaga. Iri shami rihugura kandi rigatanga inyigisho ku buntu mu kwirinda, gukumira, kurwanya no kuzimya inkongi no mu butabazi bw'ibanze. Rigenzura ibijyanye n'ubwirinzi bw'inkongi n'ibiza mu nyubako nini n'into. Ritabara byihuse mu gihe ubutabazi n'ubwirinzi by'ibanze byananiranye.

Banyeshuri rero mugerageze gukurikiza izo nama mugirwa, kugira ngo muzage mwirinda kuba mwateza inkongi z'umuriro mu mashuri cyangwa iwanyu mu rugo.

Muge kandi mwirinda gukinisha insinga z'amashanyarazi kuko mushobora kuhagirira impanuka.

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

Akaga, bwangu, kwirara, iperereza, impanuka, ubuziranenge, itadowa, inkongi, kubererekera, kizimyamwoto, gukumira, ikiza, ubukangurambaga

### Umwitozo ku nyunguramagambo

**Koresha aya magambo akurikira mu nteruro iboneye.**

akaga, kwirara, bwangu, ubuziranenge, kubererekera, itadiwa, ubukangurambaga.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yanyu bwite.**

1. Ni ibihe byago porisi y'Igihugu yahagurukiye kurwanya mu minsi ishize?
2. Ibyo byago byagiye biterwa n'iki?
3. Ubaye ushinzwe kurwanya inkongi z'umuriro, wafasha ute abaturage kugira ngo birinde?
4. Ni izihe ngamba porisi yafashe mu guhangana n'inkongi z'umuriro?
5. Umuturanyi wanyu agize ibyago agahisha inzu itwitswe n'amashanyarazi nta bikoresho byo kuzimya afite wabyitwaramo ute?


### C. Gusesengura umwandiko

Ni izihe ngingo z'ingenzi uyu mwandiko wubakiyeho?

### D. Kungurana ibitekerezo

Wavuga iki ku bantu banga kugura kizimyamwoto bitwaje ko ihenda?

## 6.4. Malala Yusafuzayi n'imyigire y'abakobwa muri Pakisitani.



Malala Yusafuzayi (Malala Yousafzai) yari umwangavu wari ufite imyaka cumi n'umwe ubwo yaharaniraga ko abana b'abakobwa biga mu gihugu ke cya Pakistani bikamuviramo kuraswa amasasu mu mutwe. Mu mwaka wa 2007, igihe Abatalibani bari bamaze kwirukanwa mu gihugu cya Afuganistani n'ingabo z'Amerika, bahungiye mu misozi miremire iri ku mupaka wa Afuganistani na Pakistani. Bakiri muri Afuganistani, bari barashyizeho amategeko akarishye abuza abana b'abakobwa kujya mu ishuri n'abagore kugira akazi ako ari ko kose bakora usibye kuguma mu rugo bakarera abana. Aho birukaniwe muri icyo gihugu, bahise bajya kwihimurira mu karere ka Swati (Swat) ko mu majyaruguru ya Pakistani,

akarere gahana imbibi na Afuganistani bari bavuyemo. Mu myemerere yabo kugeza ubu ngo nta mukobwa ugomba kugera mu ishuri.

Muri aka karere ka Swati ni ho Malala Yusafuzayi yari atuye we n'ababyeyi be. Icyo gihe yari afite imyaka cumi n'umwe. Se akaba yari ahafite amashuri menshi y'abana b'abakobwa. Abatalibani bahageze bahise bafunga ayo mashuri yose, barayatwika, batwika ibitabo bavuga ko ari uburozi bw'abazungu bashyira mu bana babo. Uwashatse kurwanya iyo myumvire yabo yahise yicwa. Malala Yusafuzayi yababajwe cyane n'uko bamubujije gukomeza kwiga. Ni bwo atangiye kwandika ku rubuga nkoranyambaga rwa BBC (soma bibisi) rwo mu rurimi rw'iwabo, avuga uburyo abana b'abakobwa bahohoterwa n'Abatalibani. Ibyo yabikoraga abifashijwemo na se kandi agakoresha izina ritari irye. Muri iyo myaka, inyandiko z'uwo mwana wandika kuri interineti arwanya ibikorwa bibi by'Abatalibani zaramenyekanye cyane muri icyo gihugu k'iwabo ariko bakayoberwa umuntu uzandika.

Mu mwaka wa 2009, ingabo za Leta ya Pakistani zabashije kwirukana Abatalibani muri ako gace, maze amashuri y'abana b'abakobwa yongera gufungurwa. Ubwo Malala Yusafuzayi ajya ahagaragara ndetse Leta ya Pakistani imushimira kuba yaravuganiye abana b'abakobwa akagaragaza akarengane kabo. Mu mwaka wa 2012 ubwo yari afite imyaka 15 gusa, intagondwa y'Umutalibani yamutegeye mu modoka ajya ku ishuri imurasa amasasu mu mutwe, imusiga izi ko yapfuye. Ariko ku bw'amahirwe, abatabaye basanga akirimo akuka, bajya kumuvuriza mu gihugu cy'Ubwongereza.

Iyo nkuru y'umwana w'umukobwa warashwe kubera guharanira uburengazira bwo kwiga yasakaye ku isi yose. Ni bwo amahanga yatangiye kumuha ijambo ahantu hatandukanye kugira ngo asobanure ibyo mu gihugu ke. Mu mwaka wa 2014 yahawe igihembo kiruta ibindi ku isi kitiriwe Nobeli (Nobel). Yagiherewe rimwe n'umugabo w'umuhinde Kayirashi Satiyariti (Kailash Satyarthi) witangiye guharanira ko abana bato basaga ibihumbi magana inani bajyanwa mu ishuri aho gukoreshwa imirimo y'ingufu.

Icyo gihembo kitiriwe Nobeli cyatangiye gutangwa mu 1901, kikaba gihabwa abagize uruhare mu bikorwa byo kongerera isi ubumenyi

n'abaharaniye amahoro ku buryo bugaragara. Icyo gihembo kigizwe n'impamyabumenyi, umudari w'ishimwe n'amafaranga y'amayero agera ku bihumbi magana kenda akaba ahwanye n'amafaranga y'u Rwanda hafi miriyoni magana inani. Mu muhango wo gushyikiriza Malala Yousafuzayi icyo gihembo, umuyobozi wa komite itanga igihembo cy'amahoro kitiriwe Nobeli ku isi, yashimangiye ko isi ikeneye abantu b'intwari nka Malala na Satiyariti akaba yizeye ko kuba bahawe igihembo cy'amahoro bizatuma bafatanya mu guharanira uburenganzira bw'abana bo muri Pasikitani no mu Buhinde.

Malala amaze kwakira iki gihembo yavuze ko agituye abana bose babujijwe uburenganzira bwo kwiga. Yagize ati:"Iki si igihe cyo kubagirira impuhwe gusa, ahubwo ni igihe cyo kugaragaza ibikorwa bibarengera."

## A. Inyunguramagambo

### 1. Huza aya magambo n'ibisobaniro byayo ukoresheje akambi.

| | |
|---|---|
| 1. Abatalibani | a) Umuntu ukomera ku bitekerezo bye aka ba atahinduka uko byagenda kose |
| 2. Akarishye | b) Kuba ukiri muzima utarapfa |
| 3. Kwihimura | c) Kurwanira |
| 4. Kurenganura | d) Kugirira nabi umuntu kuko umurusha imbaraga cyangwa ububasha |
| 5. Guhohotera | e) Kwemeza ikintu inshuro irenze imwe |
| 6. Intagondwa | f) Abarwanyi bigometse bahanganye na Leta ya Pakisitani |
| 7. Kubamo akuka | g) Akomeye cyane |
| 8. Guharanira | h) Gukorera umuntu ikibi wagiriwe kuko utashoboye kugera ku wagikoze |
| 9. Gushimangira | i) Gukiza umuntu ibyari bimubangamiye, ibimutera ibibazo |

### 2. Tondeka aya magambo ku buryo abyara interuro iboneye.

a. ubushobozi kuko Umugore kubonwamo ntakwiye buke na arashoboye

we.

b. kwihutira abana Umugore kujyana abahungu mu akwiye ishuri baba cyangwa abakobwa.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Hitamo muri ibi bisubizo bitatu biri hasi ikiri cyo maze ucyandike mu ikaye yawe:**

1. **Araswa mu mutwe Malala Yusafuzayi.**
   a. Yari afite imyaka 17.
   b. Yari afite imyaka 11.
   c. afite imyaka 15.
2. **Malala Yusafuzayi yazize**
   a. Kubuza abana b'abakobwa kwiga.
   b. Kurwanya amatwara yabuzaga abana b'abakobwa kwiga.
   c. Kujya kwiga muri bisi.
3. **Ihohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko ni**
   a. Ukwirukana Abatalibani mu gihugu cyabo cya Pakisitani.
   b. Ukubuza abana b'abakobwa kujya mu ishuri n'abagore kugira akazi ako ari ko kose bakora usibye kuguma mu rugo bakarera abana.
   c Ukurwanya amatwara y'Abatalibani.
4. **Basenya amashuri, Abatalibani.**
   a. Barwanyaga uburozi bw'abazungu mu bana babo.
   b. Bihimuraga kuri se wa Malala wakuraga ibifaranga mu mashuri ye ntabaheho.
   c. Bihimuraga ku Banyepakisitani kuko bari barirukanywe mu gihugu cyabo.
5. **Atabariza abana b'abakobwa babujijwe kwiga, Malala Yusafuzayi**
   a. Yabifashijwemo na se n'igitangazamakuru BBC.
   b. Yabifashijwemo n'abaturage bw'igihugu ke.
   c. Yabifashijwemo n'abatanga igihembo kitiriwe Nobeli.
6. **Abatalibani barwanyaga ko abakobwa biga kuko**

   a. Bari bamaze kwirukanwa mu gihugu cyabo n'ingabo za Amerika.
   b. Byari mu myemerere yabo.
   c. Bari Abanyapakisitanikazi gusa.

7. **Malala Yusafuzayi atangira urugamba rwe yari azi ko**
   a. Abatalibani bamumenye bamwica.
   b. Azahabwa igihembo kitiriwe Nobeli.
   c. Abatalibani bazirukanywa mu karere ka Swati.

8. **Igihembo kiruta ibindi Malala Yusafuzayi yahawe ni**
   a. Ugushimwa n'igihugu ke ko yarwanyije akarengane k'abana b'abakobwa.
   b. Ikitiriwe Nobeli.
   c. Ukuba yaragiye kuvurizwa mu Bwongereza.

9. **Igihembo Malala yahawe agikesha kuba**
   a. Yari afite se uzwi wubatse amashuri menshi mu majyaruguru ya Pakisitani.
   b. Yararashwe azira guharanira uburenganzira bw'abana b'abakobwa bwo kwiga.
   c. Yarahagaritse amashuri ye kugira ngo yifatanye n'abandi bakobwa bari bambuwe ubwo burenganzira.

10. **Igihembo Malala yahawe cyatumye**
   a. Yikenura, akenura n'umuryango we ndetse ashyira amafaranga menshi kuri konti.
   b. Ashobora gushyira mu bikorwa umugambi we wo kurenganura abana b'abakobwa.
   c. Ashobora kugura intwaro zo kwihimura ku Batalibani bari bara ba bujije uburenganzira bwo kwiga.

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Subiza ibi bibazo**

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko?
2. Andika mu nshamake itarengeje imirongo icumi ibivugwa muri uyu mwandiko.

## D. Kungurana ibitekerezo


**Mwungurane ibitekerezo kuri izi ngingo**

1. Malala Yusafuzayi ni iki kuri wowe? Icyo wamwigiyeho ni iki?
2. Ubaye mu gihugu kidashaka ko abana b'abakobwa bajya mu ishuri, gishaka ko abagore baguma mu rugo bagatekera abagabo babo bakanarera abana wabyitwaramo ute ku myaka yawe ubu?

**Umukoro**

Andika utabariza kandi ugaragaza uko umwana cyangwa undi muntu yahohotewe.

## 6.5. Ukuri kwa Minani



Igihe Minani yimenyerezaga kuzakora akazi ko mu biro afite imyaka cumi n'umunani, isosiyete yakoreraga yamwohereje hamwe n'abandi

bakozi benshi, kwihugura mu ishuri rikuru ryigishaga ibijyanye n'akazi bakoraga. Bajyagayo iminsi ibiri mu cyumweru indi minsi bakajya ku kazi gasanzwe. Umunsi umwe, amasomo yarangiye mbere y'isaha bari basanzwe batahiraho. Amategeko agenga isosiyete bakoreraga yateganyaga ko mu gihe bigenze bityo, bagombaga gusubira ku kazi igice cyose cy'umunsi gisigaye. Aho gusubira ku kazi nk'uko Minani yabigenje, abandi banyeshuri barisohokeye bajya kwinezeza. Uwo munsi byahuriranye n'uko umuyobozi ushinzwe amahugurwa yari yaje ku kazi kabo. Abonye Minani amubaza impamvu atagiye kwiga uwo munsi, anamubaza aho bagenzi be bandi bari.

Minani yahisemo kubwiza umukoresha we ukuri. Yamubwiye ko mwarimu yabasezereye hakiri kare akagaruka ku kazi. Na ho ku byerekeranye na bagenzi be yavuze ko adashobora kubavugira ko yaza kubibariza buri wese ku giti ke.

Minani yashoboraga gusubiza akoresheje amayeri bigatuma bagenzi be bamwemera. Ariko kandi, yahisemo kuvugisha ukuri. Kuvugisha ukuri byatumye umutima utamucira urubanza. Byatumye kandi umukoresha we amugirira ikizere. Yamwohereje mu rwego rushinzwe gukora imitako mu mabuye y'agaciro. Nyuma y'imyaka cumi n'itanu, Minani yazamuwe mu ntera ahabwa umwanya w'ubuyobozi muri iyo sosiyete. Ibyo bimaze kuba, wa muyobozi yaramuhamagaye kugira ngo amushimire kandi amwibutse cya gihe yamubwizaga ukuri, agira ngo ashimangire inyungu abantu bavana mu kuvugisha ukuri.

Iyo abantu biyemeje kuvugisha ukuri kandi bagakora ibihuje n'ibyo bavuga, imishyikirano bagirana n'abandi irushaho gushinga imizi kandi igashimisha.

Kuvugisha ukuri bihesha izindi nyungu. Muri zo harimo kugira umutima utagucira urubanza, kuvugwa neza, kugirirwa ikizere, haba mu muryango, mu nshuti zacu ndetse no mu kazi dukora. Gusa nanone nta wakwirengagiza ko ukuri guhora guhanganye n'ikinyoma kandi iyo ntambara ikaba itari hafi kurangira. Uko guhangana kwageze mu nzego zose z'imibereho y'abantu ndetse kugira n'ingaruka kuri buri muntu ku giti ke. Uburyo umuntu abaho bugaragaza uruhande arimo; niba ari umunyakuri cyangwa umunyabinyoma.

Impamvu zituma abantu babeshya ni nyinshi. Hakunze kuvugwa umururumba n'irari bishingiye ku bwikunde, gushaka gukira vuba, kwifuza kugira ububasha, cyangwa kuzamuka mu nzego badakwiriye.

Hari igihe kandi abantu batinya ko baramutse bavugishije ukuri byabagwa nabi cyangwa bigatuma abandi babibazaho. Ni ibintu bisanzwe mu bantu kwifuza gukundwa cyangwa kwemerwa n'abandi. Icyakora, icyo kifuzo cyo gushaka gushimisha abantu gishobora gutuma bagoreka ukuri, n'iyo byaba atari cyane, kugira ngo batwikire amakosa yabo, bahishe ibintu bidashimishije byababayeho, bashaka kugaragara neza mu maso y'abantu.

Aho ukuri gutaniye n'ikinyoma ni uko ikintu gishingiye ku kuri kiramba, ariko ibishingiye ku kinyoma bishira vuba. Banyeshuri rero muge mugendera kure ikinyoma kuko iyo ubeshye abantu bagutakariza ikizere, ukabura inshuti zagutabara mu gihe ugize ikibazo.

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Isosiyete
2. Imishyikirano
3. Gushinga imizi
4. Irari
5. Gutwikira amakosa

## Imyitozo ku nyunguramagambo

**Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko kugira ngo ugaragaze ko wayumvise.**

1. Uyu mugabo yamazwe n'... ku buryo afite ugushaka gukabije kw'ibintu, n'ibyo abonye ntibimunyura ahora yifuza ibirenzeho.
2. Uyu we buri gihe ... ibintu abiha ku bushake igisobanuro bidafite mu by'ukuri.
3. Urebye igihe kirekire yari amaze uyu musaza ................

4. Reka ... ngo ni uko navuze ko ari wowe wibye amafaranga y'abandi.
5. Ukuri kugomba ... maze ikinyoma kigakubitirwa ahakubuye.
6. Kubera kutumva ibintu kimwe, aba bagabo bahora ................
7. Kurya ibiryo bidafite ubuziranenge byamuteye ................

## B. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza mu magambo yawe bwite ibibazo byabajijwe ku mwandiko**

1. Minani atangira akazi yari mu kihe kigero?
2. Yakoraga iki?
3. Yagenderaga ku yihe ngengabihe?
4. Umuyobozi ushinzwe amahugurwa aje ku kazi yavumbuye iki?
5. Minani yitwaye ate mu bibazo yabajijwe n'umuyobozi we?
6. Imyitwarire ya Minani yamugiriye akahe kamaro?
7. Umuntu w'umunyakuri agaragara ate mu bandi?
8. Ni iki gitera abantu kubeshya?

## C. Kungurana ibitekerezo

Hari aho wari wahura n'ikibazo ukumva ari ngombwa ko ubeshya?

## D. Kujya impaka

Ari wowe Minani wari kumusubiza iki? Wari kubeshya cyangwa wari kuvugisha ukuri maze bagenzi be bagahura n'ingorane bigatuma bakwitwaraho umwikomo kuko wabareze? Kutavugisha ukuri se byo byari bikwiye?

## 6.6. Ikinyazina ndafutura

**Mwitegereze izi nteruro zakuwe mu mwandiko mumaze gusoma maze musubize ibibazo bikurikiraho.**

a) Bajyagayo iminsi ibiri mu cyumweru **indi** minsi bakajya ku kazi gasanzwe.
b) **Izindi** mpamvu zitera kubeshya ni ugushaka gukira vuba no kugira ububasha.
c) **Andi** makosa aba agamije gutuma bagaragara neza mu maso y'abantu.
d) **Abandi** banyeshuri barisohokeye bajya kwinezeza.

### Ibibazo

1. Aya magambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri ahuriye ku kihe gitekerezo?
2. Aya magambo ni bwoko ki?

### Inshoza y'ikinyazina ndafutura

**Mfashe ko:**

Ikinyazina ndafutura ni ijambo rijyana n'izina ariko ntirisobanure ku buryo bwumvikana uvugwa, abavugwa cyangwa ibivugwa.

### Amoko y'ibinyazina ndafutura

Ibinyazina ndafutura birimo amoko abiri: ikinyazina ndafutura kigufi n'ikinyazina ndafutura kirekire.

| Ikinyazina ndafutura **kigufi** | Ikinyazina ndafutura **kirekire** |
|---|---|
| **Indi** minsi bajyaga ku kazi gasanzwe. | **Izindi** mpamvu zitera kubeshya ni ugushaka gukira vuba no kugira ububasha. |
| **Andi** makosa aba agamije gutuma bagaragara neza mu maso y'abantu. | **Abandi** banyeshuri bari basohotse bajya kwinezeza. |

**Imbonerahamwe y'ibinyazina ndafutura.**

| Inteko | Ikinyazina ndafutura kigufi | Ikinyazina ndafutura kirekire |
|---|---|---|
| Nt.1 | undi | uwundi |
| Nt.2 | - | abandi |
| Nt.3 | undi | uwundi |
| Nt.4 | indi | iyindi |
| Nt.5 | - | irindi |
| Nt.6 | andi | ayandi |
| Nt.7 | - | ikindi |
| Nt.8 | - | ibindi |
| Nt.9 | indi | iyindi |
| Nt.10 | - | izindi |
| Nt.11 | - | urundi |
| Nt.12 | - | akandi |
| Nt.13 | - | utundi |
| Nt.14 | - | ubundi |
| Nt.15 | - | ukundi |
| Nt.16 | - | ahandi |

**Ikitonderwa:** Ibinyazina ndafutura byitwa kandi ibinyazina ndasigura.

## Umwitozo

Koresha ibi binyazina ndafutura mu nteruro wihimbiye: undi, indi, ayandi, ahandi, ukundi, iyindi, andi, akandi, ubundi, urundi.

**Mfashe ko:**

Ikinyazina ndafutura / ndasigura, ari ijambo rijyana n'izina ariko ntirisobanure neza abavugwa cyangwa ibivugwa.

**Nshoboye:**

Gukoresha ikinyazina ndafutura mu nteruro

## 6.7. Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni



Dukurikije uko abantu babona ibintu, akenshi usanga ubutabera bufatwa gusa nko kubahiriza amategeko nta kubogama. Ariko burya rimwe na rimwe ubutabera buzanwa no kumenya gushishoza ugashyira mu gaciro.

Kera habayeho umwami w'igihangange wo mu Bayisiraheli akitwa Salomoni. Imana yari yaramuhaye ubwenge n'ubuhanga kuko yari yarabiyisabye kugira ngo ashobore gutunganya neza imirimo yari ashinzwe yo kuyobora abaturage yamushinze, amenye gutandukanya ikiza n'ikibi. Yakundaga gukoresha iminsi mikuru agatumira abagaragu be akabagaburira akanabaha ibyo kunywa.

Umunsi umwe yakoresheje ibirori nk'ibyo, abagore babiri baza kumureba baburana umwana. Uwa mbere araterura ati:"Mwami wange, ndakwinginze ntega amatwi. Nturanye n'uyu mugore tukaba tubana mu nzu imwe. Mperutse kubyara umwana w'umuhungu. Hashize iminsi itatu na we abyara umuhungu. Mubyumve ko tubana mu nzu twembi, nta wundi

muntu tubana. Iri joro, umuhungu w'uyu mugore yapfuye azize ko nyina yamuryamiye. Hagati mu ijoro, yahengereye nsinziriye, arabyuka, afata umuhungu wange wari undyamye iruhande, amwimurira mu buriri bwe, afata umwana we wapfuye amuryamisha iruhande rwange. Mu gitondo nkangutse, ngize ngo ngiye konsa umwana wange, nsanga yapfuye. Hamaze gucya, nitegereje neza nsanga uwo mwana atari umuhungu wange nibyariye."

Akimara kuvuga atyo, wa mugore wundi atangira gusakuza avuga ati:"Ntabwo ari byo! Urabeshya umuhungu wange ni we muzima, uwawe ni we wapfuye!" Wa mugore watanze ikirego na we ati:" Ni wowe ubeshya! Umwana wawe ni we wapfuye, ahubwo rwose uwange ni we muzima." Ubwo umwami yakurikiye ibyo bavuga byose nta na kimwe cyamucitse. Barangije ni ko kubabwira ati: "Umwe muri mwe aremeza ko umwana we ari we muzima, ko uw'undi ari we wapfuye. Undi na we akemeza ko uw'undi ari we wapfuye uwe akaba ari muzima. None nibanzanire inkota." Inkota barayimuzanira. Ni bwo atanze itegeko ko umwana bamukatamo ibipande bibiri, umugore umwe agatwara igipande kimwe, undi agatwara ikindi. Nyina w'umwana ata umutwe kuko yakundaga umuhungu we cyane. Ni ko kubwira umwami ati: "Mwami wange, mbabarira! Aho kwica uwo mwana, nimumuhe uyu mugore ari muzima amwijyanire" Wa mugore wundi na we aranga ati:"Oya rwose nibamukatemo ibipande bibiri, bityo ntazaba uwawe cyangwa uwange."

Umwami yahise afata ijambo ategeka ko umwana bamuha umugore watanze ikirego kuko ari we nyina w'umwana. Aho abaturage ba Salomoni bamenyeye uko yakijije urwo rubanza barabimwubahiye cyane. Kandi ni mu gihe, Imana yari yaramuhaye impano yo kuba intabera.

## A. Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko maze uyakoreshe mu nteruro ziboneye wihimbiye:** kubogama, gushishoza, gushyira mu gaciro, guhengera, intabera.

## B. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko**

1. Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?
2. Ikibazo gihari ni ikihe?
3. Umwami yitwaye ate mbere yo gukemura ikibazo?
4. Yavumbuye ate ubeshya n'uvugisha ukuri?
5. Ubutabera bugaragarira he?

## C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Subiza ibibazo bikurikira**

1. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2. Vuga isomo ukuye muri uyu mwandiko.

## D. Kungurana ibitekerezo

Muri iki gihe tugezemo mwakwitabaza ubuhe buryo kugira ngo mukemure iki kibazo aba bagore bombi bari bafitanye?

## E. Ihangamwandiko:

Tekereza maze uvuge ubundi buryo umwandiko washoboraga kurangira butandukanye n'ubwo warangiyemo.

## Umukoro

Muhimbe agakinamico, muteganye umwami ushyikirizwa ikirego n'abagore babiri bari kuburana umwana. Umwami arashyikirizwa ikirego n'umwe mu bagore, ahamagaze mugenzi we hanyuma baburane.

## 6.8. Ikinyazina ngenera

**Soma izi nteruro zikurikira witegereze amagambo yanditse atsindagiye maze usubize ibibazo bikurikira.**

a. Umuhungu **w**'uyu mugore ni umuhanga mu ishuri.
b. Kera habayeho umwami **w**'igihangange **wo** mu Bayisiraheli akitwa Salomoni.
c. Salomoni yari yarahawe n'Imana imirimo yo kuyobora rubanda.
d. Imana yari yaramuhaye impano **yo** kuba intabera.
e. Abaturage **ba** Salomoni bamenye uko yakijije urwo rubanza barabimwubahiye cyane.

1. **Bene aya magambo yitwa ngo iki?**
2. **Iyo uyitegereje usanga yitwara ate mu nteruro cyanecyane ku mpera zayo?**
3. **Ibyo biba gihe ki?**

### Inshoza y'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera ni ijambo rigaragaza nyiri ikintu, nyiri ahantu, nyiri umuntu cyangwa nyiri igikorwa... rigahuza amazina abiri agaragaza iyo sano kandi yuzuzanya cyangwa izina n'inshinga iri mu mbundo byuzuzanya, izina n'ikinyazina nyamubaro, cyangwa izina n'itsinda ry'amagambo ritangirwa n'indangahantu. Gihuza kandi izina n'ikinyazina nyamubaro. Iyo witegereje ikinyazina ngenera usanga gishobora guherwa n'inyajwi ebyiri:-a na -o. Giherwa na a iyo gihuza amazina abiri cyangwa izina n'ikinyazina nyamubaro, kigaherwa na o iyo gihuza izina n'imbundo cyangwa izina n'itsinda ry'amagambo atangirwa n'indangahantu. Iyo gikurikiwe n'ijambo ritangirwa n'inyajwi, inyajwi yacyo irakatwa.

## Imiterere y'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera iyo gihuza amazina abiri cyangwa gihuza izina n'ikinyazina nyamubaro giherwa na a. Iyo gihuza izina n'imbundo cyangwa izina n'indangahantu giherwa na o.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibinyazina ngenera mu nteko zose.

### Imbonerahamwe y'ibinyazina ngenera

| Inteko | Ibinyazina | | Ingero |
|---|---|---|---|
| | Ibiherwa na a | Ibiherwa na o | |
| Nt.1 | wa | wo | Nyina **w**'umwana. Umwana **wo** konsa. |
| Nt.2 | ba | bo | Abaturage **ba** Salomoni. Abaturage **bo** kuyobora. |
| Nt.3 | wa | wo | Umurimo **wa** Salomoni. Umwenda **wo** guhingana. |
| Nt.4 | ya | yo | Imirimo **ya** Salomoni. Imirimo **yo** kuyobora abaturage. |
| Nt.5 | rya | ryo | Itegeko **rya** Salomoni. Itegeko **ryo** gukata umwana mo kabiri. |
| Nt.6 | ya | yo | Amagambo **y**'abagore. Amategeko **yo** gukurikiza. |
| Nt.7 | cya | cyo | Igihugu **cy**'Abayisiraheli. Icyaha **cyo** kwiba umwana. |
| Nt.8 | bya | byo | Ibirori **bya** buri mwaka. Ibirori **byo** kwakira abashyitsi. |
| Nt.9 | ya | yo | Inkota **ya** Salomoni. Impano **yo** kuba intabera. |
| Nt.10 | za | zo | Imanza **za** hato na hato. Imanza **zo** mu cyaro. |
| Nt.11 | rwa | rwo | Urubanza **rwa** mbere. Urubanza **rwo** muri Bibiliya. |
| Nt.12 | ka | ko | Akababaro **k**'umubyeyi. Akana **ko** mu jisho. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Nt.13 | twa | two | Utunono **tw**'inyana. Utuyuzi **two** mu rubibi. |
| Nt.14 | bwa | bwo | Ubuhanga **bwa** Salomoni. Uburyo bushya **bwo** guca imanza. |
| Nt.15 | kwa | ko | Ukuri **kwa** Salomoni. Ukwezi **ko** guca imanza. |
| Nt.16 | ha | ho | Ahantu **ha** kane. Aheza **ho** gutura. |

## Imyitozo

1. **Soma ibi bika bibiri maze utahure ibinyazina byose wize ubyuzuze mu mbonerahamwe.**

   Akimara kuvuga atyo, wa mugore wundi atangira gusakuza avuga ati:"Ntabwo ari byo! Urabeshya umuhungu wange ni we muzima, uwawe ni we wapfuye!" Wa mugore watanze ikirego na we ati:"Ni wowe ubeshya! Umwana wawe ni we wapfuye, ahubwo rwose uwange ni we muzima." Ubwo umwami yakurikiye ibyo bavuga byose nta na kimwe cyamucitse. Barangije ni ko kubabwira ati:"Umwe muri mwe aremeza ko umwana we ari we muzima, ko uw'undi ari we wapfuye. Undi na we akemeza ko uw'undi ari we wapfuye uwe akaba ari muzima. None nibanzanire inkota."Inkota barayimuzanira. Ni bwo atanze itegeko ko umwana bamukatamo ibipande bibiri, umugore umwe agatwara igipande kimwe, undi agatwara ikindi.

   Nyina w'umwana ata umutwe kuko yakundaga umuhungu we cyane. Ni ko kubwira umwami ati:"Mwami wange, mbabarira! Aho kwica uwo mwana, nimumuhe uyu mugore ari muzima amwijyanire." Wa mugore wundi na we aranga ati:"Oya rwose nibamukatemo ibipande bibiri, bityo ntazaba uwawe cyangwa uwange."

2. **Kora interuro ziboneye wifashishije ibinyazina wavumbuye muri ibi bika.**

3. **Tondeka neza aya magambo ku buryo ukora interuro iboneye:** abaturage-ibikoresho-by'-Porisi-inama-kuzimya-yo gutunga-Rwanda-ibanze-igira-y'u-byo-inkongi.

## 6.9. Mahoro Keziya yandikiye Rukundo




MAHORO Keziya                                  Gikondo, tariki ya 30/03/2016

Ikigo cy'amashuri cya Kinunga

Umurenge wa Gikondo

Akarere ka Kicukiro

Ku nshuti yange nkunda cyane Rukundo,

Nshuti nkunda Rukundo,

Uraho urakoma? Nange ndaho ndakomeye. Iwacu bose baraho kandi baragutashya. Bahora bakumbaza nkababwira ko nange amakuru

yawe ntayaheruka. Ngo bashimishwaga n'uburyo twafatanyaga mu masomo, tugakorera imikoro hamwe. Gusa ubu nabonye abandi bana dufatanya kwiga nimugoroba, ariko wowe waramfashaga cyane kuko wari uzi cyane indimi. Abo dusigaranye bose usanga mbarusha bikaba ngombwa ko ari nge ubasobanurira ariko nge simbungukiraho cyane.

Ikinteye kukwandikira rero ndagira ngo nkumenyeshe ko nzaza kubasura ejobundi ku wa kane nimugoroba. Sindamenya neza igihe nzakugereraho ariko ndateganya guhaguruka ino aha nka saa kenda n'igice. Nkumbuye bya bitaramo bya nijoro umusaza n'umukecuru baducira imigani. Uwo nibuka cyane ni wa wundi wa Maguru n'insibika. Ubantahirize cyane, mu gihe ntari nahagera ngo mbagwe mu nda.

Umbabarire rero nta makuru menshi mfite muri aka kanya. Nanditse nihuta cyane kuko nangaga ko Minani nshaka guha iyi baruwa anshika ntamugutumyeho.

Tashya bose, ni ah'ejo.

Uwawe utakwibagirwa,

MAHORO Keziya.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

**Musubize ibi bibazo byabajijwe ku ibaruwa.**

1. Uyu mwandiko ugamije iki?
2. Utaniye he n'indi myandiko yabanje nk'umwandiko "Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni"?
3. Umwandiko uteye utya witwa ngo iki?

### Inshoza y'ibaruwa isanzwe cyangwa ya gicuti

Abantu bagira uburyo bwinshi bwo guhanahana amakuru. Bashobora kuvugana imbonankubone, bashobora guhamagarana kimwe n'uko bashobora kwandikirana. Abantu bakunze kwandikirana iyo umwe ari kure y'undi. Umwana ashobora kwandikira umubyeyi cyangwa inshuti ye. Umubyeyi yakwandikira umwana we. Muri uko kwandikirana, uwandika aba akeneye kugira icyo abwire uwo yandikiye, kandi anakeneye ko uwo

yandikiye na we amusubiza muri ubwo buryo bw'inyandiko. Ikinyabupfura gitegeka uwandikiwe gusubiza uwamwandikiye. Urwo rwandiko abantu bandikirana umwe agezaho undi amakuru ye cyangwa ayamubaza, uwo abajije na we akamusubiza akoresheje inyandiko, ni rwo bita ibaruwa isanzwe cyangwa ibaruwa ya gicuti. Mu ibaruwa ya gicuti baba babwirana cyangwa babazanya amakuru. Indeshyo y'urwo rwandiko iterwa n'icyo uwandika akeneye kubwira uwo yandikira. Uwandika avuga ibimushimishije kimwe n'uko ashobora kuvuga ibimubabaje cyangwa ibimubangamiye, ibyo yabonye cyangwa ibyo yumvise, uko yiyumva, ibyo akunda n'ibyo yanga... Uwandika ibaruwa isanzwe yemerewe kuvuga byose ariko mu kinyabupfura, akandika ibitunganye.

**Gusesengura ibaruwa isanzwe: Ibice bigize ibaruwa isanzwe**

Dufatiye urugero ku ibaruwa Mahoro Keziya yandikiye inshuti ye Rukundo, dusanga ibaruwa ya gicuti ifite ibice bikurikira bigaragaza:

1. Uwandika n'aho abarizwa byandikwa hejuru mu nguni y'ibumoso bw'urupapuro. Muri make ibi umuntu yabyita "Uwandika n'aho abarizwa". Icyo gice ni iki gikurikira:

   MAHORO Keziya
   Ikigo cy'amashuri abanza cya KINUNGA
   Umurenge wa Gikondo
   Akarere ka Kicukiro

2. Aho ibaruwa yandikiwe n'itariki yandikiweho. Ibyo bijya hejuru mu nguni, iburyo bw'urupapuro. Icyo gice ni iki:

   Gikondo, tariki ya 30/3/2016

3. Uwandikiwe n'aho abarizwa bijya munsi ya aderese y'uwanditse. Icyo gice ni iki:

   Ku nshuti yange nkunda cyane Rukundo
   Umurenge wa Gatsata
   Akarere ka Gasabo

4. Amagambo ahamagara uwandikiwe nk'aho yamusabye guhu guka ngo yakire ubutumwa. Icyo gice cyandikwa munsi ya aderese y'uwandikiwe, kigaherwa buri gihe n'akitso, ni iki gikuriki ra:

> Nshuti nkunda Rukundo,

5. Munsi y'iki gice, haza igika gikubiyemo indamukanyo uwanditse aha uwo yandikiye n'amakuru make ku miterere y'ubuzima bwe n'ubw'umuryango. Icyo gice ni iki:

> Uraho urakoma? Nange ndaho ndakomeye. Iwacu bose baraho kandi baragutashya. Bahora bakumbaza nkababwira ko nange amakuru yawe ntayaheruka. Ngo bashimihwaga n'uburyo twafatanyaga mu masomo, tugakorera imikoro hamwe. Gusa ubu nabonye abandi bana dufatanya kwiga nimugoroba, ariko wowe waramfashaga cyane kuko wari uzi cyane indimi. Abo dusigaranye bose usanga mbarusha bikaba ngombwa ko ari nge ubasobanurira ariko nge simbungukiraho cyane.

6. Hakurikiraho igika cyangwa ibika bikubiyemo ubutumwa nyirizina. Ubwo butumwa bushobora kuba ari ubutanga amakuru, bushobora no kuba ari ubuyabaza. Aha buramenyesha uwandikiwe umunsi azasurirwaho n'uwamwandikiye, n'ibyo umushyitsi ateze ku nshuti ye. Ibi nta kinegu kirimo, uwandika yabigiriye ko uwo yandikira baziranye cyane kandi bakaba basanzwe ari inshuti. Icyo gice ni iki:

> Ikinteye kukwandikira rero ndagira ngo nkumenyeshe ko nzaza kubasura ejobundi ku wa kane nimugoroba. Sindamenya neza igihe nzakugereraho ariko ndateganya guhaguruka ino aha nka saa kenda n'igice. Nkumbuye bya bitaramo bya nijoro umusaza n'umukecuru baducira imigani. Uwo nibuka cyane ni wa wundi wa Maguru n'insibika. Ubantahirize cyane, mu gihe ntari nahagera ngo mbagwe mu nda.

7. Igika gisezera kirimo n'ibyiza uwandika yifuriza uwo yandikiye. Icyo gika ni iki:

> Umbabarire rero nta makuru menshi mfite muri aka kanya. Nanditse nihuta cyane kuko nangaga ko Minani nshaka guha iyi baruwa anshika ntamugutumyeho. Tashya bose, ni ah'ejo.

8. Umusozo w'ibaruwa n'umukono w'uwanditse. Icyo gice ni iki gikurikira:

> Uwawe utazakwibagirwa,
> MAHORO Keziya.

Uwandika ibaruwa yitwararika gusiga umwanya ibumoso n'iburyo bw'urupapuro kugira ngo uwakira ubutumwa abone aho afata abusoma atabuhishe n'intoki kubera kubufatamo. Ibaruwa yanditse neza ibamo ibika, ku buryo buri gitekerezo kiharira igika cyacyo. Buri gika gitangira umurongo. Hagati y'igika n'ikindi hasigara umurongo utanditsemo. Ibaruwa yanditse neza kandi iba ihumeka, ni ukuvuga ko utwatuzo tugomba gukoreshwa neza mu nteruro: akitso kagatandukanya ibice bibiri by'interuro, akabago kagatandukanya interuro ebyiri, akabazo kagasoza interuro ibaza, agatangaro kagasoza interuro itangara, cyangwa amarangamutima.

Byaba byiza hakoreshejwe interuro ngufi kuko zituma igitekerezo cyumvikana neza kurushaho.

Nimwitegereze imbata y'ibaruwa isanzwe iri ku ipaji ikurikiraho, muyishushanye, muyifate mu mutwe ku buryo muzajya muyubahiriza mu gihe cyose mukeneye kwandika ibaruwa isanzwe.

Uwandika n'aho abarizwa                                    Aho ari n'itariki.

Uwandikiwe n'aho abarizwa

Amagambo ahamagara uwandikiwe,

Igika gisuhuza

..................................................................................................................................
.......................................
..................................................................................................................................
.......................................

Igika cyangwa ibika bikubiyemo ubutumwa nyirizina

..................................................................................................................................
.......................................
..................................................................................................................................
.......................................
..................................................................................................................................
.......................................
..................................................................................................................................
.......................................
...............................................................................

Igika gisezera

..................................................................................................................................
.......................................
..................................................................................................................................
.......................................

Umusozo w'ibaruwa
Izina ry'uwanditse
Umukono w'uwanditse

## 6.10. Amagambo aranga igihe

**Itegereze izi nteruro maze utahure ingingo amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri abumbatiye.**

1. Nzaza kubasura **ejobundi ku wa kane nimugoroba.**
2. **Ubushize** ubwo mperuka aho karandyoheye.
3. Numva **ubutaha** ningaruka bizarushaho kuba sawa.
4. Kagufata mu nda iyo ukabyukiyeho **mu gitondo.**
5. Ndateganya guhaguruka hano n**yuma ya saa sita** nka **saa kenda n'igice.**
6. Nkumbuye bya bitaramo bya **nijoro**.
7. Nta makuru menshi mfite muri **aka kanya**.
8. Ni ah'**ejobundi.**

### Imyandikire y'amagambo aranga igihe

**Mfashe ko:**

Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: "**nimunsi**", "**nijoro (ninjoro)**", "**nimugoroba**", "**ejobundi**".

**Ingero:**

- Aragera ino **nijoro.**
- Araza **nimugoroba.**
- Yatashye **ejobundi.**

Ijambo "**munsi**" ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.

Amagambo "**ku**"**na** "**mu**" yandikwa atandukanye n'ikinyazina ngenera ndetse no mu magambo "**ku wa**" na "**mu wa**" abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi

**Ingero:**

- Sindiho **ku bwabo**
- Navutse **ku wa** 12 Ugushyingo.
- Azaza **ku wa** Mbere.
- Yiga **mu wa** kane.

Ijambo "**(i) saa**", rikurikiwe n'umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye

**Ingero:**

Abashyitsi barahagera saa tatu.

- I saa kenda nizigera ntaraza wigendere.

## Umwitozo

**Simbuza amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri andi magambo aranga igihe bivuga kimwe. Ukoreshe amagambo make ashoboka.**

1. **Hirya y'ejo** nzakubwira icyo nzaba naragezeho.
2. Turaza guhura **izuba rigeze ijuru hagati.**
3. Abantu baryama **bumaze guhumana.**
4. **Ubwo mperuka iwanyu** nagiye nishimye.
5. **Ubwo nzagaruka** nzasange mwarampishiye imineke.
6. Turagaruka **izuba rirenga.**
7. Uze **hatari hacya cyane.**
8. Yangezeho **ku gasusuruko.**
9. Nakangutse **mu gicuku.**
10. Ibyo byose byabaye **izuba riva.**

## Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

### Umwandiko: Ubufatanye n'ubwuzuzanye mu muryango

Kuvukira aheza ntako bisa. Kuvuka neza si ibya bose kuko isuku igira isoko, naho umwanda ukagira akazu. Ngayo amahirwe ndusha abaturuka ahandi nge wavukiye mu gihugu k'imisozi igihumbi, kirimo ibirunga kikaba gihorana amahumbezi. Igihugu keramo amaka n'amahore, aho bahura bagacyura, ababyeyi bagatega ingori buri munsi.

Nkivuka nasanze mama na data babana neza, bakunda abana babo, bakunda umurimo, bakunda umuco ubaranga, bakunda ukuri. Banga ubuhemu, banga mpemuke ndamuke. Badategereza ibitangaza bahinnye amaboko, badategereza umwijima ngo babone uko bajujubya abiyushye akuya, badategereza akimuhana kaza imvura ihise. Birinda kubeshya, birinda guhemuka, baharanira kuvuga rumwe n'abavandimwe, baharanira gufatanya n'inshuti. Uwo muco ndawutora, nkunda gutega amatwi ibiganiro byabo, nkabakurikira mu murima, iteka nkishimira kumva abandi bana bambwira ko ndi inkubaganyi

nigana ibyo data akora. Nterwa ishema no guherekeza uwambyaye mu bitaramo, no mu ruhame aho bamuhamagariye kunga inshuti, gukiranura abavandimwe cyangwa kuyobora ubukwe.

Uko data yabaga abyutse mu museso yizeye ko adusize mu bitotsi, narahagurukaga nkamurungurukira mu myenge y'urusika rwakingirizaga aho nararaga, nkabona afashe isuka aho yabaga imanitse nkumva ko agiye mu murima. Mama yabaga atamutanze kubyuka, bakabadukira rimwe, we agafata ikibindi nkumva ko agiye ku iriba kuko yahindukiraga ikibindi acyujuje amazi. Yamara kugitura agafata imyeyo amaze gutereka inkono ku mashyiga no kumbyutsa ngo nshanire. Ubwo ku mutima nkibwira ko abagore ari bo bavunika cyane kuko nyuma y'iyo mirimo yose no kutugaburira ibiryo bihiye, mama yafataga isuka agasanga data mu murima amushyiriye n'impamba. Bikantera kwibaza niba data ashobora kuvoma, cyangwa kwikorera ikibindi ntakimene, dore ko ntari nakamubonye akora uwo murimo numvaga ari uw'abagore gusa.

Nkibaza impamvu mama ari we uteka wenyine buri gihe, data yiyicariye kandi na we ntacyo byari kumutwara, ndetse ibiryo bigashya nta ngorane ahuye na zo. Sinibuka umunsi, imvura yaragwaga mama arwaye, aryamye hafi y'amashyiga, ge n'abavandimwe bange bankurikira dupfumbase amashyiga kuko umuriro wari mu ziko wari muke cyane, mbona data afashe inkono arayoza ayitereka ku mashyiga, ashyiramo amazi n'ibiryo, nyuma yicara mu mwanya mama yicaragamo atetse, aracanira, ibyo kurya bihiye aratugaburira. Kuva uwo munsi numva ko umuntu ari nk'undi, ko batandukanywa gusa n'umuteto. Ubwo mpita ntinyuka kubaza data niba ubusanzwe hari abagabo bateka kandi bakarurira abana n'umugore. Icyo kibazo cyange kirakaza mama aho aryamye maze anyuka inabi, ati:"Sigaho kurimanganya wa nshyomotsi we!" Ubwoba n'ikimwaro bimfashe nitegereza data wamaze umwanya yiyumvira. Ni ko kumbwira mu ijwi ryoroheje ariko ritari ryiza ati:"Ikibabaza umubyeyi wese ni ukubyara utazageza ingobyi imugongo kuko umuntu amenya uko yaruhije abamubyaye iyo yaruhijwe n'abo yabyaye. Narababyaye namwe muzabyare."

Umunsi umwe guhogorora byahuriranye n'ishya ry'ibigage, dutumira

inshuti n'abavandimwe. Ku badufashije mu burwayi bwa mama twongeraho abasheshe akanguhe bo mu muryango wacu, uruhembo rujyana n'umuganura. Abari aho bamaze gushira inyota data aterura ijambo ashimira abamufashije umugore we arwaye, arisoza yifuza ko ejo hazaza ubwo bufatanye bwasugira bugasagamba mu bantu. Uko abatumirwa bagenda bakuranwa mu magambo basubiza imvugo yabanje, bose bakagusha ku gitekerezo kiza cyo kwibuka gushimira uwabanje ubuntu n'ineza kimwe no gutura abakuru umuganura bakishimira uwo mutima mwiza w'ababyeyi bange, babifuriza kuzasiga uwo muco utamwaye mu bato. Imyaka nari mfite ntiyanyemerega gufata ijambo imbere y'iyo mbaga, bituma ndifatira mu mutima wange nibaza impamvu abari aho bose banezerewe.

Byavuye mu gitabo cya RUGEMA, A., *Rwemerikije, ibuye si umugati,* Urup. 5 — 13.

**I. Inyunguramagambo**

**1. Iyo bakoresheje izi mvugo zikurikira wumva iki?**

a. Isuku igira isoko.
b. Umwanda ugira akazu.
c. Igihugu gihorana amahumbezi.
d. Amaka n'amahore.
e. Mpemuke ndamuke.
f. Badategereza umwijima ngo babone uko bajujubya abiyushye akuya.
g. Badateze akimuhana kaza imvura ihise.
h. Kunga inshuti.
i. Ubwo data yabaga atereye ikirago mu museso.
j. Bakabadukira rimwe.
k. Inshyomotsi.
l. Aterura ijambo.

**2. Shaka mu mwandiko imbusane z'aya magambo.**

Gupfa, ibyago, kurumba, gucyura (amatungo), kwanga, ikinyoma, ikimwaro, ahihishe, gutandukanya, kugaragaza, kuryamisha

3. **Tanga impuzanyito z'aya magambo:**
   a. Isoko
   b. Ishema
   c. Kubyara
   d. Kwijajara
   e. Ikiniga

4. **Simbuza amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri ijambo rimwe bisobanura kimwe.**
   a. Ababyeyi **bagatega ingori** buri munsi.
   b. Badategereza ibitangaza bizaza **bahinnye amaboko.**
   c. Baharanira **kuvuga rumwe** n'abavandimwe.
   d. Nkunda **gutega amatwi** ibiganiro byabo.
   **e. Ibyo kurya** bihiye aratugaburira.
   f. Ikibabaza umubyeyi wese ni ukubyara **utazageza ingobyi imugongo.**
   g. Bose bibuka gushimira **uwabanje ubuntu n'ineza.**
   h. Ku badufashije mu burwayi bwa mama twongeraho **abasheshe akanguhe** bo mu muryango wacu.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uvuga muri uyu mwandiko ari mu kihe kigero?
2. Ni iki yiratira abandi?
3. Ni izihe ndangagaciro zarangwaga mu muryango yavukiyemo?
4. Ni uwuhe muco akomora ku babyeyi be?
5. Ni iyihe mirimo yakorwaga muri uyu muryango?
6. Abagize uyu muryango bubahiriza izihe gahunda za Leta?
7. Abagize uyu muryango babanye bate n'abaturanyi babo? Bigaragazwa n'iki?
8. Umwandiko urangira ute?
9. Kuri wowe, iyi nkuru yabereye mu kihe gihugu? Kuki?
10. Uwahimbye uyu mwandiko yari agamije iki? (gusaba abantu kuba inyangamugayo, gukunda umurimo no gufashanya kw'ibitsina byombi,
11. Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye mu birebana n'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi?

## III. Ikibonezamvugo

1. **Tahura ibinyazina biri mu mwandiko umaze gusoma ubitandukanye mu bwoko bwabyo ubishyira mu mbonerahamwe.**
2. **Soma interuro zikurikira maze usubize ibibazo wabajijwe.**
   a. Nge navukiye mu gihugu k'imisozi igihumbi.
   b. Igihugu keramo amaka n'amahore.
   c. Kuva uwo munsi numva ko umuntu ari nk'undi.

**Amagambo ari mu nyuguti z'igikara tsiriri ni bwoko ki? Kuki yanditse gutya?**

## IV. Ihimbamwandiko

Andikira inshuti yawe uyibwira umwandiko wagushimishije mu gitabo cy'umwaka wa gatanu w'amashuri abanza n'impamvu cyagushimishije. Urangize umugira inama yo gukunda gusoma unamwumvisha akamaro kabyo.

# Imyandiko y'inyongera

## Imwe mu mihango y'Abanyarwanda mu mezi ya Kinyarwanda

Mu mpera z'ikinyejana cya cumi na gatanu, umwami Nsibura Nyebunga na nyina Nyiransibura, bafatanyije n'Abanyarwanda barwaniraga ingoma, bateye u Rwanda bafata ingoma y'ingabe, yari Rwoga icyo gihe, bica umwami Ndahiro Cyamatare, umugabekazi n'abandi bakobwa bose b'ibwami. Ibyo byabereye mu Kingogo, aho bise i Rubi rw'i Nyundo no mu Miko y'Abakobwa ari mu kwezi kwa Gicurasi. U Rwanda rurubama, abanzi bararuyogoza, abantu barashira, abasigaye bakuka umutima, bata umuco, imihango iribagirana, ibyiza biratuba, ibibi biratubuka.

Nyuma y'imyaka cumi n'umwe muri ayo makuba, abiswe "Abaryankuna" bazanye "umutabazi" Ruganzu Ndoli bamuvanye i Karagwe kwa nyirasenge Nyabunyana. Ubwo yima ingoma yunamura u Rwanda, arwirukanamo abanyamahanga, ahorera se. Kuva ubwo, Abanyarwanda batangira kwibuka buri mwaka urupfu rw'umwami Ndahiro Cyamatare n'abantu be mu "mihango y'Icyunamo cya Gicurasi." Uko kwezi kose, Abanyarwanda bakaba mu cyunamo, nta bukwe butaha, nta byishimo bibaho, ingoma zaracecetse, amapfizi yaravanywe mu nka.

Nyuma y'imihango ya Gicurasi, mu mboneko za Kamena, ni bwo bakoraga "Imihango yo gukura Gicurasi", ari byo bitaga "kunamuka" basohoka mu cyunamo k'icuraburindi rya Gicurasi. Iyo mihango yamaraga umunsi wose igakurikirwa n'icyo bitaga "ibirori bya Kamena." Abantu bagakomorerwa bakongera kwishima, ingoma zikongera kuvuga, ubukwe bugataha... Ibyo byishimo bikajyana no kwitegura imihango y'umuganura yakorwaga muri Nyakanga. Buri mwaka, bitangiriye ibwami, hakaba imihango yo kwibuka ibirori byabaye mu gihe cyo gusangira umutsima w'amasaka n'uburo byasaruwe bwa mbere u Rwanda rumaze "kunamuka" no "kwibohora." Byabaga ari nko gushimira Imana n'abakurambere ndetse n'Abatabazi, Ruganzu Ndoli n'Abaryankuna, bagize uruhare mu kuvana u Rwanda muri rya curaburindi ubwo igihugu cyari cyoramye, bisa nk'aho cyari cyaraguye mu kuzimu, kikaza kuzuka.

Imihango y'Umuganura yayoborwaga n'abiru b'Abatsobe ari bo bari bakuru, ab'Abambogo bo kwa Musana n'abo kwa Myaka. Abiru bo kwa Musana ni bo, muri Nzeri, babibaga imbuto z'umuganura (amasaka n'uburo) babaga bavanye ibwami muri Kanama. Ayo masaka, bitaga "amahore", yeraga muri Mutarama cyangwa Gashyantare. Abambogo bakayavanga n'uburo bakavugamo umutsima witwaga "umurorano", akaba ari wo umwami aryaho ategura "umuganura" nyirizina muri Nyakanga.

Iyo mihango yo muri Mutarama yamaraga gushira, muri Gashyantare Abambogo bakaza ibwami gufata "igitenga", igitebo kinini cyabaga cyubashywe cyane cyavaga ibwami kikajyanwa i Bumbogo, kikaba ari cyo bazazanamo amasaka y'umuganura ibwami yabaga yeze muri Kamena na Nyakanga, ari yo bitaga amaka. Igitenga cyagendaga iteka kivugirwa n'ingoma, kikakirwa neza aho giciye hose, utacyubashye akicwa cyangwa akanyagwa. Muri iyi mihango yo muri Nyakanga, umwami ubwe ni we watekeraga Rubanda, by'umuhango, akarika, inkono yatura agaturira, akavuga umutsima, akagabura, agaha abatware na bo bakajya kugaburira ingabo zabo, maze u Rwanda rwose rugasangira kivandimwe.

Iyi mihango yashushanyaga kuvuka, gupfa no kuzuka kwa buri mwaka kw'ibintu byose n'abantu. Mu Rwanda, ukuvuka gutangirana n'umwaka muri Nzeri, byagera muri Gicurasi, isi igasa nk'iyubamye, yageze mu kuzimu, muri Kamena hagatangira icyunamuko, kijyana n'ibyishimo by'umuganura, dushimira Imana n'Abakurambere kuzageza mu mpeshyi muri Nyakanga na Kanama.

## Inyamaswa zigabana umuhigo

Umunsi umwe, inyamaswa zirya inyama zahigiye hamwe nuko zica impongo. Mu gihe cyo kugabana, intare iza kubona ko zose nizifataho itari buhage. Nuko itumira izindi nyamaswa zirimo n'izitarya inyama, kugira ngo ize kuzirira. Mu nyamaswa zahageze zitarya inyama harimo bakame.

Izindi zo zumvise intare izitumira mu nama, zirakeka ziti:"Buriya natwe irashaka kuturya." Nuko aho kujya mu nama zirahunga.

Ubwo inyamaswa zirya inyama zari zagize uruhare mu muhigo zari zateranye, zirimo warupyisi, ingwe, n'imbwembwe.

Nuko intare ibwira warupyisi, iti:"Gabanya izi nyama sha Warupyisi!"

Warupyisi rwose n'ubwo yari izwiho ubusambo, yagerageje kugabanya neza inyama. Ibanza gufata itako iti: "Iri ni iry'umwami nyiri ishyamba." Ifata n'umutima n'umwijima ndetse n'impyiko, iti:"Izi ni iz'umwami nyiri ishyamba."

Ahasigaye na yo yikurikizaho, ifata akaguru, igashyira ku ruhande iti: "Aka ni akange." Ifata akaboko iti:"Aka ni aka Rwara rw'umugara": ingwe. Ifata akandi kaboko igatererera imbwebwe. Ahasigaye inyama zo mu nda na zo igenda izongera ku zo yari yageneye buri nyamaswa. Igeze ku nkoro iyisaturamo ibice bitanu. Iravuga iti: "Kubera ko inkoro iryoha, buri nyamaswa irabonaho agace."

Ubwo intare umwami w'ishyamba aho yari iri, yari irimo guhekenya amenyo, yarubiye. Nuko mu gihe Warupyisi itararangiza, irayisimbukira, iyikubita ijanja mu jisho irarimena.

Ifata za nyama yongera kuzirunda, iti: "Nihagire undi ugabanya izi nyama neza. Warupyisi ni igisambo. Nta kuntu yatugabanya uko bikwiye."

Izindi nyamaswa zose zari aho zigira ubwoba. Zitinya kugabanya izo nyama.

Aho bigeze, intare ibwira bakame, iti:"Gabanya izi nyama sha, kera nari nkuziho ubugabo." Nuko Bakame iratangira ifata inkoro iti: "Izi ni iz'umwami kuko inkoro iribwa n'umugabo igasiba undi". Ifata amaguru

yombi n'amatako, iti:"Izi ni iz'intare Rutontoma umwami nyira ishyamba. Ifata umutima n'umwijima n'impyiko, iti:"Izi ni iza Rwabwiga, umwami nyir'ishyamba." Nuko intare ibibonye iraseka, iti: " Sha Bakame wigiye he kugabanya? " Bakame iti: "Nabyigishijwe na ririya jisho rya Warupyisi rinagana." Nuko intare irayibwira, iti:

"Noneho genda ufata izisigaye uhereza izo nyamaswa zindi."

Nuko ya ntare yihengekana imihore, izindi nyamaswa zisigara ziguguna amagufwa.

Havamo ingwe, irazanga, ijya kwihigira inyamaswa yayo. Ariko guhera ubwo inyamaswa zose zizira Bakame, aho ziyibonye zirayihiga.

Nguko uko Bakame yatangiye guhigwa n'inyamaswa zose zirya inyama kuko yatinye ijisho ry'intare iburizamo izindi nyamaswa.

Si nge wahera hahera umugani.

# Amagambo mashya yakoreshejwe muri iki gitabo

**Abakurambere:** Abasokuruza cyangwa abantu babayeho kera.

**Abantu bari barakigize indahiro:** Baragitinyaga cyane kubera ubugiranabi bwacyo

**Abanyarwanda ni bene mugabo umwe:** Abanyarwanda ni abavandimwe.

**Agakingirizo:** Agakoresho koroherey e bambika igitsina kugira ngo abakora imibonano mpuzabitsina batandura indwara cyangwa hakabaho gutwara inda.

**Akabande:** Ahantu hashashe munsi y'umusozi.

**Akaga:** Ibyago bikomeye.

**Akarenze umunwa karushya ihamagara:** Iyo uvuze ijambo ridakwiye ntushobora kurigarura ahubwo utangira kugorwa no gutanga ibisobanuro ku cyo wavuze.

**Amakimbirane:** Amahane, ubwumvikane buke.

**Amakoro:**Amaturo kera bajyanaga ibwami cyangwa mu bandi bantu bakomeye

**Amanjwe:** Amagambo adafite agaciro, amatiku.

**Amarangamutima:** Ikimenyane, ugutonesha guterwa n'isano ufitanye n'umuntu.

**Ashyira nzira:** Atangira urugendo, arahaguruka aragenda.

**Azarengere:** Azatabare.

**Barikubura barataha:** Barahaguruka, basubira iwabo.

**Bene ako kageni:** Gutyo, muri ubwo bwuryo.

**Busunzu:** Irindi zina rihabwa ingona.

**Bwangu:** Vuba bidatinze.

**Gatumura:** Ni ubwoko bw'ibihumyo (ibyoba) byibumbabumbye bitumuka ivumbi iyo ubikubise cyangwa se ubiteye umugeri.

**Guca ibintu:**Kugira nabi, kwangiza, kugira ibikorwa bibi.

**Guca inyuma uwo mwashakanye:** Gukorana imibonano mpuzabitsina n'undi muntu mutashakanye rwihishwa.

**Guca iteka:** Gutanga itegeko k'umwami.

**Guca ukubiri n'ikintu:** Kukigendera kure, kutagikora.

**Gufata umwanzuro:** Gutanga igisubizo ku kibazo kiganirwaho.

**Guhaba:** Kuyoba cyane, kutamenya aho uri.

**Guhara ishema:** Guta agaciro, gusubira inyuma, guta agaciro

**Guhengera:** Gucunga.

**Guhezwa:** Kwigizwayo, gukumirwa, guhabwa akato.

Guhohotera: Gukorera umuntu ibikorwa bibangamira uburengnzira bwe.

**Guhondobera:** Gusinzira kubera ubushyuhe.

**Guhwitura:** Gukosora umuntu ugamije kumwibutsa ibyo ashinzwe gukora

**Gukanira:** Guhambira ugakomeza cyane.

**Gukiranura:** Kuvuga ufite ukuri.

**Gukorera mu bwiru:** Kutagaragaza neza ibyo ukora, guhishahisha ibintu ntubishyire ku mugaragaro.

**Gukubita ku mutwe:** Kwikorera.

**Gukuka:** Kuva ku mugezi kunywa amazi ku nka cyangwa izindi nyamaswa.

**Gukumira:** Kubuza ikintu kuba..

**Gusabwa n'ibyishimo:** Kugira ibyishimo byinshi bikagaragarira ku maso no mu byo ukora.

**Gushinga imizi:** Gukomera cyane bitanyeganyaga.

**Gushira amakenga:** Gutinyuka, gushira ubwoba

**Gushira amatsiko:** Gusobanukirwa uko ibintu byagenze, kumenya neza inkomoko y'ikintu.

**Gushisha:** Kubyibuha cyane.

**Gushishikara:** gukora ikintu ukitayeho.

**Gushishoza:** Banza ushishoze mbere yo kwemeza ufite ukuri.

**Gushoka:** Kujya kunywa amazi ku nka cyangwa izindi nyamaswa.

**Gushwitura ibirondwe:** Gukura ibirondwe ku nka.

**Gushyira mu gaciro:** Kugira ngo babashe gukemura ibibazo by'abaturage abayobozi baba bagomba bushyira mu gaciro.

**Gusimbuka makeri:** Umukino bakora basutamye bagasimbagurika nk'igikeri.

**Gutahiriza umugozi umwe:** Gukorera hamwe, kugira intego imwe.

**Gutahura:**Kuvumbura.

**Gutamiriza:** Kwambara umutako mu ruhanga cyangwa mu ijosi.

**Gutamirizwa:** Kwambikwa imitako.

**Gutirimuka:** Kuva ahantu hashize akanya gato.

**Gutunga ugatunganirwa:** Gutunga bikaguhira, ukabigiramo ibyishimo n'umunezero, mbese ukabigiramo umudendezo.

**Gutura ibyemezo hejuru y'abantu:** Kugeza ku bantu ibyo bagomba gukora utabanje kubabaza icyo babitekerezaho.

**Ibigango:** Ingufu, imbaraga z'umubiri.

**Ibihangano:** Ibintu byaturutse mu bwenge n'ibikorwa by'umuntu.

**Ibikorwa remezo:** Ibikorwa bigamimije kubaka igihugu kugira ngo imibereho y'abantu irusheho kuba myiza. Mu bikorwa remezo habarirwamo nk'imihanda, amazi, amashanyarazi,...

**Ibirondwe:** Udusimba tuba ku nka n'andi matungo tukayanyunyuzamo amaraso.

**Ibuguma:** Inka ishaje cyane.

**Ifuku:** Agasimba kujya kumera nk'imbeba ariko kayiruta ho gato, gacukura umwobo muremure mu butaka akaba arimo kaba. Gakunda konona imyaka kuko kaguguna imizi y'ibihingwa cyanecyane ibyerera mu butaka nk'ibijumba.

**Igenzuramikorere:** ibikorwa byo gukurikirana uko imirimo ikorwa.

**Igitambambuga:** Umwana muto.

**Igitonyanga mu nyanja :** Utuntu  duke cyane.

**Ihazabu:** Amafaranga acibwa mu rukiko nk'igihano cy'umuntu wakoze icyaha.

**Ikimasa:** Inka y'ingabo.

**Ikinani:** Ahantu hadahinze haraye hakamera ibyatsi n'ibihuru.

**Ikinege:** Umwana wavutse ari wenyine mu muryango.

**Ikivunge:** Abantu benshi.

**Ikiza:** Icyago giterwa n'imvura nyinshi cyangwa izuba ryinshi, umuyaga mwinshi cyangwa indi mihindagurikire y'isi.

**Imibavu:** Ubwoko bw'amavuta ahumura umwuka wayo ugatama hose.

**Iminyago:** Ibintu byasahuwe, byafatiwe ku rugamba.

**Imishinga:** Ibikorwa biteganyijwe bigomba amafaranga kugira ngo bitungane.

**Impamba:** Ibiryo umuntu yitwazaga ari ku rugendo rwa kure. Muri iki gihe abantu basigaye bitwaza amafaranga.

**Impano:** Ibintu bitangwa ku buntu mu rwego rwo gushimisha umuntu.

**Impanuka:** Icyago kiza kidateguje.

**Impanuro:** Inama ugirwa n'umuntu ugukuriye cyangwa ukurusha kuba inararibonye.

**Impinduramatwara:** Imikorere mishya, uburyo bwo gukora butandukanye n'ubwari busanzwe.

**Impundu:** Ni akamo k'ibyishimo bavuza kubera ikintu kiza gikozwe mu gihe k'ibirori cyanecyane ubukwe cyangwa mu kwakira umuntu bamugaragariza ko bamwishimiye. Mu muco nyarwanda, impundu zivuzwa n'abagore.

**Impuzu:** Imyenda ya kera yakorwaga mu bishishwa by'ibiti, cyanecyane imivumu.

**Impwempwe:** Ubwoya abantu bakuru bamera mu gatuza.

**Inshuke:** Abana bakiri bato bakiva ku ibere.

**Inda y' uburiza:** Inda ya mbere.

**Indangagaciro:** Imigenzereze myiza, ibikorwa byiza umuntu ahamagarirwa gukora.

**Ingamba:**Ibyemezo bifatwa mu rwego rwo guharanira kugera ku kintu runaka.

**Ingengo y'imari:** Umubare w'amafaranga igihugu giteganya gukoresha mu gihe runaka.

**Inkombe:** Ubutaka bukora ku mugezi bukarinda amazi guta inzira yayo.

**Inkongi:** Umuriro ugurumana.

**Insimburangingo:** ibyuma cyangwa ibindi bikoresho bisimbura urugingo rw'umubiri rwatakaye.

**Insumba:** Inka y'ingore.

**Insya:** Ubwoya abantu bakuru bamera ku gitsina.

**Intabera:** Umuntu utabogama, ukoresha ukuri.

**Intaho:** Aho umuntu aba.

**Intanga:** Ingirabuzima fatizo zikorwa n'imyanya ndangagitsina zivamo abana; bivugwa no ku nyamaswa.

**Inyangamugayo:** Umuntu w'indahemuka kandi uvugisha ukuri akanashyira mu bikorwa ibyo yiyemeje.

**Inyoroshyo:** Ruswa.

**Inyunganirangingo:** Ibyuma cyangwa ibindi bikoresho bifasha umuntu ufite ubumuga mu kumwunganira ku ngingo z'umubiri zidakora neza.

**Iperereza:** Ikurikiranwa ry'ibyabaye habazwa ababibonye biba, hanegeranywa ibimenyetso.

**Ipiganwa:** Guhangana mu biciro hagatsinda urushije abandi.

**Ipiganwa:** Irushanwa rigamije kugaragaza urusha abandi ubushobozi mu kintu runaka

**Ishwima:** Inyoni zikunda kurya ibirondwe biba biri ku nka.

**Ishyo:** Inka nyinshi.

**Isuzuma:** Igenzura rigamije kureba amafaranga yakoreshejwe.

**Itadowa:** Agatara gakozwe mu bikombe byavuyemo sositomati, karimo urutambi, katagira ikirahure, gacumba umwotsi mwinshi iyo gacanye.

**Itsinda:** Ihuriro rinini cyangwa rito ry'abantu biyemeje gukorera hamwe.

**Itumanaho:** Ni uguhanahana amakuru n'ubutumwa butandukanye hagati y'abantu.

**Izina ryange rizwi neza hose:** Abantu bose banziho ibyiza.

**Izungura:** igikorwa cyo kwegukana uburenganzira n'inshingano ku mitungo yasizwe n'ababyeyi bawe.

**Kizimyamwoto:** Igikoresho kifashishwa mu kuzimya umuriro, mu gihe hari ahahiye.

**Kotsa umuntu igitutu:** Kumuhatira gukora ikintu.

**Ku bizigira:**Igice cy'akaboko hagati y'inkokora n'urutugu.

**Kubangatana:** Guterura ikintu kikurusha ingufu ukagenda wunamirije.

**Kubera ibamba:** Kwanga ikintu ugatsemba, gutsimbarara.

**Kubera:** Gutanga amanota umuntu atakoreye.

**Kubererekera:** Kuvira mu nzira.

**Kubogaboga:** Kuzura kugera ku rugara, kuzura cyane ugasendera.

**Kubogama**: kudakoresha ukuri, kujya ku ruhande rw'uri mu makosa.

**Kuburagiza:** Kuburabuza.

**Kudaheza:** Kutagira uwo wigizayo, uwo ubuza amahirwe abandi bafite.

**Kudindira:** Kudatera imbere.

**Kudogagira:** Kugenda buhoro kubera intege nke.

**Kugabana inka:** Kugabirwa inka.

**Kugaruka bwangu:**Kugaruka vuba, kudatinda aho wari ugiye.

**Kugisha inama:** Gusaba ko abantu baguha ibitekerezo ku kintu runaka.

**Kugishisha inka:** Ni ukuzijyana ahantu kure hari ubwatsi zikamarayo igihe.

**Kuvutsa ubuzima:**Kwica.

**Kumukura:**Kumusimbura.

**Kumurika:** Kwerekana.

**Kuniganwa ijambo:** Kudahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo, wo kugira icyo uvuga ku bibazo biriho.

**Kurabukwa:** Kubona by'akanya gato, gukubita amaso.

**Kuraga:** Kuvuga ijambo cyangwa ugakora inyandiko ivuga uko umutungo wawe uzakoreshwa nyuma y'urupfu rwawe.

**Kuraguza:** Ni ukujya kubaza umupfumu ibyo udasobanukiwe bijyanye n'ibikubaho cyangwa ibizakubaho birenze ibyo twe tubona. Abajya kuraguza baba bizera ko abapfumu bafite ububasha bwo kumenya ibizaba.

**Kureba igitsure:** Kureba umuntu nabi umwereka ko utishimiye ibyo avuga cyangwa se akora.

**Kurimanganya:**Kuriganya, kutavugisha ukuri.

**Kurohama:**Kugwa mu mazi ugaheramo.

**Kurondogora:** Kuvuga byinshi ukavuga n'ibidakenewe.

**Kurorongotana:** Kugenda uyobagurika kubera ko utazi iyo ujya.

**Kuvubura:** Gusohokamo amatembabuzi.

**Kuvuga ni ugutaruka:** Kureka ingingo waganiragaho itararangira ugafata indi.

**Kuzimira:** Kubura ntiwongere kuboneka.

**Kuziririza:** Kuba utemerewe gukora ikintu, kukirya, kukica.

**Kuzungura :** Gusimbura umuntu.

**Kwamamaza:** Ni ukuranga ibicuruzwa byawe ubitaka kugira ngo wongere umubare w'ababigura.

**Kwambarana:** Gutizanya imyenda umwe akambara iy'undi.

**Kwanika amagufa:** Kunanuka cyane.

**Kwifureba:**Kwifubika

**Kwihirika:** Gushira kw'iminsi.

**Kwikoma isazi:** Gukubita isazi ikuguyeho.

**Kwikurugutura:** Kwishyira urutoki mu gutwi ukuzibura kugira ngo wumve neza.

**Kwimika:** Gushyira imbere, guha agaciro gakomeye.

**Kwirara:** Kumva ko nta kibazo ushobora kugira ntugire icyo witaho cyangwa uteganya.

**Kwisuzumisha:** Kujya kwa muganga akagenzura ko utanduye indwara cyangwa ko utasamye inda.

**Kwitura ineza:** Gukorera neza umuntu ikintu kiza kubera ko na we yakugiriye neza mu gihe cyashize.

**Kwitwararika:** kwigengesera ngo utagira ibyo wangiza.

**Kwizitura ineza:** Gukorera umuntu ikintu kiza kubera ko na we yakugiriye neza mu gihe cyashize.

**Mataraga:** Mazima atarwaye.

**Mugikungahaze:** Mugiteze imbere.

**Nta mpungenge:** Nta guhangayika, nta bwoba.

**Ntawuduhutaza:** Ntawudusagarira.

**Turatekanye:** Dufite amahoro.

**Tutishishanya:** Tudatinyana.

**Ubucakwaha:** Ubwoya abantu bakuru bamera mu kwaha.

U**bucuruzi bwa magendu:** Ubucuruzi butemewe n'amategeko.

**Ubudahangarwa:** Ububasha umubiri ufite mu kurwanya indwara.

**Ubudakemwa:** Ukutagira ikibi kikugaragaraho cyangwa ukekwaho.

**Ubugeni:** Umwuga wo gukora ibintu binogeye amaso cyangwa ibihangano binogeye amatwi.

**Ubuhemu:** Igikorwa cy'ubugiranabi ugiriye uwakugiriye neza.

**Ubukambwe:** Ubusaza, igihe k'iza bukuru ku mugabo.

**Ubukangurambaga:** Ibiganiro byumvisha abantu ububi bw'ikintu kandi bibakangurira kukirinda.

**Ubukorikori:** Umwuga wo gukora ibintu bitandukanye ubikoresheje intoki.

**Ubumuga:** Imiterere y'umuntu ufite ubumuga ku mubiri cyangwa mu mutwe.

**Uburezi budaheza:** Uburezi butavangura abana, bose bakigira hamwe baba abafite ibibazo baba n'abatabifite .

**Uburondwe:** Udukoko tuba ku nka tukayinyunyuza amaraso.

**Ubushobozi kamere bw'umubiri:** Ububasha umubiri ufite mu kurwanya indwara wo ubwawo.

**Ubusugire bw'igihugu:** umutekano, imiyoborere itavangiwe n'ibindi bihugu.

**Ubuziranenge:** Ukuba nta ibintu nta bwandu bifite ari bizima nta we byagirira nabi

**Ubuziranenge**: Ukuba nta ibintu nta bwandu bifite ari bizima nta we byagirira nabi

**Ubwenegihugu:** Uburenganzira umuntu aba afite ku gihugu kimwemera nk'umuturage wacyo.

**Ukuri guca mu ziko ntugushye:** Ukuri kunyura mu bintu bikomeye ariko kukageraho kukakirwa; ukuri ntushobora kugupfukirana, ukuri kuratsinda.

**Umucakara:**Umugaragu, umuntu ukoreshwa imirimo y'agahato kandi adahembwa.

**Umudendezo :** Amahoro asesuye.

**Umugenga:**Umuyobozi.

**Umurunga:** Umugozi ukomeye wo guhambiriza.

**Umuryango w'Abibumbye:** Ni umuryango ubumbye ibihugu bifite ubwigenge kandi bikemererwa kuwinjiramo.

**Umuzigo:** Umutwaro uremereye.

**Umwangavu:** Umukobwa utangiye gupfundura amabere.

**Umwishingizi:** umuntu washyizweho ngo ahagararire umwana watakaje ababyeyi mu gihe ataragira imyaka y'ubukure.

**Urugerero:** Ingando, cyangwa itorero abasore n'abagabo bajyagamo ibwami cyangwa mu rugo rw'umutware, bakahitoreza kurengera igihugu kandi bagakorera umutware imirimo itandukanye.

**Uruhare:** Umwanya umuntu agenera ikintu, icyo agomba kugikoraho.

**Urujijo**: Ikintu kidasobanutse, kitumvikana neza.

**Urwikekwe:** Amakenga.

**Urwuri:** Ahantu hari ubwatsi bwinshi kandi bwiza inka zirisha.

**Uwanga amazimwe abandwa habona:** Utifuza ko hagira ukwirakwiza ibinyoma ku byo yakoze abishyira ku mugaragaro.

**Uwububa abonwa n'uhagaze:** Ukorera mu bwihisho ibintu ariko bikanga bikagaragara.

**Yaramuhumurije:** Yamumaze ubwoba cyangwa igihunga.

**Yumvise bimurenze:** Yumvise birenze uko yabyibwiraga.

## Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe


- Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, *Twisomere 3*, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu w'amashuri agamije amajyambere y'imyuga, Kigali.
- Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1988,

  *Ikinyarwanda, gusoma no gusesengura imyandiko V.A,* igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye, Kigali.
- Murihano, B., 2005. *Ibirari by'Insigamigani.* Printer Set.
- Bigirumwami, A., 2004. *Imigani Migufi, Ibisakuzo,*

  *Inshamarenga.* 2ème Ed. Diyosezi De Nyundo.
- Minisiteri y'ubuzima, (2000), *Ibibazo urubyiruko rwibaza ku cyorezo cya Sida.*
- Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Yisumbuye, *Izina na ntera, Igitabo cy'umunyeshuri, Ukwakira 1988.*
- Rugema Aloys, Rwemerikije: Ibuye si umugati, Book, 1989, Kigali.